# *Ibirimo/Summary/Sommaire page/urup.*

**A. *Amategeko / Laws / Lois***

**N° 29/2017 ryo ku wa 29/06/2017**
Itegeko rishyiraho ubwizigame bw'igihe kirekire rikanagena imitunganyirize yabwo………....2
**N° 29/2017 of 29/06/2017**
Law establishing the long-term savings scheme and determining its organization………….....2
**N° 29/2017 du 29/06/2017**
Loi portant création du régime d'épargne à long terme et déterminant son organization………..2

**N° 31/2017 ryo ku wa 25/07/2017**
Itegeko rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe ubugenzuzi bw'ubuziranenge, ihiganwa mu bucuruzi no kurengera umuguzi, rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo..........25
**N° 31/2017 of 25/07/2017**
Law establishing Rwanda Inspectorate, Competition and Consumer Protection Authority and determining its mission, organisation and functioning…………………………………………..25
**N° 31/2017 du 25/07/2017**
Loi portant création de l'Office Rwandais d'Inspection, de Concurrence et de Protection du Consommateur et déterminant ses missions, son organisation et son fonctionnement………...25

**Nº 32/2017 ryo ku wa 03/08/2017**
Itegeko rigena imitunganyirize ya siporo, imikino n'imyidagaduro…………………………..56
**Nº 32/2017 of 03/08/2017**
Law governing organisation of sport, games and leisure ……………………………………...56
**Nº 32/2017 du 03/08/2017**
Loi portant organisation du sport, jeux et loisirs ……………………………………………....56

**N° 39/2017 ryo ku wa 16/08/2017**
Itegeko rishyiraho Ikigega cy'Igihugu cy'Ibidukikije rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo ……………………………………………………………………………...77
**Nº 39/2017 of 16/08/2017**
Law establishing the National Fund for Environment and determining its mission, organisation and functioning…………………………………………………………………………………..77
**Nº 39/2017 du 16/08/2017**
Loi portant création du Fonds National de l'Environnement et déterminant sa mission, son organisation et son fonctionnement ……………………………………………………………...77

**B. *Iteka rya Minisitiri w'Intebe / Prime Minister'Order / Arrêté du Premier Ministre***

**N° 105/03 ryo ku wa 17/08/2017**
Iteka rya Minisitiri w'Intebe risezerera nta mpaka *Director General*………………………...99
**N° 105/03 of 17/08/2017**
Prime Minister's Order on automatically removing from office a Director General………...99
**N° 105/03 du 17/08/2017**
Arrêté du Premier Ministre portant démission d'office d'un Directeur Général……………...99

| | | |
|---|---|---|
| **ITEGEKO N° 29/2017 RYO KU WA 29/06/2017 RISHYIRAHO UBWIZIGAME BW'IGIHE KIREKIRE RIKANAGENA IMITUNGANYIRIZE YABWO** | **LAW N° 29/2017 OF 29/06/2017 ESTABLISHING THE LONG-TERM SAVINGS SCHEME AND DETERMINING ITS ORGANIZATION** | **LOI N° 29/2017 DU 29/06/2017 PORTANT CREATION DU REGIME D'EPARGNE A LONG TERME ET DETERMINANT SON ORGANISATION** |
| **ISHAKIRO** | **TABLE OF CONTENTS** | **TABLE DES MATIERES** |


| | | |
|---|---|---|
| **UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE** | **CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS** | **CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES** |
| **Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije** | **Article One: Purpose of this Law** | **Article premier: Objet de la présente loi** |
| **Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo** | **Article 2: Definitions** | **Article 2: Définitions** |
| **UMUTWE WA II: IMITUNGANYIRIZE Y'UBWIZIGAME BW'IGIHE KIREKIRE** | **CHAPTER II: ORGANISATION OF THE LONG-TERM SAVINGS SCHEME** | **CHAPITRE II: ORGANISATION DU REGIME D'EPARGNE A LONG TERME** |
| **Ingingo ya 3: Uburyo n'imiterere by'ubwizigame bw'igihe kirekire** | **Article 3: Nature and character of the long-term savings scheme** | **Article 3: Nature et caractère du régime d'épargne à long terme** |
| **Ingingo ya 4 : Uburenganzira bwo kuba umunyamuryango w'ubwizigame bw'igihe kirekire** | **Article 4: Membership right to the long-term savings scheme** | **Article 4: Droit de souscription en qualité de membre du régime d'épargne à long terme** |
| **Ingingo ya 5: Ishyirwaho n'imicungire bya konti z'ubwizigame bw'igihe kirekire** | **Article 5: Establishment and management of long-term savings scheme accounts** | **Article 5: Création et gestion des comptes du régime d'épargne à long terme** |
| **Ingingo ya 6: Abashyiririrwaho konti z'ubwizigame bw'igihe kirekire** | **Article 6: Beneficiaries of long-term savings scheme accounts** | **Article 6: Bénéficiaires des comptes du régime d'épargne à long terme** |
| **Ingingo ya 7: Umusanzu w'umunyamuryango** | **Article 7: Member's contribution** | **Article 7: Cotisation du membre** |
| **Ingingo ya 8: Uburenganzira bw'umunyamuryango** | **Article 8: Right of the member** | **Article 8: Droit du membre** |
| **Ingingo ya 9: Impamvu zishingirwaho mu gutanga ibigenerwa umunyamuryango** | **Article 9: Conditions for providing benefits to the member** | **Article 9: Conditions d'octroi des prestations au membre** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 10: Ubusaze bw'uburenganzira bw'umunyamuryango** | **Article 10: Prescription of the rights of the member** | **Article 10 : Prescription des droits du membre** |
| **Ingingo ya 11: Uburenganzira bungana ku banyamuryango** | **Article 11: Equal rights for members** | **Article 11: Egalité des droits des membres** |
| **Ingingo ya 12: Uburenganzira bw'abazungura b'umunyamuryango wapfuye** | **Article 12: Rights of the successors of the deceased member** | **Article 12: Droits des successeurs du membre décédé** |
| **Ingingo ya 13: Amafaranga y'ingoboka mu bwizigame bw'igihe kirekire** | **Article 13: Reserves in the long-term savings scheme** | **Article 13 : Réserves dans le cadre du régime d'épargne à long terme** |
| **Ingingo ya 14 : Amategeko ngengamikorere y'ubwizigame bw'igihe kirekire** | **Article 14: Rules of procedure of the long-term savings scheme** | **Article 14: Règlement d'ordre intérieur du régime d'épargne à long terme** |
| **Ingingo ya 15: Ivugururwa ry'amategeko ngengamikorere y'ubwizigame bw'igihe kirekire** | **Article 15: Amendment of the Rules of Procedure of the long-term savings scheme** | **Article 15: Modification du Règlement d'ordre intérieur du régime d'épargne à long terme** |
| **UMUTWE WA III: GUTANGA SERIVISI Z'UBWIZIGAME BW'IGIHE KIREKIRE** | **CHAPTER III: PROVISION OF SERVICES OF THE LONG-TERM SAVINGS SCHEME** | **CHAPITRE III: PRESTATION DE SERVICES DU REGIME D'EPARGNE A LONG TERME** |
| **Ingingo ya 16: Abatanga serivisi z'ubwizigame bw'igihe kirekire** | **Article 16: Long-term savings scheme service providers** | **Article 16: Prestataires de services du régime d'épargne à long terme** |
| **Ingingo ya 17: Umuyobozi w'ubwizigame bw'igihe kirekire** | **Article 17: Administrator of the long-term savings scheme** | **Article 17: Administrateur du régime d'épargne à long terme** |
| **Ingingo ya 18: Ushinzwe ishoramari ry'ubwizigame bw'igihe kirekire** | **Article 18: Investment manager of the long-term savings scheme** | **Article 18: Gestionnaire d'investissement du régime d'épargne à long terme** |
| **Ingingo ya 19: Umubitsi w'ubwizigame bw'igihe kirekire** | **Article 19: Custodian of the long-term savings scheme** | **Article 19: Dépositaire du régime d'épargne à long terme** |
| **UMUTWE WA IV: INSHINGANO Z'ABATANGA SERIVISI Z'UBWIZIGAME BW'IGIHE KIREKIRE** | **CHAPTER IV: RESPONSIBILITIES OF THE LONG-TERM SAVINGS SCHEME SERVICE PROVIDERS** | **CHAPITRE IV: ATTRIBUTIONS DES PRESTATAIRES DES SERVICES DU REGIME D'EPARGNE A LONG TERME** |
| **Ingingo ya 20: Inshingano z'umuyobozi** | **Article 20: Responsibilities of the administrator** | **Article 20: Attributions de l'administrateur** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 21</u>: Inshingano z'ushinzwe ishoramari** | **<u>Article 21</u>: Responsibilities of the investment manager** | **<u>Article 21</u>: Attributions du gestionnaire d'investissement** |
| **<u>Ingingo ya 22</u>: Inshingano z'umubitsi** | **<u>Article 22</u>: Responsibilities of the custodian** | **<u>Article 22</u>: Attributions du dépositaire** |
| **<u>Ingingo ya 23</u> : Ibisabwa mu gutanga serivisi z'ubwizigame bw'igihe kirekire** | **<u>Article 23</u>: Requirements for providing long-term savings scheme services** | **<u>Article 23:</u> Conditions requises pour la prestation des services du régime d'épargne à long terme** |
| **<u>Ingingo ya 24:</u> Kwemerera gutanga serivisi z'ubwizigame bw'igihe kirekire** | **<u>Article 24</u>: Authorising to provide the long-term savings scheme services** | **<u>Article 24</u>: Autoriser la prestation des services du régime d'épargne à long terme** |
| **<u>Ingingo ya 25</u>: Ubugenzuzi bukorwa bw'ubwizigame bw'igihe kirekire n'abatanga serivisi** | **<u>Article 25</u>: Inspection of long-term savings scheme and service providers** | **<u>Article 25</u>: Inspection du régime d'épargne à long terme et des prestataires de services** |
| **<u>UMUTWE WA V</u>: IBIKORWA BYA LETA BISHISHIKARIZA KWINJIRA MU BWIZIGAME BW'IGIHE KIREKIRE** | **<u>CHAPTER V</u>: GOVERNMENT MOTIVATION FOR SUBSCRIPTION TO THE LONG-TERM SAVINGS SCHEME** | **<u>CHAPITRE V</u>: PROMOTION PAR L'ETAT A LA SOUSCRIPTION AU REGIME D'EPARGNE A LONG TERME** |
| **<u>Ingingo ya 26:</u> Uruhare rwa Leta mu bwizigame bw'igihe kirekire** | **<u>Article 26</u>: Government contribution to the long-term savings scheme** | **<u>Article 26</u>: Participation de l'Etat au régime d'épargne à long terme** |
| **<u>Ingingo ya 27</u>: Ibikorwa bishishikariza bishingiye ku musoro** | **<u>Article 27</u>: Fiscal incentives** | **<u>Article 27</u>: Incitations fiscales** |
| **<u>Ingingo ya 28:</u> Ibindi bishishikariza ubwizigame bw'igihe kirekire** | **<u>Article 28</u>: Other types of incentives for the long-term savings scheme** | **<u>Article 28</u>: Autres mesures incitatives du régime d'épargne à long terme** |
| **<u>UMUTWE WA VI:</u> ISHORAMARI MU BWIZIGAME BW'IGIHE KIREKIRE** | **<u>CHAPTER VI:</u> LONG-TERM SAVINGS SCHEME INVESTMENT** | **<u>CHAPITRE VI:</u> INVESTISSEMENT DU REGIME D'EPARGNE A LONG TERME** |
| **<u>Ingingo ya 29</u>: Gahunda y'ishoramari** | **<u>Article 29</u>: Investment programme** | **<u>Article 29</u>: Programme d'investissement** |
| **<u>Ingingo ya 30</u>: Gukurikirana ishoramari** | **<u>Article 30</u>: Investment monitoring** | **<u>Article 30</u>: Suivi de l'investissement** |
| **<u>Ingingo ya 31</u>: Inyandiko yerekana uko ishoramari rihagaze** | **<u>Article 31</u>: Investment performance report** | **<u>Article 31</u>: Rapport sur l'état d'investissement** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 32: Ibitemewe mu ishoramari ry'ubwizigame bw'igihe kirekire** | **Article 32: Restrictions on the long-term savings scheme investment** | **Article 32: Restrictions sur l'investissement du régime d'épargne à long terme** |
| **UMUTWE WA VII: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA** | **CHAPTER VII: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS** | **CHAPITRE VII: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES** |
| **Ingingo ya 33: Gutanga amakuru mu Kigo gishyiraho amabwiriza** | **Article 33: Providing information to the Regulator** | **Article 33: Fournir les informations au Régulateur** |
| **Ingingo ya 34: Ibikwa ry'inyandiko z'ubwizigame bw'igihe kirekire bw'abanyamuryango** | **Article 34: Keeping of records of members long-term savings** | **Article 34: Tenue des documents relatifs à l'épargne à long terme des membres** |
| **Ingingo ya 35: Ubujurire** | **Article 35: Appeal** | **Article 35: Recours** |
| **Ingingo ya 36: Amakosa n'ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi** | **Article 36: Administrative faults and sanctions** | **Article 36: Fautes et sanctions administratives** |
| **Ingingo ya 37: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko** | **Article 37: Drafting, consideration and adoption of this Law** | **Article 37: Initiation, examen et adoption de la présente loi** |
| **Ingingo ya 38: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri tegeko** | **Article 38: Repealing provision** | **Article 38: Disposition abrogatoire** |
| **Ingingo ya 39: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa** | **Article 39: Commencement** | **Article 39: Entrée en vigueur** |

| | | |
|---|---|---|
| **ITEGEKO N° 29/2017 RYO KU WA 29/06/2017 RISHYIRAHO UBWIZIGAME BW'IGIHE KIREKIRE RIKANAGENA IMITUNGANYIRIZE YABWO** | **LAW N° 29/2017 OF 29/06/2017 ESTABLISHING THE LONG-TERM SAVINGS SCHEME AND DETERMINING ITS ORGANIZATION** | **LOI N° 29/2017 DU 29/06/2017 PORTANT CREATION DU REGIME D'EPARGNE A LONG TERME ET DETERMINANT SON ORGANISATION** |
| **Twebwe, KAGAME Paul,**<br>Perezida wa Repubulika; | **We, KAGAME Paul,**<br>President of the Republic; | **Nous, KAGAME Paul,**<br>Président de la République; |
| **INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA, KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA** | **THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA** | **LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA** |
| **INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:** | **THE PARLIAMENT:** | **LE PARLEMENT:** |
| Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 7 Kamena 2017; | The Chamber of Deputies, in its session of 7 June 2017; | La Chambre des Députés, en sa séance du 7 juin 2017; |
| Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 106, iya 120, n'iya 176; | Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120 and 176; | Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120 et 176; |
| Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga arebana n'uburengazira mu by'ubukungu, imibereho no mu by'umuco yo ku wa 16 Ukuboza 1966, yemejwe n'Itegeko-teka nº 8/75 ryo ku wa 12/02/1975; | Pursuant to the International Covenant on Economic, Social and Cultural Rights of 16 December 1966 ratified by Decree-Law n° 8/75 of 12/02/1975; | Vu le Pacte international relatif aux droits économiques, sociaux et culturels du 16 décembre 1966 ratifié par le Décret-loi n° 8/75 du 12/02/1975; |
| **<u>UMUTWE WA MBERE</u>: INGINGO RUSANGE** | **<u>CHAPTER ONE</u>: GENERAL PROVISIONS** | **<u>CHAPITRE PREMIER</u>: DISPOSITIONS GENERALES** |
| **<u>Ingingo ya mbere</u>: Icyo iri tegeko rigamije**<br>Iri tegeko rishyiraho ubwizigame bw'igihe kirekire rikanagena imitunganyirize yabwo. | **<u>Article One</u>: Purpose of this Law**<br>This Law establishes the long-term savings scheme and determines its organization. | **<u>Article premier</u>: Objet de la présente loi**<br>La présente loi porte création du régime d'épargne à long terme et détermine son organisation. |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo** | **Article 2: Definitions** | **Article 2: Définitions** |
| Muri iri tegeko, amagambo akurikira asobanuwe mu buryo bukurikira: | For the purposes of this Law, the following terms have the following meanings: | Aux fins de la présente loi, les termes repris ci-après ont les significations suivantes: |
| 1° **amafaranga y'ingoboka:** umubare w'amafaranga udashobora kujya munsi, kugira ngo ubwizigame bw'abanyamuryango budahungabana. Ayo mafaranga ntashyirwa muri gahunda z'ishoramari; | 1° **reserves:** minimum cash balance which is maintained for keeping safe the long term savings made by members. Such minimum balance shall not be allocated to any investment programme; | 1° **réserves :** un montant minimum maintenu à des fins de sécurité de l'épargne à long terme faite par les membres. Ce solde minimum ne doit être alloué à aucun programme d'investissement; |
| 2° **ibigenerwa uwizigamiye:** ibyo uwizigamiye cyangwa uwazigamiwe bahabwa n'ubwizigame bw'igihe kirekire hakurikijwe amategeko abigenga; | 2° **long-term savings benefits:** allowances granted to the person paying contributions or for whom contributions are paid to the long-term savings scheme in accordance with relevant laws; | 2° **prestations d'épargne à long terme:** allocations versées à une personne qui a payé les cotisations ou à la personne pour laquelle les cotisations ont été payées au régime d'épargne à long terme conformément à la législation en la matière; |
| 3° **Ikigo gishyiraho amabwiriza**: Ikigo cyangwa urwego rwa Leta rufite igenzura ry'ibigo by'imari mu nshingano zarwo ; | 3° **Regulator**: an institution or a Government organ in charge of regulation of financial institutions; | 3° **Régulateur:** une institution ou un organe de l'Etat ayant la réglementation des institutions financières dans ses attributions; |
| 4° **uburyo bw'ubwiteganyirize bushingiye ku misanzu yatanzwe**: uburyo ibihabwa abizigamiye bibarwa hashingiwe ku misanzu batanze no ku nyungu ikomoka ku musaruro w'ishoramari rishingiye kuri iyo misanzu; | 4° **defined contribution scheme:** a scheme where long-term savings scheme benefits are determined on the basis of the contributions made and the performance of the investment of such contributions; | 4° **régime à cotisations définies:** un régime dans lequel les prestations du régime d'épargne à long terme sont déterminées par les cotisations versées et le rendement de l'investissement de ces cotisations; |
| 5° **ufite uburenganzira**: umuntu wese wemerewe n'amategeko guhabwa ibigenerwa uwizigamiye cyangwa wazigamiwe mu | 5° **beneficiary:** any person legally authorized to enjoy the right to be given allowances granted to the person paying contributions or to the person for whom | 5° **bénéficiaire**: toute personne à qui sont versées les allocations destinées à la personne qui a payé les cotisations ou à la personne pour laquelle les |

| | | |
|---|---|---|
| bwizigame bw'igihe kirekire; | allowances are paid under the long-term savings scheme; | cotisations ont été payées en terme du régime d'épargne à long terme; |
| 6° **umubitsi**: ikigo kibifitiye ubushobozi cyemerewe mu buryo buteganywa n'iri tegeko gucunga amafaranga y'ubwizigame bw'igihe kirekire, inyandiko zifatwa nka yo cyangwa zifitanye isano na yo; | 6° **custodian:** a qualified institution authorized in accordance with modalities set by this Law, to manage long-term savings and any other similar or related instrument; | 6° **dépositaire:** un établissement qualifié et agréé selon les modalités prévues par la présente loi, pour gérer l'épargne à long terme ainsi que tout autre titre assimilé ou connexe; |
| 7° **umunyamuryango:** umuntu wese wizigamiye cyangwa wazigamiwe mu bwizigame bw'igihe kirekire; | 7° **member:** any person paying contributions to long-term savings scheme or for whom such contributions are paid; | 7° **membre:** toute personne versant les cotisations au régime d'épargne à long terme ou toute personne pour laquelle lesdites cotisations sont versées; |
| 8° **umuyobozi**: ikigo cya Leta cyahawe ububasha bwo gucunga ubwizigame bw'igihe kirekire no gukora imirimo y'ubutegetsi ijyanye na bwo; | 8° **administrator**: a public institution authorized to manage the long-term savings scheme and perform administrative services related to such scheme; | 8° **administrateur**: un établissement public autorisé à gérer le régime d'épargne à long terme et accomplir les services administratifs y relatifs; |
| 9° **ushinzwe ishoramari:** ikigo kibifitiye ubushobozi cyemerewe mu buryo buteganywa n'iri tegeko, gushora imari cyangwa undi mutungo w'ubwizigame bw'igihe kirekire. | 9° **investment manager:** a qualified institution authorised to carry out investment of the long-term savings scheme funds or property in accordance with modalities set under this Law. | 9° **gestionnaire d'investissement:** un établissement qualifié, autorisé à effectuer l'investissement des fonds ou des biens du régime d'épargne à long terme selon les modalités prévues par la présente loi. |
| **<u>UMUTWE WA II</u>: IMITUNGANYIRIZE Y'UBWIZIGAME BW'IGIHE KIREKIRE** | **<u>CHAPTER II</u>: ORGANISATION OF THE LONG-TERM SAVINGS SCHEME** | **<u>CHAPITRE II</u>: ORGANISATION DU REGIME D'EPARGNE A LONG TERME** |
| **<u>Ingingo ya 3</u>: Uburyo n'imiterere by'ubwizigame bw'igihe kirekire** | **<u>Article 3</u>: Nature and character of the long-term savings scheme** | **<u>Article 3:</u> Nature et caractère du régime d'épargne à long terme** |
| Ubwizigame bw'igihe kirekire bukorwa mu buryo bw'ubwizigame bushingiye ku misanzu yatanzwe bikozwe ku bushake bwo gufunguza konti yo kuzigama ku muyobozi. | The long-term savings scheme is established on a contribution basis given voluntarily by opening a savings account with a scheme administrator. | Le régime d'épargne à long terme est établi sur la base des cotisations données volontairement en ouvrant un compte d'épargne auprès de l'administrateur. |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 4 : Uburenganzira bwo kuba umunyamuryango w'ubwizigame bw'igihe kirekire** | **Article 4: Membership right to the long-term savings scheme** | **Article 4: Droit de souscription en qualité de membre du régime d'épargne à long terme** |
| Umunyarwanda wese n'umunyamahanga utuye mu Rwanda bafite uburenganzira bwo kwiyandikisha kuba umunyamuryango mu bwizigame bw'igihe kirekire. | Any Rwandan and any other foreigner residing in Rwanda has the right to subscribe as member to the long-term savings scheme. | Tout citoyen rwandais et tout autre étranger résidant au Rwanda a le droit de souscrire en tant que membre au régime d'épargne à long terme. |
| **Ingingo ya 5: Ishyirwaho n'imicungire bya konti z'ubwizigame bw'igihe kirekire** | **Article 5: Establishment and management of long-term savings scheme accounts** | **Article 5: Création et gestion des comptes du régime d'épargne à long terme** |
| Umuyobozi ashyiraho konti z'ubwizigame bw'igihe kirekire abantu bafunguza igihe cyo kwiyandikisha. | The administrator establishes long-term savings scheme accounts that persons open upon subscription. | L'administrateur crée des comptes du régime d'épargne à long terme que les personnes ouvrent lors de la souscription. |
| Izo konti zicungwa mu buryo butandukanye na konti z'indi mitungo y'umuyobozi kandi ntizigomba kuba mu mitungo rusange ye. | Such accounts are kept separately from other accounts for assets of the administrator and shall not be part of his/her general assets. | Ces comptes sont tenus séparés des comptes d'autres avoirs de l'administrateur et ne doivent pas faire partie de son actif global. |
| **Ingingo ya 6: Abashyirirwaho konti z'ubwizigame bw'igihe kirekire** | **Article 6: Beneficiaries of long-term savings scheme accounts** | **Article 6: Bénéficiaires des comptes du régime d'épargne à long terme** |
| Konti z'ubwizigame bw'igihe kirekire zishyirirwaho abantu bakurikira: | Accounts of long-term savings scheme are established for the following persons: | Les comptes du régime d'épargne à long terme sont créés pour les personnes suivantes: |
| 1° uwikorera mu rwego rw'imirimo idafite amategeko ayigenga wifuza kwizigamira by'igihe kirekire; | 1° a self-employed person working in the informal sector wishing to make long-term savings; | 1° un travailleur indépendant œuvrant dans le secteur informel qui souhaite épargner à long terme; |
| 2° umukozi wo mu rwego rw'imirimo idafite amategeko ayigenga wifuza kwizigamira by'igihe kirekire ; | 2° a worker operating in the informal sector wishing to make long-term savings; | 2° un agent du secteur informel qui souhaite épargner à long terme; |
| 3° umukozi ukorera umushahara hatitawe ku bundi bwiteganyirize yaba arimo, wifuza kwizigamira by'igihe kirekire; | 3° a salaried person wishing to make long-term savings regardless of his/her status as member of any other social security scheme; | 3° un salarié qui, indépendamment de son statut de membre de tout autre régime de sécurité |

| | | |
|---|---|---|
| | | sociale, souhaite épargner à long terme; |
| 4° umunyamuryango utakitabira ubwiteganyirize yari arimo ariko ashobora kububonamo amafaranga hakurikijwe amategeko abugenga akayimurira kuri konti yo kwizigamira by'igihe kirekire. | 4° a person whose active membership has ceased in a social security scheme but still receiving an amount of money under the laws regulating that scheme, and transfers such money to a long-term savings account ; | 4° une personne qui a perdu sa qualité de membre actif d'un régime de sécurité sociale mais qui en reçoit de l'argent conformément aux lois régissant ce régime et qui le transfère sur un compte épargne à long terme; |
| 5° umwana uri munsi y'imyaka cumi n'itandatu (16) y'amavuko uteganyirizwa kuri konti y'ubwizigame bw'igihe kirekire yashyizweho n'umubyeyi cyangwa umwishingizi we; | 5° a child below the age of sixteen (16) years who is a beneficiary of a long-term savings scheme account opened by his/her parent or guardian; | 5° un enfant de moins de seize (16) ans bénéficiaire d'un compte du régime d'épargne à long terme ouvert par son parent ou tuteur; |
| 6° undi muntu wese utari mu byiciro bivuzwe mu duce tw'iyi ngingo tubanziriza aka. | 6° any other person not falling into the categories referred to in the preceding items of this Article. | 6° toute autre personne ne rentrant pas dans l'une des catégories visées aux points précédents du présent article. |
| **<u>Ingingo ya 7</u>: Umusanzu w'umunyamuryango** | **<u>Article 7:</u> Member's contribution** | **<u>Article 7:</u> Cotisation du membre** |
| Umunyamuryango w'ubwizigame bw'igihe kirekire atanga umusanzu akurikije ubushobozi bwe. | The member of the long term savings scheme pays a contribution depending on his/her capacity. | Le membre du régime d'épargne à long terme cotise en fonction de sa capacité. |
| **<u>Ingingo ya 8</u>: Uburenganzira bw'umunyamuryango** | **<u>Article 8:</u> Right of the member** | **<u>Article 8:</u> Droit du membre** |
| Umunyamuryango afite uburenganzira bwo guhabwa amakuru ku bwizigame bwe, amafaranga yizigamiye n'inyungu ziyakomokaho.<br><br>Amategeko ngengamikorere ashobora kugena ibindi bigenerwa umunyamuryango. | The member has the right to be informed of his/her savings and receive his/her savings as well as its proceeds.<br><br>The Rules of Procedure may determine other benefits allocated to a member. | Le membre a le droit d'être informé de son épargne et de recevoir ses épargnes ainsi que leur produit.<br><br>Le Règlement d'ordre intérieur peut déterminer d'autres prestations allouées au membre. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 9</u>: Impamvu zishingirwaho mu gutanga ibigenerwa umunyamuryango** | **<u>Article 9</u>: Conditions for providing benefits to the member** | **<u>Article 9</u>: Conditions d'octroi des prestations au membre** |
| Ibigenerwa umunyamuryango bitangwa habayeho imwe mu mpamvu zikurikira : | Benefits due to the member are provided under any of the following conditions: | Les prestations dues au membre sont accordées dans l'une des conditions suivantes : |
| 1° agize nibura imyaka mirongo itanu n'itanu (55) y'amavuko ; | 1° at the age of at least fifty-five (55) years; | 1° à l'âge de cinquante-cinq (55) ans au moins; |
| 2° apfuye; | 2° his/her death; | 2° son décès; |
| 3° agize ubumuga butuma adakomeza kuba umunyamuryango; | 3° disability which leads to his/her loss of membership; | 3° invalidité qui entraîne la perte de sa qualité de membre; |
| 4° ari umunyamahanga uvuye burundu ku butaka bw'u Rwanda; | 4° definitive departure from the territory of Rwanda for a non-national; | 4° départ définitif du territoire du Rwanda pour un expatrié; |
| 5° yihitiyemo kubikuza igice cy'ubwizigame bwe agamije kwiyubakira icumbi cyangwa kwishyura amashuri; | 5° personal choice of a member to withdraw a percentage of his/her savings for acquiring a home or paying for education; | 5° choix personnel d'un membre de retirer un pourcentage de ses épargnes pour se procurer un logement ou payer l'éducation; |
| 6° ahisemo gukoresha igice kimwe cy'ubwizigame bwe nk'ingwate y'inguzanyo; | 6° personal choice of a member to use a percentage of his/her savings as a loan security; | 6° choix personnel d'un membre de se servir d'un pourcentage de ses épargnes comme garantie de prêt; |
| 7° habayeho ikindi cyagenwa n'Ikigo gishyiraho amabwiriza. | 7° any other case that may be determined by the Regulator. | 7° tout autre cas pouvant être déterminé par le Régulateur. |
| Icyakora, umunyamuryango ugize imyaka mirongo itanu n'itanu (55) y'amavuko cyangwa umunyamahanga uvuye burundu ku butaka bw'u Rwanda ashobora kugumisha ubwizigame bwe mu bwizigame bw'igihe kirekire. | However, a fifty-five (55) year old member or a non-national member who definitively leaves the territory of Rwanda may maintain his/her savings in the long term savings scheme. | Toutefois, un membre âgé de cinquante-cinq (55) ans ou un membre expatrié qui quitte définitivement le territoire du Rwanda peut garder son épargne dans le régime d'épargne à long terme. |
| Uburyo bukoreshwa mu gutanga ibigenerwa umunyamuryango bugenwa n'Iteka rya Minisitiri ufite imari mu nshingano ze. | An Order of the Minister in charge of finance determines modalities for granting benefits to the member. | Un arrêté du Ministre ayant les finances dans ses attributions détermine les modalités d'octroi des prestations au membre. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 10</u>: Ubusaze bw'uburenganzira bw'umunyamuryango** | **<u>Article 10</u>: Prescription of the rights of the member** | **<u>Article 10</u>: Prescription des droits du membre** |
| Uburenganzira bw'umunyamuryango w'ubwizigame bw'igihe kirekire ntibusaza. | The rights of the member of the long-term savings scheme are imprescriptible. | Les droits du membre du régime d'épargne à long terme sont imprescriptibles. |
| **<u>Ingingo ya 11</u>: Uburenganzira bungana ku banyamuryango** | **<u>Article 11:</u> Equal rights for members** | **<u>Article 11</u>: Egalité des droits des membres** |
| Abanyamuryango b'ubwizigame bw'igihe kirekire bafite uburenganzira bungana hashingiwe ku bwizigame bwabo. | Members of the long-term savings scheme enjoy equal rights on the basis of their savings. | Les membres du régime d'épargne à long terme jouissent des mêmes droits en fonction de leur épargne. |
| Mu bwizigame bw'igihe kirekire ivangura iryo ari ryo ryose rirabujijwe. | In the long-term savings scheme, any form of discrimination is prohibited. | Dans le régime d'épargne à long terme, toute forme de discrimination est interdite. |
| **<u>Ingingo ya 12</u>: Uburenganzira bw'abazungura b'umunyamuryango wapfuye** | **<u>Article 12</u>: Rights of the successors of the deceased member** | **<u>Article 12</u>: Droits des successeurs du membre décédé** |
| Abazungura b'umunyamuryango wapfuye bahabwa ibyo agenerwa hakurikijwe itegeko rigenga izungura. | The benefits due to the deceased member are granted to his/her successors in accordance with the law on succession. | Les prestations dues au membre décédé sont accordées à ses successeurs conformément à la loi sur la succession. |
| **<u>Ingingo ya 13</u>: Amafaranga y'ingoboka mu bwizigame bw'igihe kirekire** | **<u>Article 13</u>: Reserves in the long-term savings scheme** | **<u>Article 13</u>: Réserves dans le cadre du régime d'épargne à long terme** |
| Mu bwizigame bw'igihe kirekire hagenwa amafaranga y'ingoboka kugira ngo ubwo bwizigame budahungabana. | In the long-term savings scheme, reserves are provided to ensure the stability of the scheme. | Dans le régime d'épargne à long terme, des réserves sont constituées en vue d'assurer la stabilité dudit régime. |
| Ikigo gishyiraho amabwiriza kigena uburyo ayo mafaranga abarwa n'imicungire yayo. | The Regulator determines modalities for the calculation and management of these reserves. | Le Régulateur détermine les modalités de calcul et de gestion de ces réserves. |
| **<u>Ingingo ya 14</u>: Amategeko ngengamikorere y'ubwizigame bw'igihe kirekire** | **<u>Article 14</u>: Rules of Procedure of the long-term savings scheme** | **<u>Article 14</u>: Règlement d'ordre intérieur du régime d'épargne à long terme** |
| Ubwizigame bw'igihe kirekire bugira amategeko ngengamikorere abugenga ategurwa n'umuyobozi akemezwa n'Ikigo gishyiraho amabwiriza. | The long-term savings scheme is governed by the Rules of Procedure drafted by the administrator and approved by the Regulator. | Le régime d'épargne à long terme est régi par un Règlement d'ordre intérieur élaboré par l'administrateur et approuvé par le Régulateur. |

| | | |
|---|---|---|
| Amategeko ngengamikorere iyo amaze kwemezwa n'Ikigo gishyiraho amabwira atangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. | After approval by the Regulator, the Rules of Procedure are published in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. | Après l'approbation par le Régulateur, le Règlement d'ordre intérieur est publié au Journal Officiel de la République du Rwanda. |
| Amategeko ngengamikorere agomba kuba akubiyemo nibura ibi bikurikira : | The Rules of Procedure must include at least the following: | Le Règlement d'ordre intérieur doit comprendre notamment: |
| 1° ibisabwa ushaka kuba umunyamuryango; | 1° membership requirements; | 1° les conditions requises pour être membre; |
| 2° uburyo uburenganzira bw'umunyamuryango buteganywa n'iri tegeko butangwa n'ibindi agenerwa; | 2° modalities for granting the member's rights provided for in this Law and other benefits; | 2° les modalités d'octroi des droits du membre prévus par la présente loi et d'autres prestations; |
| 3° uko ibyemezo bifatwa n'uko byandikwa; | 3° the procedure under which decisions are made and recorded; | 3° la procédure de prise de décisions et de leur rédaction; |
| 4° uburyo abatanga serivisi bashyirwaho n'uburyo bakurwaho; | 4° modalities for appointment and revocation of service providers; | 4° les modalités de désignation et de révocation des prestataires de services; |
| 5° uburyo ubwizigame bw'igihe kirekire bwishingirwa. | 5° modalities for insuring long-term savings. | 5° les modalités relatives à l'assurance de l'épargne à long terme. |
| **<u>Ingingo ya 15</u>: Ivugururwa ry'amategeko ngengamikorere y'ubwizigame bw'igihe kirekire** | **<u>Article 15</u>: Amendment of the Rules of Procedure of the long-term savings scheme** | **<u>Article 15</u>: Modification du Règlement d'ordre intérieur du régime d'épargne à long terme** |
| Umushinga w'ivugurura ry'amategeko ngengamikorere y'ubwizigame bw'igihe kirekire utegurwa n'umuyobozi ugashyikirizwa Ikigo gishyiraho amabwiriza kugira ngo kiwemeze. | The amendment proposal of the Rules of Procedure of the long-term savings scheme is drafted by the administrator and submitted to the Regulator for approval. | Le projet de modification du Règlement d'ordre intérieur du régime d'épargne à long terme est élaboré par l'administrateur et est soumis au Régulateur pour approbation. |
| Nta vugurura ry'amategeko ngengamikorere y'ubwizigame bw'igihe kirekire rigira agaciro iyo rivanaho cyangwa rigabanya uburenganzira bw'abanyamuryango. | No amendment of the Rules of Procedure of the long-term savings scheme is valid if it invalidates or reduces the rights of members. | Aucune modification du Règlement d'ordre intérieur du régime d'épargne à long terme n'est valable si elle supprime ou réduit les droits des membres. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>UMUTWE WA III</u>: GUTANGA SERIVISI Z'UBWIZIGAME BW'IGIHE KIREKIRE** | **<u>CHAPTER III:</u> PROVISION OF SERVICES OF THE LONG-TERM SAVINGS SCHEME** | **<u>CHAPITRE III</u>: PRESTATION DE SERVICES DU REGIME D'EPARGNE A LONG TERME** |
| **<u>Ingingo ya 16</u>: Abatanga serivisi z'ubwizigame bw'igihe kirekire** | **<u>Article 16</u>: Long-term savings scheme service providers** | **<u>Article 16</u>: Prestataires de services du régime d'épargne à long terme** |
| Abatanga serivisi z'ubwizigame bw'igihe kirekire ni aba bakurikira:<br>1° umuyobozi;<br>2° ushinzwe ishoramari;<br>3° umubitsi. | Long-term savings scheme service providers are the following:<br>1° administrator;<br>2° investment manager;<br>3° custodian. | Les prestataires de services du régime d'épargne à long terme sont les suivants :<br>1° administrateur;<br>2° gestionnaire d'investissement;<br>3° dépositaire. |
| **<u>Ingingo ya 17</u>: Umuyobozi w'ubwizigame bw'igihe kirekire** | **<u>Article 17</u>: Administrator of the long-term savings scheme** | **<u>Article 17</u>: Administrateur du régime d'épargne à long terme** |
| Umuyobozi w'ubwizigame bw'igihe kirekire agenwa n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe. | The administrator of the long-term savings scheme is appointed by a Prime Minister's Order. | L'administrateur du régime d'épargne à long terme est nommé par arrêté du Premier Ministre. |
| **<u>Ingingo ya 18</u>: Ushinzwe ishoramari ry'ubwizigame bw'igihe kirekire** | **<u>Article 18</u>: Investment manager of the long-term savings scheme** | **<u>Article 18</u>: Gestionnaire d'investissement du régime d'épargne à long terme** |
| Aba bakurikira ni bo bashobora kuba ushinzwe ishoramari:<br>1° banki;<br>2° ikigo cy'ubwishingizi ;<br>3° ikigo cy'imari iciriritse;<br>4° ikindi kigo cy'imari gifite ubushobozi bwo gukora umurimo wo gucunga ishoramari. | The following are eligible to assume the role of the investment manager:<br>1° a bank;<br>2° an insurance company;<br>3° a microfinance institution;<br>4° any other financial institution capable of performing investment management services. | Sont éligibles à assumer le rôle de gestionnaire d'investissement:<br>1° une banque;<br>2° une société d'assurance;<br>3° une institution de microfinance;<br>4° toute autre institution financière capable d'exercer des services de gestion d'investissement. |
| Ushinzwe Ishoramari ry'ubwizigame bw'igihe kirekire ntashobora gukora undi murimo muri ubwo bwizigame. | The investment manager of the long-term savings scheme shall not serve in any other capacity for the same scheme. | Le gestionnaire d'investissement du régime d'épargne à long terme ne peut exercer aucune autre fonction dans ce régime. |
| **<u>Ingingo ya 19:</u> Umubitsi w'ubwizigame bw'igihe kirekire** | **<u>Article 19</u>: Custodian of the long-term savings scheme** | **<u>Article 19</u>: Dépositaire du régime d'épargne à long terme** |
| Aba bakurikira ni bo bashobora kuba umubitsi: | The following are eligible to assume the role of the custodian: | Sont éligibles à assumer le rôle de dépositaire: |

| | | |
|---|---|---|
| 1° banki; | 1° a bank; | 1° une banque ; |
| 2° ikigo cy'imari iciriritse; | 2° microfinance institution; | 2° une institution de microfinance; |
| 3° ikindi kigo cy'imari gifite ubushobozi bwo gukora umurimo w'ububitsi. | 3° any other finance institution qualified to perform the custodian service. | 3° toute autre institution de finance compétente pour agir en qualité de dépositaire. |
| Umubitsi w'ubwizigame bw'igihe kirekire ntashobora gukora undi murimo muri ubwo bwizigame. | The Custodian for the long-term savings scheme shall not serve in any other capacity for the same scheme. | Le dépositaire du régime d'épargne à long terme ne peut exercer aucune autre fonction dans ce régime. |
| **<u>UMUTWE WA IV</u>: INSHINGANO Z'ABATANGA SERIVISI Z'UBWIZIGAME BW'IGIHE KIREKIRE** | **<u>CHAPTER IV</u>: RESPONSIBILITIES OF THE LONG-TERM SAVINGS SCHEME SERVICE PROVIDERS** | **<u>CHAPITRE IV</u>: ATTRIBUTIONS DES PRESTATAIRES DES SERVICES DU REGIME D'EPARGNE A LONG TERME** |
| **<u>Ingingo ya 20</u>: Inshingano z'umuyobozi** | **<u>Article 20</u>: Responsibilities of the administrator** | **<u>Article 20</u>: Attributions de l'administrateur** |
| Umuyobozi afite inshingano zikurikira: | The administrator has the following responsibilities: | L'administrateur a les attributions suivantes: |
| 1° kuyobora, gucunga no kugenzura buri munsi ibikorwa by'ubutegetsi nk'uko biteganywa n'amategeko abigenga; | 1° to direct, manage and control on a daily basis, administrative operations in accordance with relevant laws; | 1° diriger, gérer et contrôler quotidiennement les opérations administratives, conformément à la législation en la matière; |
| 2° kubika neza inyandiko zerekeranye n'imigendekere y'umurimo w'ubwizigame bw'igihe kirekire n'amakuru arebana n'abanyamuryango; | 2° to ensure proper keeping of records related to the operations of the long-term savings scheme and information related to members; | 2° assurer la bonne tenue des documents en rapport avec les opérations du régime d'épargne à long terme, ainsi que les informations relatives aux membres; |
| 3° kumenyesha abanyamuryango amakuru ku gihe kandi mu buryo bwuzuye nk'uko biteganywa n'iri tegeko; | 3° to provide timely and accurate information to members in accordance with the provisions of this Law; | 3° donner aux membres les informations complètes et à temps, conformément aux dispositions de la présente loi; |
| 4° gushyiraho uburyo bw'ikoranabuhanga mu micungire y'ubwizigame bw'igihe kirekire ; | 4° to put in place an electronic system for the management of the long-term savings scheme; | 4° mettre en place un système électronique de gestion du régime d'épargne à long terme ; |

| | | |
|---|---|---|
| 5° gushyikiriza Ikigo gishyiraho amabwiriza raporo ya buri gihembwe n'iya buri mwaka y'imicungire y'ubwizigame bw'igihe kirekire; | 5° to submit quarterly and annual report to the Regulator on the long-term savings scheme management ; | 5° transmettre au Régulateur le rapport trimestriel et annuel de la gestion du régime d'épargne à long terme; |
| 6° gutegura amategeko ngengamikorere n'ivugururwa ryayo no kuyashyikiriza Ikigo gishyiraho amabwiriza ; | 6° to draft Rules of Procedure and its amendment and submit it to the Regulator; | 6° élaborer le Règlement d'ordre intérieur et sa modification et le transmettre au Régulateur ; |
| 7° gutanga ibigenerwa abanyamuryango ; | 7° to provide benefits to members; | 7° allouer les prestations aux membres ; |
| 8° kwandika abanyamuryango, gufungura konti no kuzicunga; | 8° to register members, open accounts and ensure their management; | 8° inscrire les membres, ouvrir les comptes et assurer leur gestion; |
| 9° gushyiraho gahunda y'ishoramari y'ubwizigame bw'igihe kirekire hakurikijwe politiki y'Igihugu y'ishoramari; | 9° to develop an investment programme of the long-term savings scheme in accordance with the national investment policy; | 9° élaborer un programme d'investissement du régime d'épargne à long terme conformément à la politique nationale d'investissement ; |
| 10° gushyiraho uburyo imirimo ikurikira ikorwa mu micungire y'ubwizigame bw'igihe kirekire: | 10° to establish modalities for the performance of the following activities related to the long-term savings scheme: | 10° mettre en place les modalités de réalisation des activités suivantes du régime d'épargne à long terme : |
| a. ubugenzuzi bwite bw'imari; | a. financial internal audit; | a. audit interne des finances ; |
| b. umurimo w'umugenzuzi wigenga ; | b. external auditor's duties; | b. fonctions d'un auditeur externe; |
| c. umurimo w'umuhanga mu mibare y'ubwizigame ; | c. duties of an actuary; | c. fonctions d'un actuaire; |
| d. iyubahirizwa ry'ibyateganyijwe. | d. compliance with the existing planning. | d. respect de la planification en place. |
| 11° kuzuza indi nshingano irebana n'ubwizigame bw'igihe kirekire yahabwa n'Ikigo gishyiraho amabwiriza. | 11° to perform any other duty for the long- term savings scheme as may be assigned by the Regulator. | 11° exécuter toute autre tâche en rapport avec le régime d'épargne à long terme pouvant lui être confiée par le Régulateur. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 21</u>: Inshingano z'ushinzwe ishoramari** | **<u>Article 21</u>: Responsibilities of the investment manager** | **<u>Article 21</u>: Attributions du gestionnaire d'investissement** |
| Ushinzwe ishoramari afite inshingano zikurikira: | The investment manager has the following responsibilities: | Le gestionnaire d'investissement a les attributions suivantes: |
| 1° kuyobora, gucunga no kugenzura ibikorwa bya gahunda y'ishoramari nk'uko biteganywa n'amategeko abigenga; | 1° to direct, manage and control investment programme operations in accordance with relevant laws; | 1° diriger, gérer et contrôler les opérations du programme d'investissement conformément à la législation en la matière; |
| 2° gushora umutungo hakurikijwe gahunda y'ishoramari y'ubwizigame bw'igihe kirekire; | 2° to invest the assets in accordance with the long-term savings scheme investment programme; | 2° investir les avoirs conformément au programme d'investissement du régime d'épargne à long terme ; |
| 3° gushyikiriza Ikigo gishyiraho amabwiriza raporo ya buri gihembwe n'iya buri mwaka y'ishoramari ry'ubwizigame bw'igihe kirekire; | 3° to submit to the Regulator a quarterly and annual report on the long-term savings scheme investment; | 3° transmettre au Régulateur le rapport trimestriel et annuel d'investissement du régime d'épargne à long terme; |
| 4° kuzuza indi nshingano irebana n'ishoramari ry'ubwizigame bw'igihe kirekire yahabwa n'Ikigo gishyiraho amabwiriza. | 4° to perform any other duty pertaining to the long-term savings scheme investment as may be assigned by the Regulator. | 4° exécuter toute autre tâche en rapport avec l'investissement du régime d'épargne à long terme pouvant lui être confiée par le Régulateur. |
| **<u>Ingingo ya 22</u>: Inshingano z'umubitsi** | **<u>Article 22</u>: Responsibilities of the custodian** | **<u>Article 22</u>: Attributions du dépositaire** |
| Umubitsi afite inshingano zikurikira: | The custodian has the following responsibilities: | Le dépositaire a les attributions suivantes: |
| 1° kubika no kugenzura amafaranga n'ibindi byagenwa n'amasezerano afitanye n'umuyobozi; | 1° to keep and control funds and any other items as may be determined by the contract with the administrator; | 1° tenir et contrôler les fonds ainsi que d'autres objets pouvant être déterminés par le contrat avec l'administrateur**;** |
| 2° kwakira no kwandika ubwizigame bw'abanyamuryango bwakusanyijwe mu bihe biteganyijwe mu masezerano y'ububitsi; | 2° to receive and record members contributions collected within the timeframes specified by the custody agreement; | 2° recevoir et enregistrer les cotisations des membres collectées dans les délais fixés par le contrat de dépôt; |
| 3° gushyikiriza ushinzwe ishoramari amafaranga agenewe ishoramari abisabwe n'umuyobozi; | 3° to transfer funds for investment to the investment manager upon request by the administrator; | 3° faire le transfert des fonds d'investissement au gestionnaire d'investissement à la demande de l'administrateur ; |

| | | |
|---|---|---|
| 4° gushyikiriza umuyobozi n'Ikigo gishyiraho amabwiriza raporo ya buri gihembwe n'iya buri mwaka y'imirimo ashinzwe; | 4° to submit to the administrator and the Regulator a quarterly and annual activity report; | 4° transmettre à l'administrateur et au Régulateur le rapport d'activités trimestriel et annuel; |
| 5° kuzuza indi nshingano ijyanye n'ububitsi bw'ubwizigame bw'igihe kirekire yahabwa n'Ikigo gishyiraho amabwiriza. | 5° to perform any other duty related to the long-term savings scheme custody as may be assigned by the Regulator. | 5° exécuter toute autre tâche relative au dépôt du régime d'épargne à long terme pouvant lui être confiée par le Régulateur. |
| **<u>Ingingo ya 23</u> : Ibisabwa mu gutanga serivisi z'ubwizigame bw'igihe kirekire** | **<u>Article 23</u>: Requirements for providing long-term savings scheme services** | **<u>Article 23:</u> Conditions requises pour la prestation des services du régime d'épargne à long terme** |
| Ikigo gishyiraho amabwiriza kigena ibisabwa mu gutanga uruhushya rwo gukora imirimo y'ushinzwe ishoramari n'iy'ububitsi. | The Regulator determines the requirements for issuing the operating license for the investment manager and the custodian. | Le Régulateur détermine les conditions requises pour l'octroi de permis d'exploitation au gestionnaire d'investissement et au dépositaire. |
| **<u>Ingingo ya 24:</u> Kwemerera gutanga serivisi z'ubwizigame bw'igihe kirekire** | **<u>Article 24</u>: Authorising to provide the long-term savings scheme services** | **<u>Article 24</u>: Autoriser la prestation des services du régime d'épargne à long terme** |
| Ikigo gishyiraho amabwiriza cyemerera ushinzwe ishoramari n'umubitsi gutanga serivisi z'ubwizigame bw'igihe kirekire. | The Regulator authorises the investment manager and the custodian to provide long-term savings scheme services. | Le Régulateur autorise le gestionnaire d'investissement et le dépositaire à fournir les services du régime d'épargne à long terme. |
| **<u>Ingingo ya 25</u>: Ubugenzuzi bukorwa bw'ubwizigame bw'igihe kirekire n'abatanga serivisi** | **<u>Article 25</u>: Inspection of long-term savings scheme and service providers** | **<u>Article 25</u>: Inspection du régime d'épargne à long terme et des prestataires de services** |
| Ikigo gishyiraho amabwiriza kigenzura amafaranga, inyandiko z'agaciro n'undi mutungo, ibitabo by'ibaruramari, inyandikomvugo, impamyabwishyu n'izindi nyandiko zigaragaza imiterere n'imikorere y'ubwizigame bw'igihe kirekire. | The Regulator carries out inspection on funds, securities and other portfolio of assets, books of accounts, minutes, receipts and other documents relating to the organization and operation of the long-term savings scheme. | Le Régulateur effectue l'inspection des liquidités, titres financiers et autre portefeuille d'actifs, livres comptables, procès-verbaux, reçus et autres documents en rapport avec l'organisation et le fonctionnement du régime d'épargne à long terme. |
| Ikigo gishyiraho amabwiriza gishobora gusaba kohererezwa inyandiko cyangwa kikajya gukorera ubugenzuzi ku cyicaro cy'abatanga serivisi z'ubwizigame bw'igihe kirekire. | The Regulator may require that documents be sent to its office or perform the inspection at the head office of the long-term savings scheme service provider. | Le Régulateur peut exiger que les documents lui soient envoyés ou effectuer l'inspection au siège du prestataire de services du régime d'épargne à long terme. |

| | | |
|---|---|---|
| **UMUTWE WA V: IBIKORWA BYA LETA BISHISHIKARIZA KWINJIRA MU BWIZIGAME BW'IGIHE KIREKIRE** | **CHAPTER V: GOVERNMENT INCENTIVES FOR SUBSCRIPTION TO THE LONG-TERM SAVINGS SCHEME** | **CHAPITRE V: PROMOTION PAR L'ETAT A LA SOUSCRIPTION AU REGIME D'EPARGNE A LONG TERME** |
| **Ingingo ya 26: Uruhare rwa Leta mu bwizigame bw'igihe kirekire** | **Article 26: Government contribution to the long-term savings scheme** | **Article 26: Participation de l'Etat au régime d'épargne à long terme** |
| Leta ishobora kugira uruhare mu guteza imbere ubwizigame bw'igihe kirekire hagamijwe gushishikariza abaturage kuba abanyamuryango babwo. | The Government may contribute to the promotion of the long-term savings scheme with a view to encourage the community to join the scheme. | Le Gouvernement peut contribuer à la promotion du régime d'épargne à long terme en vue de mobiliser la population à adhérer au régime. |
| **Ingingo ya 27: Ibikorwa bishishikariza bishingiye ku musoro** | **Article 27: Fiscal incentives** | **Article 27: Incitations fiscales** |
| Abanyamuryango b'ubwizigame bw'igihe kirekire bashobora gushyirirwaho ibikorwa bishishikariza hakoreshejwe amategeko y'imisoro. | Fiscal incentives may be put in place for members of the long-term savings scheme through tax legislation. | Des incitations fiscales en faveur des membres du régime d'épargne à long terme peuvent être instaurées à travers la législation fiscale. |
| **Ingingo ya 28: Ibindi bishishikariza ubwizigame bw'igihe kirekire** | **Article 28: Other types of incentives for the long-term savings scheme** | **Article 28: Autres mesures incitatives du régime d'épargne à long terme** |
| Ibindi bishishikariza ubwizigame bw'igihe kirekire n'uburyo bitangwa biteganywa n'Iteka rya Minisitiri ufite imari mu nshingano ze. | An Order of the Minister in charge of finance determines other types of incentives for the long-term savings scheme and terms for their administration. | Un arrêté du Ministre ayant les finances dans ses attributions détermine d'autres mesures incitatives du régime d'épargne à long terme ainsi que les modalités relatives à leur application. |
| **UMUTWE WA VI: ISHORAMARI MU BWIZIGAME BW'IGIHE KIREKIRE** | **CHAPTER VI: LONG-TERM SAVINGS SCHEME INVESTMENT** | **CHAPITRE VI: INVESTISSEMENT DU REGIME D'EPARGNE A LONG TERME** |
| **Ingingo ya 29: Gahunda y'ishoramari** | **Article 29: Investment programme** | **Article 29: Programme d'investissement** |
| Hashingiwe kuri politiki y'Igihugu y'ishoramari, umuyobozi ashyiraho gahunda y'ishoramari ry'ubwizigame bw'igihe kirekire hagamijwe iterambere ryabwo n'inyungu z'abanyamuryango. | Basing on the national investment policy, the administrator establishes an investment programme of the long-term savings scheme for its development and in the best interest of its members. | Sur base de la politique nationale d'investissement, l'administrateur met en place un programme d'investissement du régime d'épargne à long terme visant le |

| | | |
|---|---|---|
| | | développement dudit régime et l'intérêt de ses membres. |
| Ikigo gishyiraho amabwiriza gishobora gushyiraho amabwiriza yerekeye ibiri muri gahunda y'ishoramari n'ibyemewe gushorwamo imari. | The Regulator may establish regulations regarding the content of investment programme and investment intervention areas. | Le Régulateur peut mettre en place des règlements relatifs au contenu du programme d'investissement et les domaines d'investissement. |
| **<u>Ingingo ya 30</u>: Gukurikirana ishoramari** | **<u>Article 30</u>: Investment monitoring** | **<u>Article 30</u>: Suivi de l'investissement** |
| Ibyagezweho mu ishoramari ry' ubwizigame bw'igihe kirekire bigenzurwa buri mezi atatu (3) n'Ikigo gishyiraho amabwiriza cyifashishije ibipimo fatizo byagenwe muri gahunda y'ishoramari. | The long-term savings scheme performance is monitored every three (3) months by the Regulator against performance benchmarks specified in the investment programme. | Le suivi de la performance du régime d'épargne à long terme est assuré tous les trois (3) mois par le Régulateur sur base des références de performance prévues dans le programme d'investissement. |
| **<u>Ingingo ya 31</u>: Inyandiko yerekana uko ishoramari rihagaze** | **<u>Article 31</u>: Investment performance report** | **<u>Article 31</u>: Rapport sur l'état d'investissement** |
| Ushinzwe ishoramari ry'ubwizigame bw'igihe kirekire ategura, agahuza n'igihe, inyandiko yerekana ibyo imari y'ubwizigame bw'igihe kirekire yashowemo, akayishyikiriza Ikigo gishyiraho amabwiriza. | The investment manager of the long-term savings scheme makes, updates and submits to the Regulator a report on long term savings scheme investments. | Le gestionnaire d'investissement du régime d'épargne à long terme prépare, met à jour et soumet au Régulateur un rapport sur les investissements du régime d'épargne à long terme. |
| Ikigo gishyiraho amabwiriza kigena ibikubiye mu nyandiko ivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo byafasha kumenya amakuru yose yerekeye imikorere y'ishoramari ry'ubwizigame bw'igihe kirekire, uburyo iyo nyandiko ikorwa n'igihe itangirwa. | The Regulator determines the content of the report referred to in Paragraph One of this Article that may help to get all information on long-term savings scheme investment performance, the procedure to draft such a report and period for its submission. | Le Régulateur détermine le contenu du rapport visé à l'alinéa premier du présent article qui peut aider à obtenir toutes les informations relatives à l'état d'investissement du régime d'épargne à long terme, à la procédure de préparation de ce rapport et au délai de sa soumission. |
| **<u>Ingingo ya 32</u>: Ibitemewe mu ishoramari ry'ubwizigame bw'igihe kirekire** | **<u>Article 32</u>: Restrictions on the long-term savings scheme investment** | **<u>Article 32</u>: Restrictions sur l'investissement du régime d'épargne à long terme** |
| Imari y'ubwizigame bw'igihe kirekire ntishorwa mu mitungo itimukanwa cyangwa mu nyandiko z'agaciro by'ushinzwe ishoramari, umuyobozi, umubitsi cyangwa ikindi kigo bafitemo ubwiganze mu migabane. | Funds of the long-term savings scheme cannot be invested in the immovable assets or securities of the investment manager, administrator, custodian, or in a company of which they are majority shareholders. | Les fonds du régime d'épargne à long terme ne doivent pas être investis dans les biens immeubles ou titres du gestionnaire d'investissement, de l'administrateur et du dépositaire de ce régime ou dans une société |

| | | |
|---|---|---|
| | | dont ceux-ci sont des actionnaires majoritaires. |
| Haseguriwe ibivugwa mu ngingo ya 9 y'iri tegeko, imari y'ubwizigame bw'igihe kirekire ntikoreshwa mu gutanga inguzanyo cyangwa gutangwaho ingwate. | Subject to the provisions of the Article 9 of this Law, the long-term savings scheme funds cannot be used to grant loans or serve as a collateral. | Sous réserve de dispositions de l'article 9 de la présente loi, les fonds du régime d'épargne à long terme ne peuvent pas être utilisés pour consentir des prêts ou servir de garantie. |
| Ubwizigame bw'igihe kirekire ntibugomba kugira imigabane ibwemerera kugira uruhare runini mu yindi sosiyete, ikigo, ibigo byishyize hamwe, ikindi kigo cyangwa umushinga bisa na byo. | The long-term savings scheme shall not hold controlling shares in any company, firm, joint venture, other similar entity or project. | Le régime d'épargne à long terme ne doit pas détenir une participation majoritaire dans une société, une entreprise, une coentreprise, une autre entité ou projet similaire. |
| **<u>UMUTWE WA VII:</u> INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA** | **<u>CHAPTER VII:</u> MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS** | **<u>CHAPITRE VII:</u> DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES** |
| **<u>Ingingo ya 33</u>: Gutanga amakuru mu Kigo gishyiraho amabwiriza** | **<u>Article 33</u>: Providing information to the Regulator** | **<u>Article 33</u>: Fournir les informations au Régulateur** |
| Mu bwizigame bw'igihe kirekire, umuyobozi, ushinzwe ishoramari, umubitsi, abashinzwe ubugenzuzi bw'imari n'abahanga mu mibare y'ubwizigame bagomba: | In a long-term savings scheme, the administrator, investment manager, custodian , auditors and actuaries must: | Dans le régime d'épargne à long terme, l'administrateur, le gestionnaire d'investissement, le dépositaire, les auditeurs et les actuaires doivent: |
| 1° kumenyesha Ikigo gishyiraho amabwiriza ikintu cyose cyabangamira inyungu z'abanyamuryango; | 1° report to the Regulator any occurrence which could jeopardize the rights of the members; | 1° signaler au Régulateur tout événement pouvant porter préjudice aux droits des membres; |
| 2° gutanga andi makuru Ikigo gishyiraho amabwiriza gishobora gusaba. | 2° provide any other information which may be required by the Regulator; | 2° fournir toute autre information que le Régulateur peut exiger. |
| Nta muntu ushobora kwitwaza ibanga ry'akazi nk'impamvu yo kudatanga amakuru asabwa n'Ikigo gishyiraho amabwiriza. | No person may invoke professional secrecy as grounds for non-disclosure of information required by the Regulator. | Nul ne peut invoquer le secret professionnel comme motif de refus de fournir les informations exigées par le Régulateur. |
| **<u>Ingingo ya 34</u>: Ibikwa ry'inyandiko z'ubwizigame bw'igihe kirekire bw'abanyamuryango** | **<u>Article 34</u>: Keeping of records of members long-term savings** | **<u>Article 34</u>: Tenue des documents relatifs à l'épargne à long terme des membres** |
| Inyandiko zose zijyanye n'ubwizigame bw'igihe kirekire bw'abanyamuryango zibikwa igihe | All records relating to members' long-term savings scheme are kept | Tous les documents liés au régime d'épargne à long terme doivent être conservés aussi longtemps que les |

| | | |
|---|---|---|
| cyose uburenganzira buzishamikiyeho butaratangwa. | as long as members have not yet enjoyed the rights related thereto. | membres n'ont pas encore joui des droits y afférents. |
| Icyakora, mu gihe ubwo burenganzira bumaze gutangwa, zibikwa nibura mu gihe cy'imyaka mirongo itatu (30). | However, they are kept for a period of at least thirty (30) years after granting of such rights. | Toutefois, ils sont conservés pendant une période d'au moins trente (30) ans après l'octroi de ces droits. |
| **<u>Ingingo ya 35</u>: Ubujurire** | **<u>Article 35</u>: Appeal** | **<u>Article 35</u>: Recours** |
| Umunyamuryango cyangwa ufite uburenganzira mu bwizigame bw'igihe kirekire utishimiye icyemezo afatiwe n'umuyobozi, ashobora gusaba, mu nyandiko, ko icyo cyemezo gisubirwamo n'Inama y'Ubuyobozi y'urwo rwego rwagifashe mu gihe kitarenze amezi atandatu (6). | Any member or beneficiary of the long-term savings scheme who is not satisfied by the decision of the administrator, may request, in writing, that such a decision be reviewed by the Board of Directors of the organ which took the decision within a period not exceeding six (6) months. | Tout membre ou bénéficiaire du régime d'épargne à long terme qui n'est pas satisfait de la décision prise par l'administrateur peut, par écrit, demander que cette décision soit revue par le Conseil d'Administration de l'organe qui l'a prise dans un délai ne dépassant pas six (6) mois. |
| Iyo hashize amezi atatu (3) urwego rwandikiwe rudatanze igisubizo, icyasabwe gifatwa nk'aho cyemewe. | Where there is no response from the notified organ within three (3) months, the request is considered accepted. | Après trois (3) mois, sans que l'organe notifié ne donne réponse, la demande est réputée acceptée. |
| Iyo uwajuriye atanyuzwe n'icyemezo yafatiwe, ashobora kuregera urukiko rubifitiye ububasha. | Where the applicant of appeal is not satisfied with the decision, he/she may refer the matter to the competent court. | Lorsque celui qui a fait recours n'est pas satisfait de la décision, il peut saisir la juridiction compétente. |
| **<u>Ingingo ya 36</u>: Amakosa n'ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi** | **<u>Article 36</u>: Administrative faults and sanctions** | **<u>Article 36</u>: Fautes et sanctions administratives** |
| Ikigo gishyiraho amabwiriza gishobora guhanisha ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi kuva kuri miliyoni imwe y'amafaranga y'u Rwanda (1.000.000 Frw) kugeza kuri miriyoni mirongo itanu (50.000.000 Frw) amakosa akurikira: | The Regulator may impose an administrative fine ranging from one million Rwandan francs (1,000,000 Frw ) to fifty million Rwandan francs (50,000,000 Frw) for the following faults: | Le Régulateur peut imposer une amende administrative allant d'un million de francs rwandais (1.000.000 Frw) à cinquante millions de francs rwandais (50.000.000 Frw) pour les fautes suivantes: |
| 1° gutanga serivisi y'ubwizigame bw'igihe kirekire utabifitiye uruhushya; | 1° providing an unlicensed long-term savings scheme service; | 1° fournir le service du régime d'épargne à long terme non-agréé; |
| 2° gukora iyamamaza ribeshya cyangwa riyobya mu mirimo y'ubwizigame bw'igihe kirekire; | 2° making a false or misleading advertisement in long-term savings scheme activities; | 2° faire une publicité fausse ou trompeuse dans des activités du régime d'épargne à long terme; |

| | | |
|---|---|---|
| 3° guhisha abagenzuzi bigenga cyangwa abahanga mu mibare y'ubwizigame inyandiko zose za ngombwa kugira ngo batunganye inshingano zabo; | 3° non-disclosure to external auditors or actuaries all necessary documents for the accomplishment of their mission; | 3° ne pas révéler aux auditeurs externes ou actuaires tous les documents nécessaires à la réalisation de leur mission; |
| 4° kubangamira ibikorwa by'ubugenzuzi bw'Ikigo gishyiraho amabwiriza. | 4° hindering inspection activities of the Regulator. | 4° entraver les activités d'inspection du Régulateur. |
| Ikigo gishyiraho amabwiriza gishobora kugena andi makosa n'ibihano byayo ariko ibihano ntibigomba kurenga ibiteganyijwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo. | The Regulator may determine other faults and related sanctions provided that the sanctions do not exceed those referred to under Paragraph One of this Article. | Le Régulateur peut déterminer d'autres fautes et sanctions afférentes pourvu que lesdites sanctions ne soient supérieures à celles prévues à l'alinéa premier du présent article. |
| **<u>Ingingo ya 37</u>: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko** | **<u>Article 37</u>: Drafting, consideration and adoption of this Law** | **<u>Article 37</u>: Initiation, examen et adoption de la présente loi** |
| Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda. | This Law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda**.** | La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en kinyarwanda. |
| **<u>Ingingo ya 38</u>: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko** | **<u>Article 38</u>: Repealing provision** | **<u>Article 38</u>: Disposition abrogatoire** |
| Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho. | All prior provisions contrary to this Law are repealed. | Toutes les dispositions antérieures contraires à la présente loi sont abrogées. |
| **<u>Ingingo ya 39</u>: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa** | **<u>Article 39</u>: Commencement** | **<u>Article 39</u>: Entrée en vigueur** |
| Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. | This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. | La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. |

| | | |
|---|---|---|
| Kigali, ku wa 29/06/2017<br><br>(sé)<br>**KAGAME Paul**<br>Perezida wa Repubulika | Kigali, on 29/06/2017<br><br>(sé)<br>**KAGAME Paul**<br>President of the Republic | Kigali, le 29/06/2017<br><br>(sé)<br>**KAGAME Paul**<br>Président de la République |
| (sé)<br>**MUREKEZI Anastase**<br>Minisitiri w'Intebe | (sé)<br>**MUREKEZI Anastase**<br>Prime Minister | (sé)<br>**MUREKEZI Anastase**<br>Premier Ministre |
| **Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**<br><br>(sé)<br>**BUSINGYE Johnston**<br>Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta | **Seen and sealed with the Seal of the Republic of Rwanda:**<br><br>(sé)<br>**BUSINGYE Johnston**<br>Minister of Justice/Attorney General | **Vu et scellé du Sceau de la République:**<br><br>(sé)<br>**BUSINGYE Johnston**<br>Ministre de la Justice /Garde des Sceaux |

| | | |
|---|---|---|
| **ITEGEKO N° 31/2017 RYO KU WA 25/07/2017 RISHYIRAHO IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE UBUGENZUZI BW'UBUZIRANENGE, IHIGANWA MU BUCURUZI NO KURENGERA UMUGUZI, RIKANAGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BYACYO** | **LAW Nº 31/2017 OF 25/07/2017 ESTABLISHING RWANDA INSPECTORATE, COMPETITION AND CONSUMER PROTECTION AUTHORITY AND DETERMINING ITS MISSION, ORGANISATION AND FUNCTIONING** | **LOI N° 31/2017 DU 25/07/2017 PORTANT CREATION DE L'OFFICE RWANDAIS D'INSPECTION, DE CONCURRENCE ET DE PROTECTION DU CONSOMMATEUR ET DETERMINANT SA MISSION, SON ORGANISATION ET SON FONCTIONNEMENT** |
| **<u>ISHAKIRO</u>** | **<u>TABLE OF CONTENTS</u>** | **<u>TABLE DES MATIERES</u>** |


| | | |
|---|---|---|
| **<u>UMUTWE WA MBERE:</u> INGINGO RUSANGE** | **<u>CHAPTER ONE:</u> GENERAL PROVISIONS** | **<u>CHAPITRE PREMIER :</u> DISPOSITIONS GENERALES** |
| **<u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri tegeko rigamije** | **<u>Article One:</u> Purpose of this Law** | **<u>Article premier :</u> Objet de la présente loi** |
| **<u>Ingingo ya 2:</u> Ibisobanuro by'amagambo** | **<u>Article 2:</u> Definitions of terms** | **<u>Article 2:</u> Définitions des termes** |
| **<u>Ingingo ya 3:</u> Ubuzimagatozi n'ubwisanzure** | **<u>Article 3:</u> Legal personality and autonomy** | **<u>Article 3:</u> Personnalité juridique et autonomie** |
| **<u>Ingingo ya 4:</u> Icyiciro RICA ihererereyemo** | **<u>Article 4:</u> Category of RICA** | **<u>Article 4:</u> Catégorie de RICA** |
| **<u>Ingingo ya 5:</u> Icyicaro cya RICA** | **<u>Article 5:</u> Head Office of RICA** | **<u>Article 5:</u> Siège de RICA** |
| **<u>UMUTWE WA II:</u> INSHINGANO N'UBUBASHA BYA RICA** | **<u>CHAPTER II:</u> MISSION AND POWERS OF RICA** | **<u>CHAPITRE II :</u> MISSION ET POUVOIRS DE RICA** |
| **<u>Ingingo ya 6:</u> Inshingano za RICA** | **<u>Article 6:</u> Responsibilities of RICA** | **<u>Article 6:</u> Attributions de RICA** |
| **<u>Ingingo ya 7:</u> Ububasha bwa RICA** | **<u>Article 7:</u> Powers of RICA** | **<u>Article 7:</u> Pouvoirs de RICA** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>UMUTWE WA III:</u> URWEGO RUREBERERA RICA N'AMASEZERANO Y'IMIHIGO** | **<u>CHAPTER III:</u> SUPERVISING AUTHORITY OF RICA AND PERFORMANCE CONTRACT** | **<u>CHAPITRE III :</u> AUTORITE DE TUTELLE DE RICA ET CONTRAT DE PERFORMANCE** |
| **<u>Ingingo ya 8:</u> Urwego rureberera RICA** | **<u>Article 8:</u> Supervising authority of RICA** | **<u>Article 8:</u> Autorité de tutelle de RICA** |
| **<u>Ingingo ya 9:</u> Amasezerano y'imihigo** | **<u>Article 9:</u> Performance contract** | **<u>Article 9:</u> Contrat de performance** |
| **<u>UMUTWE WA IV:</u> IMITERERE N'IMIKORERE BYA RICA** | **<u>CHAPTER IV:</u> ORGANISATION AND FUNCTIONING OF RICA** | **<u>CHAPITRE IV:</u> ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE RICA** |
| **<u>Ingingo ya 10:</u> Inzego z'ubuyobozi za RICA** | **<u>Article 10:</u> Management organs of RICA** | **<u>Article 10:</u> Organes de direction de RICA** |
| **<u>Icyiciro cya mbere:</u> Inama y'Ubuyobozi ya RICA** | **<u>Section One:</u> Board of Directors of RICA** | **<u>Section première:</u> Conseil d'Administration de RICA** |
| **<u>Ingingo ya 11:</u> Abagize Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 11:</u> Members of the Board of Directors** | **<u>Article 11:</u> Membres du Conseil d'Administration** |
| **<u>Ingingo ya 12:</u> Ububasha bw'Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 12:</u> Powers of the Board of Directors** | **<u>Article 12:</u> Pouvoirs du Conseil d'Administration** |
| **<u>Ingingo ya 13:</u> Inshingano z'Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 13:</u> Responsibilities of the Board of Directors** | **<u>Article 13:</u> Attributions du Conseil d'Administration** |
| **<u>Ingingo ya 14:</u> Inshingano za Perezida w'Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 14:</u> Duties of the Chairperson of the Board of Directors** | **<u>Article 14:</u> Attributions du Président du Conseil d'Administration** |
| **<u>Ingingo ya 15:</u> Inshingano za Visi Perezida w'Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 15:</u> Duties of the Deputy Chairperson of the Board of Directors** | **<u>Article 15 :</u> Attributions du Vice-Président du Conseil d'Administration** |
| **<u>Ingingo ya 16:</u> Ibitabangikanywa no kuba mu bagize Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 16</u>: Incompatibilities with membership of the Board of Directors** | **<u>Article 16</u> : Incompatibilités avec la qualité de membre du Conseil d'Administration** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 17:</u> Impamvu zituma ugize Inama y'Ubuyobozi avanwa muri uwo mwanya n'uko asimburwa** | **<u>Article 17:</u> Reasons for loss of membership in the Board of Directors and procedures for replacement** | **<u>Article 17 :</u> Causes de perte de qualité de membre du Conseil d'Administration et modalités de remplacement** |
| **<u>Ingingo ya 18:</u> Itumizwa n'iterana ry'inama y'Inama y'Ubuyobozi n'ifatwa ry'ibyemezo** | **<u>Article 18:</u> Convening and holding of meeting of the Board of Directors and decision-making procedures** | **<u>Article 18 :</u> Convocation et tenue de la réunion du Conseil d'Administration et modalités de prise de décisions** |
| **<u>Ingingo ya 19:</u> Itumira mu nama y'Inama y'Ubuyobozi ry'umuntu ushobora kuyungura inama** | **<u>Article 19:</u> Invitation of a resource person to the meeting of the Board of Directors** | **<u>Article 19:</u> Invitation d'une personne ressource à la réunion du Conseil d'Administration** |
| **<u>Ingingo ya 20:</u> Iyemezwa ry'ibyemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi n'inyandikomvugo yayo** | **<u>Article 20:</u> Approval of resolutions and minutes of the meeting of the Board of Directors** | **<u>Article 20:</u> Approbation des résolutions et du procès-verbal de la réunion du Conseil d'Administration** |
| **<u>Ingingo ya 21:</u> Umwanditsi w'inama y'Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 21:</u> Rapporteur of the Board of Directors** | **<u>Article 21:</u> Rapporteur du Conseil d'Administration** |
| **<u>Ingingo ya 22:</u> Inyungu bwite mu bibazo bisuzumwa** | **<u>Article 22:</u> Personal interest in issues on the agenda** | **<u>Article 22:</u> Intérêt personnel dans les points à l'ordre du jour** |
| **<u>Ingingo ya 23:</u> Ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama** | **<u>Article 23:</u> Sitting allowances for members of the Board of Directors** | **<u>Article 23:</u> Jetons de présence pour les membres du Conseil d'Administration** |
| **<u>Icyiciro cya 2:</u> Urwego Nshingwabikorwa** | **<u>Section 2</u>: Executive Organ** | **<u>Section 2:</u> Organe Exécutif** |
| **<u>Ingingo ya 24:</u> Abagize Urwego Nshingwabikorwa rwa RICA** | **<u>Article 24:</u> Composition of the Executive Organ of RICA** | **<u>Article 24:</u> Composition de l'Organe Exécutif de RICA** |
| **<u>Ingingo ya 25:</u> Inshingano z'Urwego Nshingwabikorwa rwa RICA** | **<u>Article 25:</u> Responsibilities of the Executive Organ of RICA** | **<u>Article 25:</u> Attributions de l'Organe Exécutif de RICA** |
| **<u>Ingingo ya 26:</u> Ububasha n'inshingano by'Umuyobozi Mukuru wa RICA** | **<u>Article 26:</u> Powers and duties of the Director General of RICA** | **<u>Article 26:</u> Pouvoirs et attributions du Directeur Général de RICA** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 27: Inshingano z'abandi bakozi b'Urwego Nshingwabikorwa rwa RICA** | **Article 27: Duties of other staff members of the Executive Organ of RICA** | **Article 27: Attributions d'autres membres du personnel de l'Organe Exécutif de RICA** |
| **Ingingo ya 28: Sitati igenga abakozi ba RICA** | **Article 28: Statutes governing staff members of RICA** | **Article 28: Statut régissant le personnel de RICA** |
| **Ingingo ya 29: Imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo** | **Article 29: Organisational structure** | **Article 29: Structure organisationnelle** |
| **Ingingo ya 30: Umushahara n'ibindi bigenerwa abagize Urwego Nshingwabikorwa** | **Article 30: Salaries and fringe benefits for members of the Executive Organ** | **Article 30: Salaires et avantages accordés aux membres de l'Organe Exécutif** |
| **UMUTWE WA V: UMUTUNGO N'IMARI BYA RICA** | **CHAPTER V: PROPERTY AND FINANCE OF RICA** | **CHAPITRE V: PATRIMOINE ET FINANCES DE RICA** |
| **Ingingo ya 31: Umutungo wa RICA n'inkomoko yawo** | **Article 31: Property of RICA and its sources** | **Article 31 : Patrimoine de RICA et ses sources** |
| **Ingingo ya 32: Ingengo y'Imari ya RICA** | **Article 32: Budget of RICA** | **Article 32: Budget de RICA** |
| **Ingingo ya 33: Imikoreshereze n'imigenzurire y'umutungo wa RICA** | **Article 33: Use and audit of property of RICA** | **Article 33: Utilisation et audit du patrimoine de RICA** |
| **Ingingo ya 34: Raporo y'umwaka w'ibaruramari** | **Article 34: Annual financial statements** | **Article 34: Rapport annuel des états financiers** |
| **UMUTWE WA VI: INGINGO ZINYURANYE, IY'INZIBACYUHO N'IZISOZA** | **CHAPTER VI: MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS** | **CHAPITRE VI: DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRE ET FINALES** |
| **Ingingo ya 35: Agaciro k'ibyakozwe** | **Article 35: Validity of performed acts** | **Article 35: Validité des actes posés** |
| **Ingingo ya 36: Igihe cy'inzibacyuho** | **Article 36: Transitional period** | **Article 36: Période transitoire** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 37:</u> Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko** | **<u>Article 37:</u> Drafting, consideration and adoption of this Law** | **<u>Article 37:</u> Initiation, examen et adoption de la présente loi** |
| **<u>Ingingo ya 38:</u> Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko binyuranyije n'iri tegeko** | **<u>Article 38:</u> Repealing provision** | **<u>Article 38:</u> Disposition abrogatoire** |
| **<u>Ingingo ya 39:</u> Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa** | **<u>Article 39:</u> Commencement** | **<u>Article 39 :</u> Entrée en vigueur** |

| | | |
|---|---|---|
| **ITEGEKO N° 31/2017 RYO KU WA 25/07/2017 RISHYIRAHO IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE UBUGENZUZI BW'UBUZIRANENGE, IHIGANWA MU BUCURUZI NO KURENGERA UMUGUZI, RIKANAGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BYACYO** | **LAW Nº 31/2017 OF 25/07/2017 ESTABLISHING RWANDA INSPECTORATE, COMPETITION AND CONSUMER PROTECTION AUTHORITY AND DETERMINING ITS MISSION, ORGANISATION AND FUNCTIONING** | **LOI N° 31/2017 DU 25/07/2017 PORTANT CREATION DE L'OFFICE RWANDAIS D'INSPECTION, DE CONCURRENCE ET DE PROTECTION DU CONSOMMATEUR ET DETERMINANT SA MISSION, SON ORGANISATION ET SON FONCTIONNEMENT** |
| **Twebwe, KAGAME Paul,**<br>Perezida wa Repubulika; | **We, KAGAME Paul,**<br>President of the Republic; | **Nous, KAGAME Paul,**<br>Président de la République; |
| **INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA** | **THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA** | **LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA** |
| **INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:** | **THE PARLIAMENT:** | **LE PARLEMENT:** |
| Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 19 Kamena 2017; | The Chamber of Deputies, in its session of 19 June 2017; | La Chambre des Députés, en sa séance du 19 juin 2017; |
| Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 106, iya 112, iya 119, iya 120, iya 139, iya 165 n'iya 176; | Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 112, 119, 120, 139, 165 and 176; | Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 112, 119, 120, 139, 165 et 176; |

| | | |
|---|---|---|
| Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 001/2016/OL ryo ku wa 20/04/2016 rishyiraho amategeko rusange agenga ibigo bya Leta; | Pursuant to Organic Law nº 001/2016//OL of 20/04/2016 establishing general provisions governing public institutions; | Vu la Loi Organique n° 001/2016/OL du 20/04/2016 portant dispositions générales régissant les établissements publics; |
| Isubiye ku Itegeko n° 61/2013 ryo ku wa 23/08/2013 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubugenzuzi bw'Ubuziranenge, Ihiganwa mu bucuruzi no kurengera Abaguzi (NICA) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo; | Having reviewed Law n° 61/2013 of 23/08/2013 establishing the National Standards Inspectorate, Competition and Consumer Protection Authority (NICA) and determining its mission, organization and functioning; | Revu la Loi n° 61/2013 du 23/08/2013 portant création de l'Office National d'Inspection des Normes, de la Concurrence et de la Protection des Consommateurs (NICA) et déterminant sa mission, son organisation et son fonctionnement; |
| **YEMEJE:** | **ADOPTS:** | **ADOPTE:** |
| **<u>UMUTWE WA MBERE:</u> INGINGO RUSANGE** | **<u>CHAPTER ONE:</u> GENERAL PROVISIONS** | **<u>CHAPITRE PREMIER :</u> DISPOSITIONS GENERALES** |
| **<u>Ingingo ya mbere</u>: Icyo iri tegeko rigamije** | **<u>Article One:</u> Purpose of this Law** | **<u>Article premier :</u> Objet de la présente loi** |
| Iri tegeko rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubugenzuzi bw'Ubuziranenge, Ihiganwa mu Bucuruzi no Kurengera umuguzi. cyitwa "RICA" mu magambo ahinnye y'Icyongereza. Rigena kandi inshingano, imiterere n'imikorere byacyo. | This Law establishes Rwanda Inspectorate, Competition and Consumer Protection Authority, abbreviated as "RICA". It also determines its mission, organization and functioning. | La présente loi porte création de l'Office Rwandais d'Inspection, de Concurrence et de Protection du Consommateur, " RICA " en sigle anglais. Elle détermine également sa mission, son organisation et son fonctionnement. |
| **<u>Ingingo ya 2:</u> Ibisobanuro by'amagambo** | **<u>Article 2:</u> Definitions of terms** | **<u>Article 2 :</u> Définitions des termes** |
| Muri iri tegeko, amagambo akurikira asobanura: | In this Law, the following terms mean: | Dans la présente loi, les termes repris ci-après signifient: |
| 1º **akato:** uburyo bwo gushyira mu muhezo ikintu cyose gikekwaho kuba cyateza ingaruka mbi ku bagikoresha | 1º **quarantine**: isolation of something suspected to be harmful to its users with | 1° **quarantaine:** un isolement de toute chose soupçonnée d'être nuisible à ses |

| | | |
|---|---|---|
| kugira ngo hagenzurwe niba cyujuje ibisabwa; | intention to examine whether it conforms to requirements; | utilisateurs afin de vérifier sa conformité aux normes ; |
| 2º **igicuruzwa:** ikintu cyose kigurwa kandi gikoreshwa n'umuguzi; | 2º **product:** any good purchased and used by the consumer; | 2° **produit :** tout bien acheté et utilisé par le consommateur ; |
| 3º **ibiribwa:** ibintu byose bikomoka ku nyamanswa cyangwa ku bimera bitanyuze mu ruganda cyangwa bitahinduriwe umwimerere bigenewe kuribwa cyangwa kunyobwa; | 3º **food products:** any animal or plant products that have not been processed or transformed from their original state and are intended for human consumption; | 3° **produits alimentaires** : tous produits animaux ou végétaux n'ayant pas été traités ou transformés de leur état initial et qui sont destinés à la consommation humaine ; |
| 4º **ihiganwa:** igikorwa cyo guhatana mu rwego rw'ubukungu gikorwa hagati y'ibigo bibiri cyangwa byinshi bitandukanye kandi bihanganye bikora ibikorwa by'ubucuruzi bimwe cyangwa bifitanye isano ku isoko rimwe; | 4º **competition:** an economic activity of two or more different and rival enterprises engaged in the same market, in identical or similar commercial activities; | 4° **concurrence:** une compétition économique entre deux ou plusieurs entreprises distinctes et rivales qui exercent, sur un même marché, des activités commerciales identiques ou similaires; |
| 5º **igenzura:** isuzuma cyangwa igenagaciro rikozwe muri rusange kandi ryateguwe ku bigaragaza ibintu cyangwa serivisi kugira ngo harebwe ko amabwiriza y'ubuziranenge cyangwa ibisabwa mu mategeko byubahirizwa; | 5º **inspection:** general organised examination or evaluation of products or service characteristics to determine conformity to specified standards or regulatory requirements; | 5° **inspection:** un examen ou évaluation générale organisée des caractéristiques de produits ou de service pour déterminer la conformité aux normes ou aux exigences réglementaires spécifiées ; |
| 6º **ikimera:** urubuto, umuzi, ishami, ingeri cyangwa igice cy'igihingwa, icyatsi n'igiti kizima byatuma ikimera cyororoka; | 6º **plant:** seed, root, branch, cutting or part of a plant, grass and living tree which may allow a plant to grow; | 6° **plante :** semence, racine, branche, bouture ou partie d'une plante, herbe et arbre vivant pouvant permettre à une plante de se développer; |
| 7º **indiririzi:** ubwoko bw'ibinyabuzima byangiza ikimera, ikigikomokaho cyangwa ubuzima bw'amatungo; | 7º **pest:** species which destroy a plant, a plant product or animal health; | 7° **parasite:** espèce nuisible à une plante, à un produit végétal ou à la santé animale; |

| | | |
|---|---|---|
| 8º **ubumenyi mu bipimo:** ubuhanga mu bigendanye n'ibipimo fatizo bikoreshwa mu nganda no mu bundi bushakashatsi, mu bipimo biteganywa n'amategeko; | 8º **metrology:** science of measurements of standards applicable in industrial and other research in legal standards; | 8º **métrologie:** science des mesurages des normes applicables dans les domaines de la recherche industrielle et autres recherche dans les normes légales; |
| 9º **ubuziranenge:** urwego ibintu bigeraho mu bibiranga bikaba byujuje ibisabwa; | 9º **quality:** a degree to which a set of inherent characteristics fulfil requirements; | 9º **qualité :** degré qu'atteint une série de caractéristiques inhérentes pour remplir les exigences; |
| 10º **umuguzi:** umuntu ugura, uhabwa ikintu cyangwa serivisi**,** ukoresha ikintu we ubwe cyangwa ku nyungu z'umuryango ku mpamvu zitari iz'ubucuruzi; | 10º **consumer:** a person who purchases, acquires or uses a property or a service for personal or family use for non-commercial purposes; | 10° **consommateur:** une personne qui achète, acquiert ou utilise un bien ou service pour usage personnel ou familial à des fins non commerciales; |
| 11º **umuti n'ifumbire mvaruganda bikoreshwa mu buhinzi n'ubworozi:** ibinyabutabire byakorewe mu ruganda bipfunyitse mu buryo bwemewe bituma ubutaka burumbuka kandi byifashishwa mu gukumira, kwica cyangwa kurwanya indiririzi iyo ari yo yose. Bisobanura kandi imiti ikoreshwa mu mikurire y'ibimera n'amatungo. | 11º **agrochemical:** well packed industrial chemical substance intended for fertilizing the soil and used to prevent, destroy or control any pest. It also means pharmaceutical products used in the development of plants and animals. | 11° **produit agrochimique:** une substance chimique industrielle bien emballée destinée à fertiliser le sol et utilisée pour prévenir, détruire ou combattre tout organisme nuisible. Il signifie également les produits pharmaceutiques utilisés dans le développement des plantes et des animaux. |
| <u>**Ingingo ya 3:**</u> **Ubuzimagatozi n'ubwisanzure** | <u>**Article 3:**</u> **Legal personality and autonomy** | <u>**Article 3:**</u> **Personnalité juridique et autonomie** |
| RICA ifite ubuzimagatozi, ubwigenge n'ubwisanzure mu miyoborere, mu micungire y'umutungo n'abakozi byacyo. Icungwa kandi hakurikijwe amategeko abigenga. | RICA has legal personality and enjoys administrative and financial autonomy. It is also managed in accordance with relevant laws. | RICA est doté d'une personnalité juridique et jouit d'une autonomie administrative et financière. Il est également géré conformément à la législation en la matière. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 4:</u> Icyiciro RICA iherereyemo** | **<u>Article 4:</u> Category of RICA** | **<u>Article 4:</u> Catégorie de RICA** |
| RICA iri mu cyiciro cy'ibigo bya Leta bikora imirimo itari iy'ubucuruzi. | RICA falls within the category of non-commercial public institutions. | RICA rentre dans la catégorie des institutions publiques à caractère non commercial. |
| **<u>Ingingo ya 5:</u> Icyicaro cya RICA** | **<u>Article 5:</u> Head Office of RICA** | **<u>Article 5 :</u> Siège de RICA** |
| Icyicaro cya RICA kiri mu Mujyi wa Kigali, Umurwa Mukuru wa Repubulika y'u Rwanda. Gishobora kwimurirwa ahandi hose mu Rwanda igihe bibaye ngombwa. | The head office of RICA is located in the City of Kigali, the capital of the Republic of Rwanda. It may be transferred to any other location within Rwandan territory where considered necessary. | Le siège de RICA est établi dans la Ville de Kigali, Capitale de la République du Rwanda. Il peut, en cas de besoin, être transféré en tout autre lieu du territoire du Rwanda. |
| RICA ishobora kugira amashami ahandi hose mu gihugu bibaye ngombwa byemejwe n'iteka rya Minisitiri w'Intebe. | RICA may, if considered necessary, have branches elsewhere in the country upon approval by a Prime Minister's Order. | RICA peut, en cas de besoin, établir des branches en tout autre lieu sur le territoire national, sur approbation d'un arrêté du Premier Ministre. |
| **<u>UMUTWE WA II:</u> INSHINGANO N'UBUBASHA BYA RICA** | **<u>CHAPTER II:</u> MISSION AND POWERS OF RICA** | **<u>CHAPITRE II :</u> MISSION ET POUVOIRS DE RICA** |
| **<u>Ingingo ya 6:</u> Inshingano za RICA** | **<u>Article 6:</u> Responsibilities of RICA** | **<u>Article 6 :</u> Attributions de RICA** |
| Inshingano za RICA ni izi zikurikira: | RICA has the following responsibilities: | RICA a les attributions suivantes: |
| 1º gukora igenzura ry'ubuziranenge n'iry'iyubahiriza ry'amabwiriza y'ubuziranenge ku bintu bigenewe gucuruzwa bikurikira: | 1º to carry out inspection of quality and standards conformity for the following trade products: | 1º faire l'inspection de la qualité et de la conformité aux normes pour les produits commerciaux suivants: |
| a) imiti n'ifumbire mvaruganda; | a) agrochemicals; | a) les produits agrochimiques; |
| b) ibikomoka ku matungo bitanyuze mu nganda; | b) unprocessed animal products; | b) les produits animaux non traités ; |
| c) ibimera n'ibibikomokaho bitanyuze mu nganda; | c) unprocessed plants and plant products; | c) les plantes et produits végétaux non traités ; |
| d) ibiribwa; | d) food products; | d) les produits alimentaires ; |

| | | |
|---|---|---|
| e) ibicuruzwa n'ibikoresho bitagenzurwa n'izindi nzego harimo ibikoresho byo mu bwubatsi, ibyifashishwa mu mashanyarazi, ibigize ibikoresho byo mu ikoranabuhanga, ibinyabutabire bidakoreshwa mu buvuzi, imyenda, ibikoresho bya pulasitiki, imipira, ibikomoka ku mpu, imbaho n'ibizikomokaho, amavuta akoreshwa ku mubiri atarimo umuti uvura, impapuro n'ibizikomokaho, ibikinisho by'abana, ibinyabugeni n'ubukorikori, ibikoresho byo mu rugo, ibikoresho by'isuku y'umubiri, ibikoresho byo mu buhinzi, amarangi, ibiribwa by'amatungo, ibyuma bikoreshwa mu nganda n'ibikoresho byo mu myidagaduro; | e) goods and products which are not inspected by other organs that include construction materials, goods used in electrical installations, parts of electronic items, chemicals not intended for treatment or diagnostics, textiles, plastic materials and rubber products, leather products, wood and wood products, non-medicated cosmetics, paper and paper products, children's toys, art and craft materials, domestic appliances, hygiene body products, agriculture tools, paints, animal feeds, factory machinery and recreational tools; | e) les biens et produits qui ne sont pas inspectés par d'autres organes et qui comprennent les matériaux de construction, les produits utilisés dans les installations électriques, les pièces des appareils électroniques, les produits chimiques non destinés au traitement ou au diagnostic, les textiles, les matières plastiques et produits en caoutchouc, les articles en cuir, le bois et les produits ligneux, les produits cosmétiques non médicamenteux, le papier et les produits en papier, les jouets pour enfants, les produits de l'art et de l'artisanat, les appareils domestiques, les produits pour hygiène du corps, les outils agricoles, les peintures, les aliments pour les animaux, les machines d'usine ainsi que les outils récréatifs; |
| f) inzira n'uburyo bwo gukora no kugeza ku baguzi ibikoresho bivugwa mu gace ka 1° k'iyi ngingo; | f) process and mode of production and delivery to consumers of products referred to under item 1° of this Article; | f) le processus et mode de production et d'acheminement aux consommateurs des produits visés au point 1° du présent article ; |
| 2º gushyiraho uburyo bw'inozamikorere hakurikijwe amabwiriza y'ubuziranenge yo mu karere cyangwa ku rwego mpuzamahanga; | 2º to establish quality management system in accordance with regional or international standards; | 2º établir un système de gestion de la qualité conformément aux normes régionales ou internationales; |
| 3º gukurikirana ko ikorwa ry'ibintu bicuruzwa bivugwa mu gace ka 1° k'iyi ngingo abantu bifashisha cyangwa bakenera mu mibereho yabo, rikorwa hakurikijwe amabwiriza ariho; | 3º to ensure that the production of goods referred to under item 1° of this Article meant for public use or consumption is conducted in accordance with regulations in force; | 3º assurer que la production des biens visés au point 1° du présent article destinés à l'utilisation ou à la consommation du public est menée conformément aux règlements en vigueur; |

| | | |
|---|---|---|
| 4º gukurikirana ko ibintu byinjizwa mu gihugu cyangwa ibisohoka biri mu nshingano za RICA biba byubahirije amabwiriza y'ubuziranenge n'andi mategeko; | 4º to ensure that imported or exported products falling within the mission of RICA comply with prescribed quality standards and other laws; | 4º assurer que les produits importés ou exportés relevant de la mission de RICA sont conformes aux normes de qualité prescrites et à d'autres lois; |
| 5º gusuzuma, kugenzura no gutanga impushya zirebana no gutangiza inganda n'izindi nyubako zikorerwamo ibivugwa n'iri tegeko; | 5º to consider, inspect and issue licenses related to starting industries and other establishments manufacturing products referred to under this Law; | 5º examiner, inspecter et octroyer les licences relatives à la création des industries et des autres établissements fabriquant les produits prévus par la présente loi; |
| 6º gusuzuma, kugenzura, kwandika no gutanga impushya zirebana n'ibyinjizwa, ibisohoka n'ibicuruzwa byerekeye ibiribwa, imiti y'ibihingwa, ifumbire mvaruganda, ibimera, intanga, insoro, imbuto, ingemwe, ingeri, ibiryo by'amatungo**,** ibindi bikomoka ku buhinzi, ubworozi byanyuze mu nganda n'amashyamba n'ibindi bikoresho; | 6º to consider, inspect, register and issue licenses related to imports, exports and goods in connection with food products, plant pharmaceutical products and agrochemicals, plants, semen, fertilised eggs, seeds, seedlings, cuttings, animal food, other processed agricultural, animal and forest and other products; | 6º examiner, inspecter, enregistrer et octroyer des licences relatives aux importations, aux exportations et aux marchandises en rapport avec les produits alimentaires, les produits pharmaceutiques à usage phytosanitaire, les produits agrochimiques, les plantes, les semences animales, les œufs fécondés, les semences agricoles, les jeunes plants, les boutures, les aliments pour animaux, autres produits agricoles, animaux et forestiers traités et autres matériels; |
| 7º kwakira, kugenzura no gutanga igisubizo ku busabe bujyanye no kwibumbira hamwe mu bucuruzi; | 7º to receive, consider and respond to an application for the formation of trade association; | 7º recevoir, examiner et répondre à une demande de formation d'une association commerciale; |
| 8º gukumira ikoreshwa n'ikwirakwizwa ry'ibintu birebwa n'iri tegeko bitubahirije amabwiriza y'ubuziranenge; | 8º to ensure prevention of use and spread of products referred to in this Law that do not comply with prescribed standards; | 8º assurer la prévention de l'utilisation et de la dissémination de produits visés par la présente loi qui ne sont pas conformes aux normes prescrites; |
| 9º kugira inama Guverinoma mu bijyanye n'ubuziranenge, ihiganwa mu bucuruzi no kurengera umuguzi; | 9º to advise the Government on matters related to standardisation, competition and consumer protection; | 9º conseiller le Gouvernement quant à la normalisation, la concurrence et la protection du consommateur; |

| | | |
|---|---|---|
| 10º kwita no kugenzura isuku y'ahakorerwa, ahacururizwa n'itwarwa ry'ibintu birebwa n'iri tegeko; | 10º to maintain and inspect the hygiene of places of production, trade and transport of products referred to in this Law; | 10º assurer et inspecter l'hygiène des lieux de production, de commerce et de transport des produits visés par la présente loi; |
| 11º gushyira mu bikorwa politiki, amategeko, ingamba n'ibyemezo bya Leta byerekeranye n'inshingano za RICA; | 11º to ensure the implementation of State policy, laws, strategies and decisions related to the mission of RICA; | 11º assurer la mise en œuvre de la politique, des lois, des stratégies et des décisions de l'Etat en rapport avec la mission de RICA; |
| 12º gukumira no kugenzura imigenzereze ibangamira, ikumira cyangwa ibuza ihiganwa; | 12º to prevent and inspect practices that undermine, repel or prohibit competition; | 12º prévenir et inspecter les pratiques qui entravent, repoussent ou interdisent la concurrence; |
| 13º kugenzura imikorere y'amasoko n'uburyo ibicuruzwa na serivisi bigezwa ku baguzi; | 13º to inspect the operation of markets and provision of products and services to consumers; | 13º inspecter le fonctionnement des marchés et la fourniture de produits et services aux consommateurs; |
| 14º guhugura no kumenyesha umucuruzi n'utanga serivisi ibijyanye n'uburenganzira n'inshingano bye biteganywa n'amategeko arebana n'inshingano za RICA; | 14º to train and inform a trader and service provider about their rights and obligations under laws related to the mission of RICA; | 14º former et informer le commerçant et le prestataire de services sur leurs droits et obligations prévus par les lois en rapport avec la mission de RICA; |
| 15º guhugura no kumenyesha umuguzi uburenganzira bwe buteganywa n'amategeko arebana n'inshingano za RICA; | 15º to train and inform a consumer about his/her rights under laws related to the mission of RICA; | 15º former et informer le consommateur sur ses droits prévus par les lois en rapport avec la mission de RICA; |
| 16º kugenzura ko imashini n'ibikoresho byihariye bikoreshwa mu nzego z'imirimo zigenzurwa na RICA byubahirije ibipimo fatizo by'ubumenyi mu gupima; | 16º to inspect whether machines and special devices used by services under the supervision of RICA comply with metrological standards; | 16º vérifier si les machines et les dispositifs spéciaux utilisés par les services placés sous la supervision de RICA sont conformes aux normes métrologiques; |

| | | |
|---|---|---|
| 17º gukumira iyinjizwa n'ikwirakwiza ry'indiririzi ku bimera n'ibibikomokaho uretse izahawe uruhushya ku mpamvu zo gushyigikira ubushakakashatsi n'ubumenyi hakurikijwe amategeko abigenga; | 17º to prevent the introduction and spreading of pests on plants and plant products except those authorised to be used for research and scientific purposes in accordance with relevant laws; | 17º prévenir l'introduction et la propagation de parasites sur les plantes et les produits végétaux, sauf ceux qui sont autorisés à des fins de recherche et de science, conformément aux lois en la matière; |
| 18º gukurikirana no kugenzura imiterere y'ubuziranenge ku bicuruzwa biri ku isoko; | 18º to monitor and inspect standards of products that are already on the market; | 18º faire le suivi et l'inspection des normes des produits qui sont déjà sur le marché ; |
| 19º gukurikirana, kumenya, gusesengura no gutangaza amakuru ku ngaruka ziterwa n'ikoreshwa ry'ibivugwa mu gace ka 1⁰ k'iyi ngingo; | 19º to ensure the monitoring, knowledge, analysis and publication of information on the effects of the use of products referred to under Item 1⁰ of this Article; | 19º faire le suivi, la connaissance, l'analyse et la publication des informations sur les effets de l'utilisation des produits visés au point 1⁰ du présent article; |
| 20º gukurikirana ko igeragezwa ry'umuti n'ifumbire mvaruganda, rikorwa hakurikijwe amabwiriza ariho; | 20º to ensure that testing of pharmaceutical products, and agrochemicals is carried out in accordance with instructions in force; | 20º assurer que le test des produits pharmaceutiques et des produits agrochimiques est effectué conformément aux instructions en vigueur; |
| 21º kugirana ubutwererane n'ubufatanye n'ibindi bigo byo mu rwego rw'akarere n'ibyo ku rwego mpuzamahanga hagamijwe kunoza imikorere ya RICA. | 21º to establish cooperation and collaboration with other institutions at regional and international levels for the purpose of improving the functioning of RICA. | 21º établir les relations de coopération et de collaboration avec d'autres institutions au niveau régional et international en vue d'améliorer le fonctionnement de RICA. |
| **<u>Ingingo ya 7:</u> Ububasha bwa RICA** | **<u>Article 7:</u> Powers of RICA** | **<u>Article 7 :</u> Pouvoirs de RICA** |
| RICA ifite ububasha bukurikira: | RICA has the following powers: | RICA a les pouvoirs suivants: |
| 1° gufatira ibintu bikemangwa mu rwego rwo kugenzura ko byubahirije ubuziranenge; | 1º to seize suspicious products to verify their compliance with standards; | 1º saisir les produits suspectés en vue de vérifier leur conformité aux normes; |

| | | |
|---|---|---|
| 2° gushyiraho no gutanga amabwiriza ngenderwaho arebana n'inshingano za RICA. | 2º to establish and issue directives related to the mission of RICA; | 2º établir et donner des directives relatives à la mission de RICA; |
| 3° gutanga ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi ku batubahirije amategeko ajyanye n'inshingano za RICA. | 3º to impose administrative sanctions for breach of laws related to the mission of RICA. | 3º imposer des sanctions administratives en cas de violation des lois relatives à la mission de RICA. |
| **<u>UMUTWE WA III:</u> URWEGO RUREBERERA RICA N'AMASEZERANO Y'IMIHIGO** | **<u>CHAPTER III:</u> SUPERVISING AUTHORITY OF RICA AND PERFORMANCE CONTRACT** | **<u>CHAPITRE III :</u> AUTORITE DE TUTELLE DE RICA ET CONTRAT DE PERFORMANCE** |
| **<u>Ingingo ya 8:</u> Urwego rureberera RICA** | **<u>Article 8:</u> Supervising authority of RICA** | **<u>Article 8 :</u> Autorité de tutelle de RICA** |
| Urwego rureberera RICA rugenwa n'iteka rya Minisitiri w'Intebe. | The supervising authority of RICA is determined by a Prime Minister's Order. | L'autorité de tutelle de RICA est déterminée par arrêté du Premier Ministre. |
| **<u>Ingingo ya 9:</u> Amasezerano y'imihigo** | **<u>Article 9:</u> Performance contract** | **<u>Article 9:</u> Contrat de performance** |
| RICA ikorera ku masezerano y'imihigo. | RICA operates on the basis of performance contract. | RICA fonctionne sur base d'un contrat de performance. |
| Uburyo RICA ihiga n'uburyo bwo gusuzuma imikorere yayo bigenwa n'amategeko abigenga. | Modalities for the conclusion and evaluation of performance contract of RICA are determined by relevant laws. | Les modalités de conclusion et d'évaluation du contrat de performance de RICA sont déterminées par la législation en la matière. |
| **<u>UMUTWE WA IV:</u> IMITERERE N'IMIKORERE BYA RICA** | **<u>CHAPTER IV:</u> ORGANISATION AND FUNCTIONING OF RICA** | **<u>CHAPITRE IV:</u> ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE RICA** |
| **<u>Ingingo ya 10:</u> Inzego z'ubuyobozi za RICA** | **<u>Article 10:</u> Management organs of RICA** | **<u>Article 10:</u> Organes de direction de RICA** |
| Inzego z'ubuyobozi za RICA ni izi zikurikira:<br><br>1° Inama y'Ubuyobozi; | Management organs of RICA are as follows:<br><br>1º the Board of Directors; | Les organes de direction de RICA sont les suivants:<br>1° le Conseil d'Administration ; |

| | | |
|---|---|---|
| 2° Urwego Nshingwabikorwa. | 2° the Executive Organ. | 2° l'Organe Exécutif. |
| **<u>Icyiciro cya mbere:</u> Inama y'Ubuyobozi ya RICA** | **<u>Section One:</u> Board of Directors of RICA** | **<u>Section première:</u> Conseil d'Administration de RICA** |
| **<u>Ingingo ya 11:</u> Abagize Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 11:</u> Members of the Board of Directors** | **<u>Article 11:</u> Membres du Conseil d'Administration** |
| Inama y'Ubuyobozi igizwe n'abantu barindwi (7) bashyirwaho n'iteka rya Perezida, barimo Perezida na Visi Perezida bayo. | The Board of Directors is composed of seven (7) members appointed by a Presidential Order, including the Chairperson and Deputy Chairperson. | Le Conseil d'Administration est composé de sept (7) membres nommés par arrêté présidentiel dont le Président et le Vice-Président. |
| Abagize Inama y'Ubuyobozi batoranywa hakurikijwe ubushishozi, ubushobozi n'ubuzobere byabo. | Members of the Board of Directors are selected based on their competence and expertise. | Les membres du Conseil d'Administration sont choisis sur base de leur compétence et de leur expertise. |
| Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagize Inama y'Ubuyobozi bagomba kuba ari abagore. | At least thirty percent (30%) of members of the Board of Directors must be females. | Au moins trente pour cent (30%) des membres du Conseil d'Administration doivent être de sexe féminin. |
| Igihe abagize Inama y'Ubuyobozi bamara ku mirimo yabo n'uko basimburwa bigenwa n'iteka rya Perezida. | The term of office of members of the Board of Directors and modalities for their replacement are determined by a Presidential Order. | La durée du mandat des membres du Conseil d'Administration ainsi que les modalités de leur remplacement sont déterminées par arrêté présidentiel. |
| **<u>Ingingo ya 12:</u> Ububasha bw'Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 12:</u> Powers of the Board of Directors** | **<u>Article 12:</u> Pouvoirs du Conseil d'Administration** |
| Inama y'Ubuyobozi ya RICA ni rwo rwego rukuru mu miyoborere no gufata ibyemezo. Ifite ububasha busesuye bwo gufata ibyemezo mu byerekeye ubuyobozi, abakozi n'umutungo bya RICA kugira ngo ishobore kugera ku nshingano zayo. | The Board of Directors of RICA is the supreme management and decision-making organ. It has absolute powers to make decisions with respect to the administration, human resources and property of RICA in order to fulfil its mission. | Le Conseil d'Administration de RICA est l'organe suprême de direction et de décision. Il a les pouvoirs absolus de décision en ce qui concerne l'administration, les ressources humaines et le patrimoine de RICA pour mieux s'acquitter de sa mission. |

| Ingingo ya 13: Inshingano z'Inama y'Ubuyobozi | Article 13: Responsibilities of the Board of Directors | Article 13: Attributions du Conseil d'Administration |
|---|---|---|
| Inshingano z'ingenzi z'Inama y'Ubuyobozi ya RICA ni izi zikurikira: | The main responsibilities of the Board of Directors of RICA are the following: | Les principales attributions du Conseil d'Administration de RICA sont les suivantes : |
| 1° gukurikirana imikorere y'Urwego Nshingwabikorwa rwa RICA no gutanga umurongo ngenderwaho ugomba gukurikizwa na rwo mu kuzuza inshingano zarwo; | 1° to oversee the functioning of the Executive Organ of RICA and provide strategic guidance to be followed by the Executive Organ in fulfilment of its mission; | 1º superviser le fonctionnement de l'Organe Exécutif de RICA et fournir une orientation stratégique devant être suivie par l'Organe Exécutif dans l'accomplissement de sa mission; |
| 2° kwemeza gahunda y'ibikorwa y'igihe kirekire n'iteganyabikorwa ry'igihe giciriritse n'iry'igihe gito bya RICA hamwe na raporo zijyana nabyo; | 2° to approve the long term strategic plan and medium and short term action plans of RICA and related reports; | 2º approuver le plan stratégique à long terme et les plans d'action à moyen et court terme de RICA et les rapports y relatifs ; |
| 3° gusinyana amasezerano y'imihigo n'urwego rureberera RICA no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ryayo; | 3° to conclude a performance contract with the supervising authority of RICA and monitor its execution; | 3º conclure un contrat de performance avec l'autorité de tutelle de RICA et assurer le suivi de son exécution ; |
| 4° kwemeza amategeko ngengamikorere ya RICA; | 4° to approve the Rules of Procedure of RICA; | 4º approuver le règlement d'ordre intérieur de RICA; |
| 5° kwemeza imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya RICA no gukurikirana ikoreshwa ry'ingengo y'imari n'ishyirwa mu bikorwa ryayo; | 5° to approve the draft budget proposal of RICA and monitor the use of budget and its execution; | 5º approuver l'avant-projet de budget de RICA et assurer le suivi de l'utilisation et de l'exécution du budget; |
| 6° kwemeza raporo y'ibikorwa n'imikoreshereze y'umutungo y'umwaka urangiye;<br>7° kwemeza umushinga w'imiterere y'inzego z'imirimo za RICA; | 6° to approve the report of activities and the use of property for the previous year;<br>7° to approve the draft organizational structure of RICA; | 6º approuver le rapport d'activités et d'utilisation du patrimoine de l'année précédente;<br>7º approuver le projet de la structure organisationnelle de RICA; |

| | | |
|---|---|---|
| 8° gusuzuma imikorere ya RICA hakurikijwe gahunda y'ibikorwa n'ingengo y'imari; | 8° to evaluate the performance of RICA on the basis of the action plan and budget; | 8º évaluer la performance de RICA sur base du plan d'action et du budget; |
| 9° gutanga raporo y'ibikorwa bya buri gihembwe n'iy'umwaka ku rwego rureberera RICA; | 9° to submit the quarterly and annual activity report to the supervising authority of RICA; | 9º soumettre le rapport d'activités trimestriel et annuel à l'autorité de tutelle de RICA; |
| 10° gufata ibyemezo ku bibazo byose bikomeye biri mu nshingano za RICA. | 10° to make decisions on all critical matters falling within the mission of RICA. | 10º prendre les décisions sur toutes les questions critiques relevant de la mission de RICA. |
| **<u>Ingingo ya 14:</u> Inshingano za Perezida w'Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 14:</u> Duties of the Chairperson of the Board of Directors** | **<u>Article 14 :</u> Attributions du Président du Conseil d'Administration** |
| Perezida w'Inama y'Ubuyobozi afite inshingano zikurikira: | The Chairperson of the Board of Directors has the following duties: | Le Président du Conseil d'Administration a les attributions suivantes: |
| 1° kuyobora Inama y'Ubuyobozi no guhuza ibikorwa byayo; | 1° to chair the Board of Directors and coordinate its activities; | 1° diriger le Conseil d'Administration et coordonner ses activités; |
| 2° gutumiza no kuyobora inama z'Inama y'Ubuyobozi; | 2° to convene and preside over meetings of the Board of Directors; | 2° convoquer et présider les réunions du Conseil d'Administration; |
| 3° gushyikiriza inyandikomvugo z'inama y'Inama y'Ubuyobozi ya RICA urwego ruyireberera; | 3° to submit minutes of meetings of the Board of Directors of RICA to its supervising authority; | 3° soumettre les procès-verbaux de réunions du Conseil d'Administration de RICA à son autorité de tutelle; |
| 4° gushyira umukono ku masezerano y'imihigo hagati y'Inama y'Ubuyobozi n'urwego rureberera RICA; | 4° to sign the performance contract between the Board of Directors and the supervising authority of RICA; | 4° signer le contrat de performance entre le Conseil d'Administration et l'autorité de tutelle de RICA; |
| 5° gushyikiriza raporo za RICA zemejwe n'Inama y'Ubuyobozi inzego zibigenewe; | 5° to submit the reports of RICA adopted by the Board of Directors to relevant organs; | 5° soumettre aux organes compétents les rapports de RICA adoptés par le Conseil d'Administration; |
| 6° gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'Inama y'Ubuyobozi; | 6° to follow up the implementation of the resolutions of the Board of Directors; | 6° assurer le suivi de la mise en œuvre des résolutions du Conseil d'Administration ; |

| | | |
|---|---|---|
| 7° gukora indi mirimo yasabwa n'Inama y'Ubuyobozi iri mu nshingano zayo. | 7° to perform other duties falling within the Board of Directors' responsibilities as may be requested by the Board of Directors. | 7° accomplir toutes autres tâches relevant des attributions du Conseil d'Administration que ce dernier peut lui confier. |
| **Ingingo ya 15: Inshingano za Visi Perezida w'Inama y'Ubuyobozi** | **Article 15: Duties of the Deputy Chairperson of the Board of Directors** | **Article 15 : Attributions du Vice-Président du Conseil d'Administration** |
| Visi Perezida w'Inama y'Ubuyobozi afite inshingano zikurikira: | The Deputy Chairperson of the Board of Directors has the following duties: | Le Vice-Président du Conseil d'Administration a les attributions suivantes: |
| 1° kunganira Perezida no kumusimbura igihe cyose adahari; | 1° to assist the Chairperson and replace him/her in case of absence; | 1° assister le Président et le remplacer en cas d'absence; |
| 2° gukora indi mirimo yose yasabwa n'Inama y'Ubuyobozi iri mu nshingano zayo. | 2° to perform other duties falling within the Board of Directors' responsibilities as may be requested by the Board of Directors. | 2° effectuer toutes les autres tâches relevant des attributions du Conseil d'Administration que ce dernier peut lui confier. |
| **Ingingo ya 16: Ibitabangikanywa no kuba mu bagize Inama y'Ubuyobozi** | **Article 16: Incompatibilities with membership of the Board of Directors** | **Article 16 : Incompatibilités avec la qualité de membre du Conseil d'Administration** |
| Abagize Inama y'Ubuyobozi ntibemerewe gukora umurimo ugenerwa igihembo muri RICA. | Members of the Board of Directors shall not be allowed to perform any remunerated activity within RICA. | Les membres du Conseil d'Administration ne sont pas autorisés à exercer une activité rémunérée au sein de RICA. |
| Abagize Inama y'Ubuyobozi ntibemerewe kandi, haba ku giti cyabo cyangwa ibigo bafitemo imigabane gupiganira amasoko atangwa na RICA. | Members of the Board of Directors are also not allowed, whether individually or through companies in which they hold shares, to bid for tenders of RICA. | Les membres du Conseil d'Administration ne sont pas non plus autorisés, soit individuellement ou par le biais des sociétés dont ils sont actionnaires, de soumissionner aux marchés de RICA. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 17:</u> Impamvu zituma ugize Inama y'Ubuyobozi avanwa muri uwo mwanya n'uko asimburwa** | **<u>Article 17:</u> Reasons for loss of membership in the Board of Directors and procedures for replacement** | **<u>Article 17:</u> Causes de perte de qualité de membre du Conseil d'Administration et modalités de remplacement** |
| Ugize Inama y'Ubuyobozi ava muri uwo mwanya iyo:<br>1° manda irangiye;<br>2° yeguye akoresheje inyandiko;<br>3° atagishoboye gukora imirimo ye kubera ubumuga bw'umubiri cyangwa uburwayi bwo mu mutwe, byemejwe n'akanama k'abaganga batatu (3) bemewe na Leta;<br>4° akatiwe burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6);<br>5° asibye inama inshuro eshatu (3) zikurikirana nta mpamvu zifite ishingiro;<br>6° agaragaje imyitwarire yose yamutesha agaciro cyangwa yatesha agaciro umurimo akora cyangwa urwego arimo;<br>7° abangamira inyungu za RICA;<br>8° ahamwe n'icyaha cya jenoside cyangwa icyaha cy'ingengabitekerezo ya jenoside;<br>9° atacyujuje impamvu zashingiweho ashyirwa muri uwo mwanya;<br>10° apfuye. | A member of the Board of Directors loses membership if:<br>1° the term of office expires;<br>2° he/she resigns in writing;<br>3° he/she is no longer able to perform duties due to the physical or mental disability certified by a committee of three (3) authorized physicians;<br>4° he/she is definitively sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six (6) months;<br>5° he/she is absent from three (3) consecutive meetings without valid reasons;<br>6° he/she exhibits any behaviour likely to compromise his/her dignity, that of his/her work or his/her position;<br>7° he/she jeopardizes the interests of RICA;<br>8° he/she is convicted of the crime of genocide or genocide ideology;<br>9° he/she no longer fulfils requirements considered at the time of appointment;<br>10° he/she dies. | Un membre du Conseil d'Administration cesse d'être membre si:<br>1° son mandat expire;<br>2° il démissionne par écrit;<br>3° il n'est plus en mesure de remplir les fonctions pour cause d'incapacité physique ou mentale constatée par une commission de trois (3) médecins agréés;<br>4° il est définitivement condamné à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six (6) mois;<br>5° il s'absente à trois (3) réunions consécutives sans raisons valables;<br>6° il affiche tout comportement de nature à compromettre sa dignité, celle de sa fonction ou celle de son rang;<br>7° il compromet les intérêts de RICA;<br>8° il est reconnu coupable du crime de génocide ou d'idéologie du génocide;<br>9° il ne remplit plus les conditions considérées au moment de sa nomination;<br>10° il décède. |

| | | |
|---|---|---|
| Iyo umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi avuye mu mirimo ye mbere y'uko manda ye irangira, urwego rubifitiye ububasha rushyiraho umusimbura, akarangiza manda y'uwo asimbuye. | In case a member of the Board of Directors leaves his/her duties before the expiry of his/her term of office, the competent authority appoints a substitute to serve for the remainder of his/her predecessor's term of office. | Lorsqu'un membre du Conseil d'Administration perd la qualité de membre avant l'expiration de son mandat, l'autorité compétente nomme son remplaçant pour terminer le mandat de son prédécesseur. |
| **<u>Ingingo ya 18:</u> Itumizwa n'iterana ry'inama y'Inama y'Ubuyobozi n'ifatwa ry'ibyemezo** | **<u>Article 18:</u> Convening and holding of meeting of the Board of Directors and decision-making procedures** | **<u>Article 18 :</u> Convocation et tenue de la réunion du Conseil d'Administration et modalités de prise de décisions** |
| Inama y'Inama y'Ubuyobozi iterana rimwe mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa itumijwe na Perezida wayo, cyangwa Visi Perezida igihe Perezida adahari, babyibwirije cyangwa bisabwe mu nyandiko nibura na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abayigize. | The meeting of the Board of Directors is held once every quarter and whenever necessary upon invitation by its Chairperson, or in his/her absence, by its Deputy Chairperson, at their own initiative or upon request in writing by at least a third (1/3) of its members. | La réunion du Conseil d'Administration se tient une fois par trimestre et chaque fois que de besoin, sur convocation de son Président, ou en cas d'absence, sur celle de son Vice-président, de leur propre initiative ou à la demande écrite d'au moins un tiers (1/3) de ses membres. |
| Ubutumire bukorwa mu nyandiko ishyikirizwa abagize Inama y'Ubuyobozi hasigaye nibura iminsi cumi n'itanu (15) ngo inama iterane. | The invitation is submitted in writing to the members of the Board of Directors at least fifteen (15) days before the meeting is held. | L'invitation est adressée par écrit aux membres du Conseil d'Administration au moins quinze (15) jours avant la tenue de la réunion. |
| Icyakora, inama idasanzwe itumizwa mu nyandiko hasigaye nibura iminsi itatu (3) y'akazi kugira ngo iterane. | However, an extraordinary meeting is convened in writing at least three (3) working days before the meeting is held. | Toutefois, une réunion extraordinaire est convoquée par écrit au moins trois (3) jours ouvrables avant la tenue de la réunion. |
| Mu byigwa n'Inama y'Ubuyobozi mu gihembwe cya mbere cy'umwaka, harimo kwemeza raporo y'imari n'iy'ibikorwa by'umwaka urangiye. | Items to be examined by the meeting of the Board of Directors in the first quarter of the year include the approval of the financial and activity reports of the previous year. | Parmi les points à examiner par le Conseil d'Administration au cours du premier trimestre, figure l'approbation du rapport financier et de celui d'activités de l'année précédente. |
| Buri gihembwe kandi, Inama y'Ubuyobozi igomba gusuzuma raporo y'imari n'iy'ibikorwa byerekeranye n'igihembwe kirangiye igashyikirizwa urwego rureberera RICA. | Every quarter, the Board of Directors must also consider the previous quarter's financial and activity reports to be transmitted to the supervising authority of RICA. | Chaque trimestre, le Conseil d'Administration doit également examiner le rapport financier et celui d'activités relatifs au trimestre précédent et les transmet à l'autorité de tutelle de RICA. |

| | | |
|---|---|---|
| Umubare wa ngombwa kugira ngo inama y'Inama y'Ubuyobozi iterane ni bibiri bya gatatu (2/3) by'abayigize. Icyakora, iyo inama itumijwe ubwa kabiri iterana hatitawe ku mubare w'abayigize bahari. | The quorum for a meeting of the Board of Directors to take place is two-thirds (2/3) of its members. However, when a meeting is convened for the second time, it takes place regardless of the number of members present. | Le quorum pour que la réunion du Conseil d'Administration se tienne est de deux tiers (2/3) de ses membres. Toutefois, lorsque la réunion est convoquée pour la deuxième fois, elle se tient quel que soit le nombre des membres présents. |
| Umuyobozi Mukuru yitabira inama y'Inama y'Ubuyobozi. | The Director General attends the meeting of the Board of Directors. | Le Directeur Général participe à la réunion du Conseil d'Administration. |
| Uburyo Inama y'Ubuyobozi ifatamo ibyemezo buteganywa n'amategeko ngengamikorere ya RICA. | Procedures for decision-making by the Board of Directors are determined by the internal regulations of RICA. | Les modalités de prise de décisions par le Conseil d'Administration sont déterminées par le règlement d'ordre intérieur de RICA. |
| **<u>Ingingo ya 19:</u> Itumira mu nama y'Inama y'Ubuyobozi ry'umuntu ushobora kuyungura inama** | **<u>Article 19:</u> Invitation of a resource person to the meeting of the Board of Directors** | **<u>Article 19 :</u> Invitation d'une personne ressource à la réunion du Conseil d'Administration** |
| Inama y'Ubuyobozi ishobora gutumira mu nama yayo umuntu wese ibona ko ashobora kuyungura inama ku ngingo runaka ifite ku murongo w'ibyigwa. | The Board of Directors may invite to its meeting any person from whom it may seek advice on a certain item on the agenda. | Le Conseil d'Administration peut inviter à ses réunions toute personne dont il peut obtenir des conseils sur un point quelconque à l'ordre du jour. |
| Uwatumiwe ntiyemerewe gutora no gukurikirana iyigwa ry'izindi ngingo ziri ku murongo w'ibyigwa. | The invited person is not allowed either to vote or to follow debates on other items on the agenda. | La personne invitée n'est pas autorisée ni à voter ni à suivre les débats sur d'autres points à l'ordre du jour. |
| **<u>Ingingo ya 20:</u> Iyemezwa ry'ibyemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi n'inyandikomvugo yayo** | **<u>Article 20:</u> Approval of resolutions and minutes of the meeting of the Board of Directors** | **<u>Article 20 :</u> Approbation des résolutions et du procès-verbal de la réunion du Conseil d'Administration** |
| Inyandiko y'ibyemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi ishyirwaho umukono n'abayigize inama ikirangira, kopi yayo ikohererezwa urwego rureberera RICA mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y'akazi. | Resolutions of the meeting of the Board of Directors are signed by its members immediately after the end of meeting and a copy thereof is sent to the supervising authority of RICA within five (5) working days. | Les résolutions de la réunion du Conseil d'Administration sont immédiatement signées par ses membres après la séance et leur copie est transmise à l'autorité de tutelle de RICA dans un délai n'excédant pas cinq (5) jours ouvrables. |

| | | |
|---|---|---|
| Umuyobozi w'urwego rureberera RICA atanga ibitekerezo ku byemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi kuva abishyikirijwe. Iyo icyo gihe kirenze ntacyo abivuzeho ibyemezo by'inama biba byemejwe burundu. | The head of the supervising authority of RICA provides his/her views on the resolutions of the meeting of the Board of Directors within a period not exceeding fifteen (15) working days from receipt thereof. If this period expires before he/she provides his/her views, the resolutions of the meeting are considered definitively approved. | Le responsable de l'autorité de tutelle de RICA donne son avis sur les résolutions de la réunion du Conseil d'Administration dans un délai ne dépassant pas quinze (15) jours ouvrables à compter de leur réception. Passé ce délai sans sa réaction, ces résolutions sont réputées définitivement approuvées. |
| Inyandikomvugo y'inama y'Inama y'Ubuyobozi ishyirwaho umukono na Perezida n'umwanditsi wayo, ikemezwa mu nama ikurikira. Kopi y'inyandikomvugo yohererezwa urwego rureberera RICA mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi guhera umunsi yemerejweho. | The minutes of the meeting of the Board of Directors are signed jointly by the Chairperson and its rapporteur and approved during the next meeting. A copy of minutes of the meeting is sent to the supervising authority of RICA within a period not exceeding fifteen (15) working days from the day of its approval. | Le procès-verbal de la réunion du Conseil d'Administration est signé conjointement par le Président et son rapporteur et soumis à la session suivante pour approbation. Une copie du procès-verbal est transmise à l'autorité de tutelle de RICA dans un délai ne dépassant pas quinze (15) jours ouvrables à compter de la date de son approbation. |
| **<u>Ingingo ya 21:</u> Umwanditsi w'inama y'Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 21:</u> Rapporteur of the Board of Directors** | **<u>Article 21:</u> Rapporteur du Conseil d'Administration** |
| Umuyobozi Mukuru wa RICA ni we mwanditsi w'inama y'Inama y'Ubuyobozi, ariko igihe cyo gufata ibyemezo we ntatora. | The Director General of RICA is the rapporteur of the meeting of the Board of Directors, but he/she has no right to vote in decision-making. | Le Directeur Général de RICA fait office de rapporteur de la réunion du Conseil d'Administration, mais il n'a pas le droit de voter lors de la prise de décision. |
| Umuyobozi Mukuru wa RICA ntajya mu nama zifata ibyemezo ku bibazo bimureba. Icyo gihe, abagize Inama y'Ubuyobozi bitoramo umwanditsi. | The Director General of RICA shall not participate in the meetings that make decisions on issues that concern him/her. In that case, members of the Board of Directors elect among themselves a rapporteur. | Le Directeur Général de RICA ne participe pas aux réunions qui prennent des décisions sur des questions qui le concernent. Dans ce cas, les membres du Conseil d'Administration élisent parmi eux un rapporteur. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 22:</u> Inyungu bwite mu bibazo bisuzumwa** | **<u>Article 22:</u> Personal interest in issues on the agenda** | **<u>Article 22:</u> Intérêt personnel dans les points à l'ordre du jour** |
| Iyo umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi afite inyungu bwite itaziguye cyangwa iziguye mu bibazo bisuzumwa, agomba kumenyesha bidatinze Inama y'Ubuyobozi, aho inyungu ze zishingiye. Umenyesha inyungu afite ku kibazo cyigwa, ntiyitabira inama yiga kuri icyo kibazo. | When a member of the Board of Directors has a direct or indirect interest in the issue to be considered, he/she must immediately inform the Board of Directors about where his/her interest lies. A member who informs of his/her interest in the issue to be considered shall not attend the meeting deliberating on that issue. | Lorsqu'un membre du Conseil d'Administration a un intérêt direct ou indirect dans un point à examiner, il doit en informer immédiatement le Conseil d'Administration et montrer où ses intérêts reposent. Le membre qui informe de son intérêt dans un point à examiner ne participe pas à la réunion qui examine ce point. |
| Iyo bigaragaye ko benshi cyangwa bose mu bagize Inama y'Ubuyobozi bafite inyungu bwite itaziguye cyangwa iziguye mu bibazo bisuzumwa ku buryo bidashoboka gufata ibyemezo kuri ibyo bibazo, ibyo bibazo bishyikirizwa urwego rureberera RICA rukabifataho icyemezo mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30). | When it happens that many or all members of the Board of Directors have a direct or indirect interest in the issues to be considered in such a way that it is impossible to decide on the issues, those issues are submitted to the supervising authority of RICA, which decides thereon within thirty (30) days. | Lorsqu'il apparaît que la majorité ou l'ensemble des membres du Conseil d'Administration ont un intérêt direct ou indirect dans des points à examiner de sorte que la prise de décisions sur ces points devienne impossible, ces points sont soumis à l'autorité de tutelle de RICA pour décision dans un délai de trente (30) jours. |
| **<u>Ingingo ya 23:</u> Ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama** | **<u>Article 23:</u> Sitting allowances for members of the Board of Directors** | **<u>Article 23 :</u> Jetons de présence pour les membres du Conseil d'Administration** |
| Ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama bigenwa n'iteka rya Perezida. | Sitting allowances for members of the Board of Directors are determined by a Presidential Order. | Les jetons de présence alloués aux membres du Conseil d'Administration sont déterminés par arrêté présidentiel. |
| **<u>Icyiciro cya 2:</u> Urwego Nshingwabikorwa** | **<u>Section 2</u>: Executive Organ** | **<u>Section 2 :</u> Organe Exécutif** |
| **<u>Ingingo ya 24:</u> Abagize Urwego Nshingwabikorwa rwa RICA** | **<u>Article 24:</u> Composition of the Executive Organ of RICA** | **<u>Article 24:</u> Composition de l'Organe Exécutif de RICA** |
| Urwego Nshingwabikorwa rwa RICA rugizwe n'Umuyobozi Mukuru ushyirwaho n'iteka rya | The Executive Organ of RICA is composed of the Director General appointed by a Presidential | L'Organe Exécutif de RICA est composé du Directeur Général nommé par arrêté présidentiel |

| | | |
|---|---|---|
| Perezida n'abandi bakozi bashyirwaho hakurikijwe amategeko abigenga. | Order and other staff members recruited in accordance with relevant laws. | et d'autres membres du personnel recrutés conformément à la législation en matière. |
| Iteka rya Perezida rishobora kandi gushyiraho Abayobozi Bakuru bungirije, rikanagena ububasha n'inshingano byabo. | A Presidential Order may also appoint Deputy Directors General and determine their powers and duties. | Un arrêté présidentiel peut également nommer les Directeurs Généraux adjoints et déterminer leurs pouvoirs et attributions. |
| **<u>Ingingo ya 25:</u> Inshingano z'Urwego Nshingwabikorwa rwa RICA** | **<u>Article 25:</u> Responsibilities of the Executive Organ of RICA** | **<u>Article 25:</u> Attributions de l'Organe Exécutif de RICA** |
| Urwego Nshingwabikorwa rwa RICA rufite inshingano z'ingenzi zikurikira: | The Executive Organ of RICA has the following main responsibilities: | L'Organe Exécutif de RICA a les principales attributions suivantes: |
| 1° gukurikirana no guhuza imirimo y'ibikorwa bya buri munsi;<br>2° gushyira mu bikorwa indi nshingano rwahabwa n'Inama y'Ubuyobozi ijyanye n'inshingano za RICA. | 1° to monitor and coordinate daily functions and activities;<br>2° to perform other duties falling within the mission of RICA as may be assigned by the Board of Directors. | 1° suivre et coordonner les tâches et les activités quotidiennes;<br>2° effectuer toute autre tâche relevant de la mission de RICA que le Conseil d'Administration peut lui confier. |
| **<u>Ingingo ya 26:</u> Ububasha n'inshingano by'Umuyobozi Mukuru wa RICA** | **<u>Article 26:</u> Powers and duties of the Director General of RICA** | **<u>Article 26:</u> Pouvoirs et attributions du Directeur Général de RICA** |
| Umuyobozi Mukuru wa RICA afite ububasha bwo gufata ibyemezo mu micungire y'abakozi n'umutungo bya RICA akurikije amategeko abigenga. Ahuza kandi akayobora ibikorwa. | The Director General of RICA has the power to make decisions on the administrative and financial management of RICA in accordance with relevant laws. He/she also coordinates and directs activities. | Le Directeur Général de RICA dispose du pouvoir de décision dans la gestion administrative et financière de RICA conformément à la législation en la matière. Il coordonne et dirige également les activités. |
| Umuyobozi Mukuru wa RICA ashinzwe ibi bikurikira: | The Director General of RICA has the following duties: | Le Directeur Général a les attributions suivantes: |
| 1° gukurikirana imirimo ya buri munsi ya RICA; | 1° to make follow-up on the daily activities of RICA; | 1° faire le suivi des activités quotidiennes de RICA; |

| | | |
|---|---|---|
| 2° guhagararira RICA imbere y'amategeko; | 2° to serve as the legal representative of RICA; | 2° être le représentant légal de RICA; |
| 3° kuba umuvugizi wa RICA | 3° to serve as the spokesperson of RICA; | 3° servir de porte-parole de RICA; |
| 4° gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inama y'Ubuyobozi ya RICA; | 4° to ensure the implementation of the decisions of the Board of Directors of RICA; | 4° assurer la mise en œuvre des décisions du Conseil d'Administration de RICA; |
| 5° gucunga abakozi, ibikoresho n'umutungo bya RICA no gutanga raporo yabyo ku Inama y'Ubuyobozi; | 5° to ensure the management of staff, equipment and property of RICA and submit related report to the Board of Directors; | 5° assurer la gestion du personnel, des équipements et du patrimoine de RICA et soumettre un rapport y relatif au Conseil d'Administration; |
| 6° gutegura gahunda y'ibikorwa na raporo y'ibikorwa byemezwa n'Inama y'Ubuyobozi ya RICA; | 6° to prepare the action plan and activity report to be approved by the Board of Directors of RICA; | 6° élaborer le plan d'action et le rapport d'activités pour approbation par le Conseil d'Administration de RICA; |
| 7° gutegura umushinga w'amategeko ngengamikorere ya RICA yemezwa n'Inama y'Ubuyobozi ya RICA; | 7° to prepare the draft internal regulations of RICA to be approved by the Board of Directors of RICA; | 7° élaborer le projet de règlement d'ordre intérieur de RICA à être approuvé par le Conseil d'Administration de RICA ; |
| 8° gutegura imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya RICA; | 8° to prepare the draft budget proposal of RICA; | 8° préparer l'avant-projet de budget de RICA ; |
| 9° gushyira mu bikorwa ingengo y'imari ya RICA; | 9° to ensure the execution of the budget of RICA; | 9° assurer l'exécution du budget de RICA ; |
| 10° kwitabira inama z'Inama y'Ubuyobozi no kuba Umwanditsi wazo; | 10° to attend the meetings of the Board of Directors and act as rapporteur; | 10° participer aux réunions du Conseil d'Administration et servir de rapporteur; |
| 11° gukora indi mirimo yahabwa n'Inama y'Ubuyobozi, ijyanye n'inshingano za RICA. | 11° to perform such other duties falling within the mission of RICA as may be assigned to him/her by the Board of Directors. | 11° effectuer toute autre tâche relevant de la mission de RICA que le Conseil d'Administration peut lui confier. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 27:</u> Inshingano z'abandi bakozi b'Urwego Nshingwabikorwa rwa RICA** | **<u>Article 27:</u> Duties of other staff members of the Executive Organ of RICA** | **<u>Article 27 :</u> Attributions d'autres membres du personnel de l'Organe Exécutif de RICA** |
| Inshingano z'abandi bakozi b'Urwego Nshingwabikorwa zigenwa n'iteka rya Minisitiri w'Intebe. | Duties of other staff members of the Executive Organ are determined by a Prime Minister's Order. | Les attributions d'autres membres du personnel de l'Organe Exécutif sont déterminées par arrêté du Premier Ministre. |
| **<u>Ingingo ya 28:</u> Sitati igenga abakozi ba RICA** | **<u>Article 28</u>: Statutes governing staff members of RICA** | **<u>Article 28</u> : Statut régissant le personnel de RICA** |
| Abakozi ba RICA bagengwa na Sitati rusange igenga abakozi ba Leta. | Staff members of RICA are governed by the General Statutes for Public Service. | Les membres du personnel de RICA sont régis par le statut général de la fonction publique. |
| **<u>Ingingo ya 29:</u> Imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo** | **<u>Article 29:</u> Organisational structure** | **<u>Article 29:</u> Structure organisationnelle** |
| Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishyiraho imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo ya RICA. | A Prime Minister's Order establishes the organisational structure of RICA. | Un arrêté du Premier Ministre établit la structure organisationnelle de RICA. |
| **<u>Ingingo ya 30:</u> Umushahara n'ibindi bigenerwa abagize Urwego Nshingwabikorwa** | **<u>Article 30:</u> Salaries and fringe benefits for members of the Executive Organ** | **<u>Article 30:</u> Salaires et avantages accordés aux membres de l'Organe Exécutif** |
| Umushahara n'ibindi bigenerwa abagize Urwego Nshingwabikorwa rwa RICA biteganywa hakurikijwe amategeko agenga abakozi ba Leta. | Salaries and fringe benefits for members of the Executive Organ are fixed in accordance with laws governing public service. | Les salaires et autres avantages accordés aux membres de l'Organe Exécutif sont fixés conformément aux lois régissant la fonction publique. |
| **<u>UMUTWE WA V:</u> UMUTUNGO N'IMARI BYA RICA** | **<u>CHAPTER V:</u> PROPERTY AND FINANCE OF RICA** | **<u>CHAPITRE V:</u> PATRIMOINE ET FINANCES DE RICA** |
| **<u>Ingingo ya 31:</u> Umutungo wa RICA n'inkomoko yawo** | **<u>Article 31:</u> Property of RICA and its sources** | **<u>Article 31:</u> Patrimoine de RICA et ses sources** |

| | | |
|---|---|---|
| Umutungo wa RICA ugizwe n'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa.<br><br>Umutungo wa RICA ukomoka kuri ibi bikurikira:<br>1º ingengo y'imari igenerwa na Leta;<br><br>2º inkunga zaba iza Leta cyangwa iz'abafatanyabikorwa;<br>3º ibituruka ku mirimo ikora;<br><br>4º inyungu zikomoka ku mutungo wayo;<br><br>5º inguzanyo zihabwa RICA zemewe na Minisitiri ufite imari mu nshingano ze;<br><br>6º impano n'indagano.<br><br>Iteka rya Minisitiri ureberera RICA rigena igiciro gitangwa ku mirimo ikora.<br><br>**<u>Ingingo ya 32:</u> Ingengo y'Imari ya RICA**<br><br>RICA itegura ingengo y'imari yayo ya buri mwaka, ikemezwa n'Urwego rubifitiye ububasha kandi igakoreshwa hakurikijwe amategeko abigenga.<br><br>**<u>Ingingo ya 33:</u> Imikoreshereze n'imigenzurire y'umutungo wa RICA**<br><br>Ubugenzuzi bushinzwe igenzura rya buri munsi ry'imikoreshereze y'umutungo wa RICA buha raporo Inama y'Ubuyobozi, bukagenera kopi Umuyobozi Mukuru wa RICA. | The property of RICA is comprised of movable and immovable assets.<br><br>The property of RICA derives from the following sources:<br>1° State budget allocations;<br><br>2° State or partners' subsidies;<br><br>3° income from services rendered;<br><br>4° interests from its property;<br><br>5° loans granted to RICA as approved by the Minister in charge of finance;<br><br>6° donations and bequests.<br><br>An Order of the Minister supervising RICA determines fees for services rendered by RICA.<br><br>**<u>Article 32:</u> Budget of RICA**<br><br>RICA prepares its annual budget to be approved by the relevant authority and executed in accordance with relevant laws.<br><br>**<u>Article 33:</u> Use and audit of property of RICA**<br><br>The internal audit service of RICA submits a report to the Board of Directors, with a copy to the Director General of RICA. | Le patrimoine de RICA est composé de biens meubles et immeubles.<br><br>Le patrimoine de RICA provient des sources suivantes:<br>1° les dotations budgétaires de l'Etat;<br><br>2° les subventions de l'Etat ou des partenaires;<br><br>3° les revenus des services prestés;<br><br>4° les intérêts de son patrimoine;<br><br>5° les prêts accordés à RICA approuvés par le Ministre ayant les finances dans ses attributions;<br>6° les dons et legs.<br><br>Un arrêté du Ministre de tutelle de RICA détermine le tarif des services rendus par RICA.<br><br>**<u>Article 32 :</u> Budget de RICA**<br><br>RICA prépare son budget annuel qui est approuvé par l'autorité compétente et exécuté conformément à la législation en la matière.<br><br>**<u>Article 33:</u> Utilisation et audit du patrimoine de RICA**<br>Le service d'audit interne de RICA transmet un rapport au Conseil d'Administration et en réserve une copie au Directeur Général de RICA. |

| | | |
|---|---|---|
| Imikoreshereze y'umutungo wa RICA n'uburyo abakozi bayo bacungwa bigenzurwa hakurikijwe amategeko abigenga. | The use of the property and management of staff of RICA is audited in accordance with relevant laws. | L'utilisation du patrimoine de RICA et la gestion de son personnel font l'objet d'audit conformément à la législation en la matière. |
| **<u>Ingingo ya 34:</u> Raporo y'umwaka w'ibaruramari** | **<u>Article 34:</u> Annual financial statements** | **<u>Article 34:</u> Rapport annuel des états financiers** |
| Mu gihe kitarenze amezi atatu (3) akurikira impera z'umwaka w'ibaruramari, Umuyobozi Mukuru wa RICA ashyikiriza urwego rureberera RICA raporo y'umwaka w'ibaruramari, imaze kwemezwa n'Inama y'Ubuyobozi hakurikijwe amategeko agenga imicungire y'imari n'umutungo bya Leta. | Within three (3) months following the closure of the financial year, the Director General of RICA submits the annual financial statements to the supervising authority of RICA after approval thereof by the Board of Directors in accordance with laws governing the management of State finance and property. | Dans un délai ne dépassant pas trois (3) mois qui suivent la fin de l'exercice financier, le Directeur Général de RICA soumet à l'autorité de tutelle de RICA le rapport annuel des états financiers après son approbation par le Conseil d'Administration conformément aux dispositions légales régissant les finances et le patrimoine de l'Etat. |
| **<u>UMUTWE WA VI</u>: INGINGO ZINYURANYE, IY'INZIBACYUHO N'IZISOZA** | **<u>CHAPTER VI:</u> MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS** | **<u>CHAPITRE VI:</u> DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRE ET FINALES** |
| **<u>Ingingo ya 35:</u> Agaciro k'ibyakozwe** | **<u>Article 35:</u> Validity of performed acts** | **<u>Article 35:</u> Validité des actes posés** |
| Impushya n'ibyemezo byatanzwe n'inzego zakoraga imirimo yimuriwe muri RICA bikomeza kugira agaciro kabyo. | Licences and certificates issued by the organs responsible for the activities transferred to RICA remain valid. | Les licences et certificats délivrés par les organes chargés des activités transférées à RICA restent valables. |
| **<u>Ingingo ya 36:</u> Igihe cy'inzibacyuho** | **<u>Article 36:</u> Transitional period** | **<u>Article 36 :</u> Période transitoire** |
| RICA ihawe igihe kitarenze amezi atandatu (6) uhereye igihe iri tegeko ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda kugira ngo ibe yahuje inshingano zakorwaga n'inzego z'imirimo yimuriwe muri RICA. | RICA has a period not exceeding six (6) months from the date of publication of this Law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda to take over responsibilities formerly entrusted to organs transferred to RICA. | RICA dispose d'un délai ne dépassant pas six (6) mois à compter de la date de publication de la présente loi au Journal Officiel de la République du Rwanda pour assumer les attributions anciennement assumées par les organes transférés à RICA. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 37:</u> Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko** | **<u>Article 37:</u> Drafting, consideration and adoption of this Law** | **<u>Article 37:</u> Initiation, examen et adoption de la présente loi** |
| Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda. | This Law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda. | La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en kinyarwanda. |
| **<u>Ingingo ya 38:</u> Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko binyuranyije n'iri tegeko** | **<u>Article 38:</u> Repealing provision** | **<u>Article 38 :</u> Disposition abrogatoire** |
| Itegeko n° 61/2013 ryo ku wa 23/08/2013 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubugenzuzi bw'Ubuziranenge, Ihiganwa mu bucuruzi no kurengera Abaguzi (NICA) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo n'izindi ngingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho. | Law n° 61/2013 of 23/08/2013 establishing National Standards Inspectorate, Competition and Consumer Protection Authority (NICA) and determining its mission, organization and functioning as well as all other prior provisions contrary to this Law are repealed. | La Loi n° 61/2013 du 23/08/2013 portant création de l'Office national d'inspection des normes, de la concurrence et de la protection des consommateurs (NICA) et déterminant sa mission, son organisation et son fonctionnement ainsi que toutes les autres dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées. |
| **<u>Ingingo ya 39:</u> Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa** | **<u>Article 39:</u> Commencement** | **<u>Article 39 :</u> Entrée en vigueur** |
| Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. | This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. | La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. |
| Kigali, ku wa 25/07/2017 | Kigali, on 25/07/2017 | Kigali, le 25/07/2017 |

| | | |
|---|---|---|
| **(sé)**<br>**KAGAME Paul**<br>Perezida wa Repubulika | **(sé)**<br>**KAGAME Paul**<br>President of the Republic | **(sé)**<br>**KAGAME Paul**<br>Président de la République |
| **(sé)**<br>**MUREKEZI Anastase**<br>Minisitiri w'Intebe | **(sé)**<br>**MUREKEZI Anastase**<br>Prime Minister | **(sé)**<br>**MUREKEZI Anastase**<br>Premier Ministre |
| **Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**<br><br>**(sé)**<br>**BUSINGYE Johnston**<br>Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta | **Seen and sealed with the Seal of the Republic:**<br><br>**(sé)**<br>**BUSINGYE Johnston**<br>Minister of Justice/Attorney General | **Vu et scellé du Sceau de la République :**<br><br>**(sé)**<br>**BUSINGYE Johnston**<br>Ministre de la Justice/Garde des Sceaux |

| | | |
|---|---|---|
| **ITEGEKO Nº 32/2017 RYO KU WA 03/08/2017 RIGENA IMITUNGANYIRIZE YA SIPORO, IMIKINO N'IMYIDAGADURO** | **LAW Nº 32/2017 OF 03/08/2017 GOVERNING ORGANISATION OF SPORT, GAMES AND LEISURE** | **LOI Nº 32/2017 DU 03/08/2017 PORTANT ORGANISATION DU SPORT, JEUX ET LOISIRS** |
| **ISHAKIRO** | **TABLE OF CONTENTS** | **TABLE DES MATIERES** |
| **UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE** | **CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS** | **CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES** |
| **Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije** | **Article One: Purpose of this Law** | **Article premier: Objet de la présente loi** |
| **Ingingo ya 2: Intego ya siporo, imikino n'imyidagaduro** | **Article 2: Aim of sport, games and leisure** | **Article 2: But du sport, jeux et loisirs** |
| **Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo** | **Article 3: Definitions of terms** | **Article 3: Définitions des termes** |
| **UMUTWE WA II: IMITUNGANYIRIZE YA SIPORO N'IMIKINO** | **CHAPTER II: ORGANISATION OF SPORT AND GAMES** | **CHAPITRE II: ORGANISATION DU SPORT ET DES JEUX** |
| **Icyiciro cya mbere: Inzego z'imitunganyirize ya siporo n'inshingano zazo** | **Section One: Organs in charge of sport organisation and their responsibilities** | **Section première: Organes chargés de l'organisation du sport et leurs attributions** |
| **Ingingo ya 4: Inzego z'ingenzi z'imitunganyirize ya siporo n'imikino** | **Article 4: Key organs in charge of sport and games organisation** | **Article 4: Organes principaux chargés de l'organisation du sport et des jeux** |
| **Ingingo ya 5: Inshingano z'ingenzi za Minisiteri mu mitunganyirize ya siporo** | **Article 5: Key responsibilities of the Ministry in organizing sport** | **Article 5: Attributions principales du Ministère dans l'organisation du sport** |
| **Ingingo ya 6: Inshingano z'ingenzi za Komite Olempiki y'u Rwanda** | **Article 6: Key responsibilities of National Olympic Committee of Rwanda** | **Article 6: Attributions principales du Comité National Olympique du Rwanda** |
| **Ingingo ya 7: Inshingano z'ingenzi z'urugaga rwa siporo n'urw'imikino** | **Article 7: Key responsibilities of a sport federation and a games federation** | **Article 7: Attributions principales d'une fédération de sport et d'une fédération des jeux** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 8: Inshingano z'ingenzi z'ishyirahamwe rya siporo n'imikino** | **Article 8: Key responsibilities of a sport and games association** | **Article 8: Attributions principales d'une association du sport et des jeux** |
| **Ingingo ya 9: Imikorere n'imikoranire y'inzego z'imitunganyirize ya siporo n'imikino** | **Article 9: Functioning and collaboration between organs in charge of sport and games organisation** | **Article 9: Fonctionnement et collaboration entre les organes d'organisation du sport et des jeux** |
| **Ingingo ya 10: Ibyiciro bya siporo** | **Article 10: Sport categories** | **Article 10: Catégories du sport** |
| **Icyiciro cya 2: Imyigishirize ya siporo n'imikino** | **Section 2: Teaching of sport and games** | **Section 2: Enseignement du sport et des jeux** |
| **Ingingo ya 11: Kwigisha siporo n'imikino mu mashuri** | **Article 11: Teaching of sport and games in schools** | **Article 11: Enseignement du sport et des jeux dans les écoles** |
| **Ingingo ya 12: Kwigisha siporo n'imikino mu irerero ryigisha siporo n'imikino** | **Article 12: Teaching of sport and games in sport and games academy** | **Article 12: Enseignement du sport et des jeux dans l'académie du sport et des jeux** |
| **Icyiciro cya 3: Gushyigikira ibikorwa bya siporo n'imikino, ishimwe n'ingororano** | **Section 3: Support for sport and games activities, awards and recognition** | **Section 3: Appui aux activités du sport et des jeux, prix et reconnaissance** |
| **Ingingo ya 13: Gushyigikira ibikorwa bya siporo n'imikino** | **Article 13: Support for sport and games activities** | **Article 13: Appui aux activités du sport et des jeux** |
| **Ingingo ya 14: Ishimwe n'ingororano bigenerwa umukinnyi** | **Article 14: Award and recognition given to a player** | **Article 14: Prix et reconnaissance décernés à un joueur** |
| **Ingingo ya 15: Ubutwererane muri siporo n'imikino** | **Article 15: Cooperation in sport and games** | **Article 15: Coopération en matière du sport et des jeux** |
| **Icyiciro cya 4: Ubuzima n'ubwishingizi bw'umukinnyi** | **Section 4: Health and insurance of a player** | **Section 4: Santé et assurance d'un joueur** |
| **Ingingo ya 16: Ubuzima bw'umukinnyi** | **Article 16: Health of a player** | **Article 16: Santé d'un joueur** |
| **Ingingo ya 17: Ubwishingizi bw'impanuka ku mukinnyi** | **Article 17: Accident insurance for a player** | **Article 17: Assurance accident pour un joueur** |

| | | |
|---|---|---|
| **Icyiciro cya 5: Ibikorwaremezo bya siporo n'imikino**<br>**Ingingo ya 18: Ibipimo ngenderwaho mu gushyiraho ibikorwaremezo bya siporo n'imikino**<br>**Ingingo ya 19: Imyubakire y'ibikorwaremezo bya siporo n'imikino**<br><br>**Ingingo ya 20: Imicungire y'ibikorwaremezo n'ibikoresho bya siporo n'imikino**<br><br>**UMUTWE WA III: IBYONGERAMBARAGA BIBUJIJWE, UBURIGANYA N'IMIGENZO ITEMEWE MURI SIPORO**<br><br>**Icyiciro cya mbere: Ibyongerambaraga bibujijwe muri siporo**<br><br>**Ingingo ya 21: Urutonde rw'ibyongerambaraga bibujijwe**<br><br>**Ingingo ya 22: Ibyongerambaraga bibujijwe muri siporo**<br>**Ingingo ya 23: Igenzura ry'ikoreshwa ry'ibyongerambaraga bibujijwe muri siporo**<br><br>**Icyiciro cya 2: Uburiganya, imigenzo itemewe muri siporo n'imikino**<br>**Ingingo ya 24: Uburiganya n'imigenzo itemewe bikoreshwa muri siporo n'imikino**<br><br>**Ingingo ya 25: Kugenzura uburyo indangagaciro za siporo n'imikino zibungwabungwa** | **Section 5: Sport and games infrastructure**<br><br>**Article 18: Standards to develop sport and games infrastructure**<br><br>**Article 19: Construction of sport and games infrastructure**<br><br>**Article 20: Management of sport and games infrastructure and equipment**<br><br>**CHAPTER III: PROHIBITED DOPING SUBSTANCES, FRAUDULENT ACTS AND UNFAIR PRACTICES IN SPORT**<br><br>**Section One: Prohibited doping substances in sport**<br><br>**Article 21: List of prohibited doping substances**<br><br>**Article 22: Prohibition of doping substances in sport**<br>**Article 23: Anti-doping control in sport**<br><br>**Section 2: Fraudulent acts, unfair practices in sport and games**<br>**Article 24: Prohibition of fraudulent acts and unfair practices in sport and games**<br><br>**Article 25: Monitoring the preservation of values of sport and games** | **Section 5: Infrastructures de sport et des jeux**<br><br>**Article 18: Normes pour la mise en place d'infrastructures de sport et des jeux**<br><br>**Article 19: Construction des infrastructures de sport et des jeux**<br><br>**Article 20: Gestion d'infrastructures et équipement de sport et des jeux**<br><br>**CHAPITRE III: SUBSTENCES DOPANTES INTERDITES, MANŒUVRES FRAUDULEUSES ET PRATIQUES DELOYALES DANS LE SPORT**<br><br>**Section première: Substances dopantes interdites dans le sport**<br><br>**Article 21: Liste des substances dopantes interdites**<br><br>**Article 22: Interdiction de substances dopantes dans le sport**<br>**Article 23: Contrôle antidopage dans le sport**<br><br>**Section 2: Manœuvres frauduleuses, pratiques déloyales dans le sport et les jeux**<br>**Article 24: Interdiction de manœuvres frauduleuses et pratiques déloyales dans le sport et les jeux**<br>**Article 25: Contrôle de la préservation des valeurs du sport et des jeux** |

| | | |
|---|---|---|
| **UMUTWE WA IV: IBIHANO MURI SIPORO N'IMIKINO** | **CHAPTER IV: SANCTONS IN SPORT AND GAMES** | **CHAPITRE IV: SANCTIONS DANS LE SPORT ET LES JEUX** |
| **Ingingo ya 26: Ibihano ku byaha byerekeranye n'ibyongerambaraga bibujijwe, uburiganya n'imigenzo itemewe** | **Article 26: Sanctions for offences relating to doping, fraudulent acts and unfair practices** | **Article 26: Sanctions pour les infractions en rapport avec le dopage, les manœuvres frauduleuses et les pratiques déloyales** |
| **Ingingo ya 27: Ibihano muri siporo no mu mikino** | **Article 27: Sanctions in sport and games** | **Article 27: Sanctions dans le sport et les jeux** |
| **UMUTWE WA V: IMITUNGANYIRIZE Y' IMYIDAGADURO** | **CHAPTER V: ORGANISATION OF LEISURE** | **CHAPITRE V: ORGANISATION DES LOISIRS** |
| **Ingingo ya 28: Ibyiciro by'imyidagaduro** | **Article 28: Categories of leisure** | **Article 28: Catégories de loisirs** |
| **Ingingo ya 29: Ahabera imyidagaduro** | **Article 29: Venue for leisure** | **Article 29: Lieu de loisirs** |
| **Ingingo ya 30: Gukurikirana no kugenzura ibikorwa by'imyidagaduro** | **Article 30: Monitoring and control of leisure events** | **Article 30: Suivi et contrôle des événements de loisirs** |
| **UMUTWE WA VI: INGINGO ZISOZA** | **CHAPTER VI: FINAL PROVISIONS** | **CHAPITRE VI: DISPOSITIONS FINALES** |
| **Ingingo ya 31: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko** | **Article 31: Drafting, consideration and adoption of this Law** | **Article 31: Initiation, examen et adoption de la présente loi** |
| **Ingingo ya 32: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko** | **Article 32: Repealing provision** | **Article 32: Disposition abrogatoire** |
| **Ingingo ya 33: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa** | **Article 33: Commencement** | **Article 33: Entrée en vigueur** |

| | | |
|---|---|---|
| **ITEGEKO Nº 32/2017 RYO KU WA 03/08/2017 RIGENA IMITUNGANYIRIZE YA SIPORO, IMIKINO N'IMYIDAGADURO** | **LAW Nº 32/2017 OF 03/08/2017 GOVERNING ORGANISATION OF SPORT, GAMES AND LEISURE** | **LOI Nº 32/2017 DU 03/08/2017 PORTANT ORGANISATION DU SPORT, JEUX ET LOISIRS** |
| **Twebwe, KAGAME Paul,**<br>Perezida wa Repubulika; | **We, KAGAME Paul,**<br>President of the Republic; | **Nous, KAGAME Paul,**<br>Président de la République; |
| **INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA** | **THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA** | **LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA** |
| **INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:** | **THE PARLIAMENT:** | **LE PARLEMENT:** |
| Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 22 Kamena 2017; | The Chamber of Deputies, in it its session of 22 June 2017; | La Chambre des Députés, en sa séance du 22 juin 2017; |
| Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 21, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 106, iya 120, iya 168 n'iya 176; | Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 21, 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120, 168 and 176; | Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 21, 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120, 168 et 176; |
| Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga yo kurwanya ibyongerambaraga bibujijwe mu mikino yemejwe tariki ya 19 Ukwakira 2005, i Paris n'Inama rusange y'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Burezi, Ubumenyi n'Umuco (UNESCO) nk'uko yemejwe n'Iteka | Pursuant to the International Convention against Doping in Sport, adopted in Paris, on 19 October 2005, by the General Conference of the United Nations Educational, Scientific and Cultural Organisation (UNESCO) as ratified by Presidential Order nº 07/01 of 31/03/2009 | Vu la Convention Internationale contre le Dopage dans le Sport adoptée à Paris le 19 Octobre 2005 par la Conférence Générale de l'Organisation des Nations Unies pour l'Education, la Science et la Culture (UNESCO), telle que ratifiée par l'Arrêté Présidentiel nº 07/01 du 31/03/2009 portant |

| | | |
|---|---|---|
| rya Perezida nº 07/01 ryo ku wa 31/03/2009 ryemeza kandi rihamya burundu Amasezerano Mpuzamahanga yo kurwanya ibyongeramabraga bibujijwe mu mikino; | ratifying the International Convention against Doping in Sport; | ratification de la Convention Internationale contre le Dopage dans le Sport; |
| Isubiye ku Itegeko nº 05/1987 ryo ku wa 18 Gashyantare 1987 ritunganya siporo n'imyidagaduro mu Rwanda; | Having reviewed Law nº 05/1987 of 18 February 1987 relating to the organisation of sports and leisure in Rwanda; | Revu la Loi nº 05/1987 du 18 février 1987 portant organisation des sports et loisirs au Rwanda; |
| **YEMEJE:** | **ADOPTS:** | **ADOPTE:** |
| **UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE** | **CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS** | **CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES** |
| **Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije** | **Article One: Purpose of this Law** | **Article premier: Objet de la présente loi** |
| Iri tegeko rigena imitunganyirize ya siporo, imikino n'imyidagaduro. | This Law governs organisation of sport, games and leisure. | La présente loi régit l'organisation du sport, jeux et loisirs. |
| **Ingingo ya 2: Intego ya siporo, imikino n'imyidagaduro** | **Article 2: Aim of sport, games and leisure** | **Article 2: But du sport, jeux et loisirs** |
| Siporo igamije kubungabunga ubuzima bw'abantu, kurushanwa, kongera ubukungu, kugira uruhare mu guteza imbere indangagaciro ziranga umuco n'imibereho y'abantu, ubusabane, kubahana no guhuza imbaga. | Sport aims at keeping the people's vitality, competing, contributing to the economic development, promoting community socio-cultural values, conviviality, mutual respect as well as serving as a mobilisation tool. | Le sport a pour but de maintenir la santé humaine, de concourir, de contribuer au développement économique, de promouvoir des valeurs socio-culturelles de la communauté, de l'esprit de convivialité, du respect mutuel ainsi que de servir de moyen de mobilisation. |
| Imikino igamije kuruhura, kurushanwa hagendewe ku mategeko ayigenga. | Games aim at recreation and competition according to the governing laws. | Les jeux ont pour but la détente et la compétition conformément à la législation en la matière. |
| Imyidagaduro igamije kuruhura, kubungabunga ubuzima, kwiyungura ubumenyi binyuze mu | Leisure aims at recreation, maintaining health, knowledge development through games, socio-cultural activities or technology. | Les loisirs ont pour but la détente, le maintien de la santé, le développement des connaissances à |

| Kinyarwanda | English | Français |
|---|---|---|
| mikino, mu bikorwa ndangamuco cyangwa mu buryo bw'ikoranabuhanga. | | travers les jeux, les activités socio-culturelles ou technologiques. |
| **<u>Ingingo ya 3</u>: Ibisobanuro by'amagambo** | **<u>Article 3</u>: Definitions of terms** | **<u>Article 3</u>: Définitions des termes** |
| Muri iri tegeko, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira: | In this Law, the following terms have the following meanings: | Dans la présente loi, les termes suivants ont les significations suivantes: |
| 1° **ahabera imyidagaduro:** ahantu hari ibikorwaremezo n'ibikoresho by'ibanze byabugenewe biberanye na buri cyiciro cy'imyidagaduro hahurira abantu bagamije kuruhuka; | 1° **venue for leisure:** locations with appropriate basic infrastructure and equipment suitable for each category of leisure, where the public meet for recreational purpose; | 1° **lieux de loisir:** locaux dotés des infrastructures et équipements de base propres à chaque catégorie de loisir, destiné au public qui veut se détendre; |
| 2° **ibyongerambaraga bibujijwe:** ikintu cyose kibujijwe gikoreshwa kugira ngo umukinnyi yongere imbaraga ku buryo budasanzwe, ari mu irushanwa cyangwa yitegura kurijyamo; | 2° **prohibited doping substances:** any outlawed substance that is used to artificially enhance performance of the player who is participating in or preparing a competition; | 2° **substances dopantes interdites:** tout produit interdit utilisé en vue d'augmenter artificiellement la performance d'un joueur qui participe ou se prépare à une compétition; |
| 3° **imikino:** igikorwa kigamije cyane cyane kwiruhura hakurikijwe amabwiriza abigenga; | 3° **games:** activity whose purpose is primarily recreational in accordance with governing rules; | 3° **jeux:** activité visant principalement à se détendre conformément à la règlementation en la matière; |
| 4° **imyidagaduro:** igikorwa cyose kiruhura umuntu ajyamo cyangwa akora abyishakiye wenyine cyangwa ari kumwe n'abandi mu gihe akitse imirimo; | 4° **leisure:** any recreational activity carried out in free time, either individually or collectively and whose exercise or participation is voluntary; | 4° **loisirs:** toute activité récréative à laquelle une personne s'adonne pendant le temps libre, individuellement ou collectivement et dont la pratique ou participation est volontaire; |
| 5° **imigenzo itemewe:** igikorwa cyose kigamije guca intege, gutera imbaraga zidasanzwe uri mu irushanwa cyangwa uwitegura kurijyamo; | 5° **unfair practice:** any type of practice meant to inhibit or artificially enhance performance of a player who is participating in or preparing a competition; | 5° **pratique déloyale:** tout moyen visant à infléchir ou augmenter artificiellement la performance d'un joueur qui participe ou se prépare à une compétition; |

| | | |
|---|---|---|
| 6° **irerero ryigisha siporo n'imikino:** ahantu hahurizwa abakinnyi bakiri bato hagamijwe guteza imbere impano zabo muri siporo n'imikino; | 6° **sport academy:** a centre bringing together young players for the purpose of development of their talents in sport and games; | 6° **académie de sport:** centre regroupant des jeunes sportifs dans le but de développer leurs talents en termes de sport et de jeux; |
| 7° **ishyirahamwe rya siporo n'imikino:** umuryango nyarwanda utari uwa Leta ugamije guteza imbere siporo imwe cyangwa nyinshi; | 7° **sport and games association:** any national non-governmental organisation whose purpose is to promote one or many types of sports; | 7° **association de sports et jeux:** toute organisation non-gouvernementale nationale visant la promotion d'une ou plusieurs disciplines sportives; |
| 8° **ishyirahamwe rya siporo rishamikiye ku rugaga:** umuryango nyarwanda utari uwa Leta ugamije guteza imbere siporo imwe irebererwa n'urwo rugaga; | 8° **sport association affiliated to the federation:** any national non-governmental organisation whose purpose is to promote one type of sport under the supervision of that federation; | 8° **une association sportive affilée à la fédération:** toute organisation non-gouvernementale nationale visant la promotion d'une discipline sportive sous la supervision de cette fédération; |
| 9° **Komite Olempike y'u Rwanda:** umuryango nyarwanda utari uwa Leta uhuza ingaga za siporo n'amashyirahamwe y'imikino bigendera ku mahame olimpiki bikorera ku rwego rw'Igihugu ku buryo bwemewe n'amategeko; | 9° **National Olympic Committee of Rwanda:** a national non-governmental organisation serving as an umbrella for legally recognised national sport federations and games associations that are subject to olympic principles; | 9° **Comité National Olympique du Rwanda:** organisation non-gouvernementale nationale qui regroupe les fédérations sportives et associations des jeux reconnues par la loi et qui sont soumises aux principes olympiques; |
| 10° **Minisiteri:** Minisiteri ifite siporo, imikino n'imyidagaduro mu nshingano zayo; | 10° **Ministry:** Ministry in charge of sport, games and leisure; | 10° **Ministère:** Ministère ayant le sport, jeux et loisirs dans ses attributions; |
| 11° **Minisitiri:** Minisitiri ufite siporo, imikino n'imyidagaduro mu nshingano ze; | 11° **Minister:** Minister in charge of sport, games and leisure; | 11° **Ministre:** Ministre ayant le sport, jeux et loisirs dans ses attributions; |
| 12° **siporo:** igikorwa cyose gikoresha imbaraga z'umubiri n'ubwenge | 12° **sport:** any physical and mental activity carried out in the spirit of competition and in respect of set of governing rules; | 12° **sport:** toute activité physique et mentale exercée dans le cadre de la compétition et |

| | | |
|---|---|---|
| kigamije amarushanwa kandi gifite amategeko akigenga; | | dans le respect de la règlementation en la matière; |
| 13° **siporo itari iy'umwuga:** siporo iyo ariyo yose ikorwa n'umuntu utabihemberwa hakurijwe amahitamo ye; | 13° **amateur sport:** any type of sport in which participant engages without remuneration upon his/her preference; | 13° **sport amateur:** tout sport sans vocation lucrative, pratiqué par une personne selon son choix; |
| 14° **siporo y'umwuga:** siporo ikorwa n'umuntu uyihemberwa hakurikijwe amategeko agenga umurimo; | 14° **professional sport:** a sport where a sporting participant is financially remunerated in accordance with labour regulations; | 14° **sport professionnel:** sport dont le joueur est rémunéré conformément à la législation du travail; |
| 15° **siporo yo ku rwego rwo hejuru:** siporo ikorwa n'abakinnyi bafite impano n'ubuhanga buhanitse butuma bashobora gukina nk'ababigize umwuga; | 15° **elite sport:** a sport performed by highly talented players owing them the qualification of professional players**;** | 15° **sport d'élite:** sport pratiqué par des joueurs hautement talentueux, les qualifiant ainsi comme joueurs professionnels; |
| 16° **urugaga rwa siporo:** umuryango nyarwanda utari uwa Leta wemewe n'amategeko uhuza amashyirahamwe ya Siporo awushamikiyeho hagamijwe guteza imbere siporo imwe. | 16° **sport federation:** an officially recognised national non-governmental organisation which brings together affiliated sport associations in order to promote one specific sport. | 16° **fédération sportive:** une organisation non-gouvernementale nationale officiellement reconnue qui regroupe des associations sportives affiliées pour la promotion d'un sport spécifique. |
| **UMUTWE WA II: IMITUNGANYIRIZE YA SIPORO N'IMIKINO** | **CHAPTER II: ORGANIZATION OF SPORT AND GAMES** | **CHAPITRE II: ORGANISATION DU SPORT ET DES JEUX** |
| **Icyiciro cya mbere: Inzego z'imitunganyirize ya siporo n'inshingano zazo** | **Section One: Organs in charge of sport organisation and their responsibilities** | **Section première: Organes chargés de l'organisation du sport et leurs attributions** |
| **Ingingo ya 4: Inzego z'ingenzi z'imitunganyirize ya siporo n'imikino** | **Article 4: Key organs in charge of sport and games organisation** | **Article 4: Organes principaux chargés de l'organisation du sport et des jeux** |

| | | |
|---|---|---|
| Inzego z'ingenzi z'imitunganyirize ya siporo n'imikino ni izi zikurikira:<br><br>1° Minisiteri;<br><br>2° Komite Olempiki y'u Rwanda;<br><br>3° ingaga za siporo n'imikino;<br><br>4° amashyirahamwe ya siporo n'imikino. | Key organs in charge of sport and games organisation are the following:<br><br>1° the Ministry;<br><br>2° the National Olympic Committee of Rwanda;<br><br>3° sport and games federations;<br><br>4° sport and games associations. | Les organes principaux chargés de l'organisation du sport et des jeux sont les suivantes:<br><br>1° le Ministère;<br><br>2° le Comité National Olympique du Rwanda;<br>3° les fédérations du sport et des jeux;<br><br>4° les associations du sport et des jeux. |
| **<u>Ingingo ya 5</u>: Inshingano z'ingenzi za Minisiteri mu mitunganyirize ya siporo** | **<u>Article 5</u>: Key responsibilities of the Ministry in organising sport** | **<u>Article 5</u>: Attributions principales du Ministère dans l'organisation du sport** |
| Mu mitunganyirize ya siporo n'imikino, Minisiteri ifite inshingano z'ingenzi zikurikira:<br><br>1° gushyiraho politiki y'iterambere rya siporo, imikino n'ingamba zo kuyishyira mu bikorwa;<br><br>2° kugenzura no gukurikirana ibikorwa byose byerekeranye na siporo n'imikino;<br><br>3° gukurikirana amakipe y'Igihugu mu myiteguro no mu marushanwa hashingiwe kuri gahunda y'ingaga za siporo n'imikino. | With regard to sport and games organisation, the Ministry has the following key responsibilities:<br><br>1° to set up sport and games development policy and its implementation strategies;<br><br>2° to monitor and evaluate all activities related to sport and games;<br><br>3° to follow up over national teams during preparation and in competitions in line with calendars of sport and games federations. | En matière de l'organisation du sport et des jeux, le Ministère a les attributions principales suivantes:<br><br>1° élaborer la politique de développement du sport et des jeux ainsi que les stratégies de sa mise en œuvre;<br><br>2° contrôler et évaluer toutes les activités relatives au sport et aux jeux;<br><br>3° assurer le suivi des équipes nationales au cours des préparatifs et pendant les compétitions suivant les calendriers des fédérations du sport et des jeux. |
| **<u>Ingingo ya 6</u>: Inshingano z'ingenzi za Komite Olempiki y'u Rwanda** | **<u>Article 6</u>: Key responsibilities of National Olympic Committee of Rwanda** | **<u>Article 6</u>: Attributions principales du Comité National Olympique du Rwanda** |
| Komite Olempike y'u Rwanda ifite inshingano z'ingenzi zikurikira: | National Olympic Committee of Rwanda has the following key responsibilities: | Les attributions principales du Comité National Olympique du Rwanda sont les suivantes: |

| | | |
|---|---|---|
| 1° guhuza ibikorwa by'ingaga n'amashyirahamwe bya siporo n'imikino biyihuriyemo; | 1° to coordinate sport and games federations and associations under their umbrella; | 1° coordonner des fédérations et associations du sport et des jeux qui lui sont affiliées; |
| 2° kugira uruhare mu kubaka ubushobozi bw'ingaga n'amashyirahamwe bya siporo n'imikino; | 2° to contribute to capacity building of sport and games federations and associations; | 2° contribuer au renforcement des capacités des fédérations des associations du sport et des jeux; |
| 3° guhuza no gukurikirana ibikorwa byerekeranye no gutegura imikino olempiki. | 3° to coordinate and supervise activities relating to preparation of olympic games. | 3° coordonner et superviser les activités relatives à la préparation des jeux olympiques. |
| **<u>Ingingo ya 7</u>: Inshingano z'ingenzi z'urugaga rwa siporo n'urw'imikino** | **<u>Article 7</u>: Key responsibilities of a sport federation and a games federation** | **<u>Article 7</u>: Attributions principales d'une fédération de sport et d'une fédération des jeux** |
| Urugaga rwa siporo n'urw'imikino zifite inshingano z'ingenzi zo: | A sport federation and a games federation have the key responsibilities: | Une fédération de sport et une fédération des jeux ont les attributions principales de: |
| 1° guhuza ibikorwa byose byerekeranye na siporo cyangwa imikino urwo rugaga rushinzwe ku rwego rw'Igihugu; | 1° to coordinate all sporting or gaming activities falling within its responsibilities at the national level; | 1° coordonner toutes les activités du sport ou des jeux relevant de ses attributions au niveau national; |
| 2° gukora igenamigambi rirambye ryo guteza imbere siporo n'imikino hashingiwe kuri politiki y'Igihugu y'iterambere rya siporo n'imikino; | 2° to prepare a sustainable development plan for its respective sport and game basing on the national sport and games development policy; | 2° élaborer un plan de développement durable relatif à son sport et jeux respectifs conformément à la politique nationale du développement du sport et des jeux; |
| 3° gutegura no gutanga uburenganzira bwo gukoresha amarushanwa ya siporo n'imikino rushinzwe hakurikije amategeko n'amabwiriza akurikizwa ku rwego rw'Igihugu no ku rwego mpuzamahanga; | 3° to organise and authorise organisation of national tournaments of sport and game under its ambit basing on national and international rules and regulations; | 3° préparer et autoriser l'organisation des tournois nationaux du sport et jeux sous sa responsabilité conformément aux règlements nationaux et internationaux; |
| 4° gutegura ikipe y'Igihugu yitabira irushanwa mpuzamahanga; | 4° to ensure preparatory arrangements for a national team participating in an international competition; | 4° préparer l'équipe nationale qui participe à une compétition internationale; |

| | | |
|---|---|---|
| 5° gushyikiriza Minisiteri buri mwaka, gahunda na raporo y'ibikorwa bya siporo cyangwa imikino na raporo y'imikoreshereze y'imari ya Leta mu gihe cyagenwe. | 5° to submit annually to the Ministry an action plan and an activity report related to the sport or game as well as a report on the execution of the State budget for a specified period. | 5° soumettre chaque année au Ministère le plan d'action et le rapport d'activités relatifs au sport ou jeux ainsi que le rapport d'exécution du budget de l'Etat pour une période déterminée. |
| **<u>Ingingo ya 8</u>: Inshingano z'ingenzi z'ishyirahamwe rya siporo n'imikino** | **<u>Article 8</u>: Key responsibilities of a sport and games association** | **<u>Article 8</u>: Attributions principales d'une association du sport et des jeux** |
| Ishyirahamwe rya siporo n'imikino rifite inshingano z'ingenzi zikurikira: | A sport and games association has the following key responsibilities: | Une association du sport et des jeux a les attributions principales suivantes: |
| 1° gutegura no gushyira mu bikorwa igenamigambi rirambye ryo guteza imbere siporo cyangwa umukino rishinzwe hakurikijwe amategeko y'urugaga iryo shyirahamwe rishamikiyeho; | 1° to elaborate and implement a sustainable development plan for the sport or game pertaining to the association, basing on laws of the umbrella federation; | 1° élaborer et mettre en œuvre un plan de développement durable du sport ou jeux relevant de l'association conformément à la législation de la fédération à laquelle elle est affiliée; |
| 2° gusigasira indangagaciro za siporo n'imikino. | 2° to preserve sporting and gaming values. | 2° préserver les valeurs du sport et des jeux. |
| **<u>Ingingo ya 9</u>: Imikorere n'imikoranire y'inzego z'imitunganyirize ya siporo n'imikino** | **<u>Article 9</u>: Functioning and collaboration between organs in charge of sport and games organisation** | **<u>Article 9</u>: Fonctionnement et collaboration entre les organes d'organisation du sport et des jeux** |
| Imikorere n'imikoranire y'inzego z'imitunganyirize za siporo n'imikino bigenwa n'Iteka rya Minisitiri. | A Ministerial Order determines the functioning and collaboration between organs in charge of sport and games organisation. | Un arrêté du Ministre détermine le fonctionnement et la collaboration entre les organes d'organisation du sport et des jeux. |
| **<u>Ingingo ya 10</u>: Ibyiciro bya siporo** | **<u>Article 10</u>: Sport categories** | **<u>Article 10</u>: Catégories du sport** |
| Siporo mu Rwanda iri mu byiciro bikurikira:<br>1° siporo yo ku rwego rwo hejuru;<br>2° siporo y'umwuga; | Sport in Rwanda is subdivided into the following categories:<br>1° elite sport;<br>2° professional sport; | Le sport au Rwanda est subdivisé en catégories suivantes:<br>1° le sport d'élite;<br>2° le sport professionnel; |

| | | |
|---|---|---|
| 3° siporo itari iy'umwuga. | 3° amateur sport. | 3° le sport amateur. |
| Imitunganyirize y'ibyiciro bya siporo n'imikino bigenwa n'Iteka rya Minisitiri. | The organisation of categories of sport and games is determined by a Ministerial Order. | L'organisation des catégories du sport et des jeux est régie par arrêté ministériel. |
| **<u>Icyiciro cya 2</u>: Imyigishirize ya siporo n'imikino** | **<u>Section 2</u>: Teaching of sport and games** | **<u>Section 2</u>: Enseignement du sport et des jeux** |
| **<u>Ingingo ya 11</u>: Kwigisha siporo n'imikino mu mashuri** | **<u>Article 11</u>: Teaching of sport and games in schools** | **<u>Article 11</u>: Enseignement du sport et des jeux dans les écoles** |
| Isomo rya siporo n'imikino ritangwa mu mashuri y'incuke, abanza n'ayisumbuye. | The sport and games course is offered in nursery, primary and secondary schools. | Le cours du sport et des jeux est dispensé dans des écoles maternelles, primaires et secondaires. |
| **<u>Ingingo ya 12</u>: Kwigisha siporo n'imikino mu irerero ryigisha siporo n'imikino** | **<u>Article 12</u>: Teaching of sport and games in sport and games academy** | **<u>Article 12</u>: Enseignement du sport et des jeux dans l'académie du sport et des jeux** |
| Kwigisha siporo n'imikino mu irerero ryigisha siporo n'imikino bikorwa hakurikijwe integanyanyigisho zitegurwa kandi zikemezwa na Minisitiri. | Teaching of sport and games in a sport and games academy is carried out in accordance with teaching curricula developed and approved by the Minister. | L'enseignement du sport et des jeux dans l'académie du sport et des jeux se fait conformément aux programmes d'enseignement préparés et approuvés par le Ministre. |
| Kwemerera irerero ryigisha siporo n'imikino, imikorere n'imitunganyirize byaryo bigenwa n'Iteka rya Minisitiri . | The licensing of a sport and games academy as well as its functioning and organisation are determined by an Order of the Minister. | L'autorisation d'une académie du sport et des jeux ainsi que son fonctionnement et son organisation sont déterminés par un arrêté du Ministre. |
| **<u>Icyiciro cya 3</u>: Gushyigikira ibikorwa bya siporo n'imikino, ishimwe n'ingororano** | **<u>Section 3</u>: Support for sport and games activities, awards and recognition** | **<u>Section 3</u>: Appui aux activités du sport et des jeux, prix et reconnaissance** |
| **<u>Ingingo ya 13</u>: Gushyigikira ibikorwa bya siporo n'imikino** | **<u>Article 13</u>: Support for sport and games activities** | **<u>Article 13</u>: Appui aux activités du sport et des jeux** |
| Minisiteri ishyigikira ibikorwa byo gutegura amakipe y'Igihugu mu kwitabira no kwakira amarushanwa. | The Ministry supports activities relating to the preparation of national teams in respect of participating in and hosting competitions. | Le Ministère appuie les activités relatives à la préparation des équipes nationales en ce qui |

| | | |
|---|---|---|
| | | concerne leur participation aux compétitions et l'accueil de ces dernières. |
| Minisiteri, ku bufatanye n'ingaga na Komite Olempiki y'u Rwanda ishobora gushyigikira ibikorwa bigamije guteza imbere siporo n'imikino. | The Ministry in collaboration with federations and the National Olympic Committee of Rwanda may support sport and games development activities. | Le Ministère en collaboration avec les fédérations et le Comité National Olympique du Rwanda peut appuyer les activités de développement du sport et des jeux. |
| Izindi nzego za Leta n'abikorera zishobora gushyigikira ibikorwa bya siporo n'imikino. | Other public institutions and the private sector may support sport and games development activities. | Les autres institutions publiques et le secteur privé peuvent appuyer les activités de développement du sport et des jeux. |
| **<u>Ingingo ya 14</u>: Ishimwe n'ingororano bigenerwa umukinnyi** | **<u>Article 14</u>: Award and recognition given to a player** | **<u>Article 14</u>: Prix et reconnaissance décernés à un joueur** |
| Leta n'abikorera bashobora kugenera ishimwe cyangwa ingororano umukinnyi w'indashyikirwa wahesheje ishema Igihugu muri siporo cyangwa mu mikino. | The State and the private sector may grant an award or recognition to the best player who defended the honour of the country in sport or games. | L'Etat et le secteur privé peuvent décerner un prix ou une reconnaissance à un meilleur joueur ayant défendu l'honneur du pays en matière du sport ou de jeux. |
| Uburyo bwo gutanga ishimwe n'ingororano ku bakinnyi bugenwa n'Iteka rya Minisitiri. | An Order of the Minister determines the arrangement and conditions of granting awards and recognition to players. | Un arrêté du Ministre détermine la forme et les conditions de décernement de prix et reconnaissance aux joueurs. |
| **<u>Ingingo ya 15</u>: Ubutwererane muri siporo n'imikino** | **<u>Article 15</u>: Cooperation in sport and games** | **<u>Article 15</u>: Coopération en matière du sport et des jeux** |
| Minisiteri ifatanya n'ibindi bihugu n'imiryango mpuzamahanga mu bikorwa by'ubushakashatsi, ubutwererane no kongera ubushobozi mu bijyanye na siporo n'imikino. | The Ministry collaborates with other countries and international organisations in activities relating to research, cooperation and capacity building in matters pertaining to sport and games. | Le Ministère collabore avec d'autres pays et organisations internationales dans des activités en rapport avec la recherche, la coopération et le renforcement de capacités en matière du sport et des jeux. |
| Haseguriwe ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ishyirahamwe cyangwa urugaga | Subject to the provisions of the Paragraph One of this Article, an association or a federation may | Sous réserve des dispositions de l'alinéa premier du présent article, une association ou une |

| | | |
|---|---|---|
| bishobora kugirana ubufatanye bwihariye n'urugaga, ishyirahamwe cyangwa imiryango mpuzamahanga. | establish a particular partnership with a federation, an association or international organisations. | fédération peut établir une coopération particulière avec une fédération, une association ou des organisations internationales. |
| **Icyiciro cya 4: Ubuzima n'ubwishingizi bw'umukinnyi** | **Section 4: Health and insurance of a player** | **Section 4: Santé et assurance d'un joueur** |
| **Ingingo ya 16: Ubuzima bw'umukinnyi** | **Article 16: Health of a player** | **Article 16: Santé d'un joueur** |
| Ishyirahamwe rya siporo n'imikino rikora isuzuma ry'ubuzima bw'umukinnyi mbere yo kugirana amasezerano no gukurikirana ubuzima bwe igihe cyose amasezerano agifite agaciro. | Any sport and games association carries out a medical check-up on a player before awarding him/her a contract and follows up his/her health during the period of the contract. | Une association du sport et des jeux fait subir à un joueur un test médical avant de lui octroyer un contrat et assure le suivi de sa santé pendant toute la durée du contrat. |
| **Ingingo ya 17: Ubwishingizi bw'impanuka ku mukinnyi** | **Article 17: Accident insurance for a player** | **Article 17: Assurance accident pour un joueur** |
| Ishyirahamwe rya siporo n'imikino rifatira umukinnyi ubwishingizi bw'impanuka mbere yo kumukoresha.<br>Ubwo bwishingizi bugira agaciro iyo umukinnyi ari mu bikorwa bijyanye n'amasezerano yagiranye n'ishyirahamwe. | Any sport and games association subscribes to an accident insurance coverage in respect of a player before employing him/her.<br>That insurance coverage is valid only when the player is on duties related to his/her contract with the association. | Une association du sport et des jeux souscrit une assurance accident pour un joueur avant de l'employer.<br>Cette assurance n'est valable que lorsque le joueur exerce des activités liées à son contrat avec l'association. |
| **Icyiciro cya 5: Ibikorwaremezo bya siporo n'imikino** | **Section 5: Sport and games infrastructure** | **Section 5: Infrastructures de sport et des jeux** |
| **Ingingo ya 18: Ibipimo ngenderwaho mu gushyiraho ibikorwaremezo bya siporo n'imikino** | **Article 18: Standards to develop sport and games infrastructure** | **Article 18: Normes pour la mise en place d'infrastructures de sport et des jeux** |
| Ibipimo ngenderwaho mu gushyiraho ibikorwaremezo bya siporo n'imikino bigenwa n'Iteka rya Minisitiri. | Standards to develop sport and games infrastructure are determined by an Order of the Minister. | Les normes pour la mise en place des infrastructures de sport et des jeux sont fixées par arrêté du Ministre. |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 19: Imyubakire y'ibikorwaremezo bya siporo n'imikino** | **Article 19: Construction of sport and games infrastructure** | **Article 19: Construction des infrastructures de sport et des jeux** |
| Imyubakire y'ibikorwaremezo bya siporo n'imikino ku rwego rw'Igihugu ishinzwe urwego rufite ibikorwaremezo bya Leta mu nshingano. | The construction of sport and games infrastructure at national level is a responsibility of the organ in charge of public infrastructure. | La construction des infrastructures de sport et des jeux au niveau national est la responsabilité de l'organe ayant les infrastructures publiques dans ses attributions. |
| Imyubakire y'ibikorwaremezo bya siporo n'imikino ku rwego rw'Umujyi wa Kigali ishinzwe Umujyi wa Kigali. | The construction of sport and games infrastructure at the level of the City of Kigali is a responsibility of the City of Kigali. | La construction des infrastructures de sport et des jeux au niveau de la Ville de Kigali est la responsabilité de la Ville de Kigali. |
| Imyubakire y'ibikorwaremezo bya siporo n'imikino mu Karere ishinzwe Akarere. | The construction of sport and games infrastructure at the District level is a responsibility of the District. | La construction des infrastructures de sport et de jeux au niveau du District est la responsabilité du District. |
| Imyubakire y'ibikorwaremezo bya siporo n'imikino by'abikorera ishinzwe ba nyirabyo hakurikijwe ibipimo byagenwe na Minisiteri. | The construction of sport and games infrastructure of the private sector is a responsibility of its owners in accordance with standards set out by the Ministry. | La construction des infrastructures de sport et des jeux du secteur privé est la responsabilité de leurs propriétaires conformément aux normes fixées par le Ministère. |
| **Ingingo ya 20: Imicungire y'ibikorwaremezo n'ibikoresho bya siporo n'imikino** | **Article 20: Management of sport and games infrastructure and equipment** | **Article 20: Gestion d'infrastructures et équipement de sport et des jeux** |
| Imicungire y'ibikorwaremezo n'ibikoresho bya siporo n'imikino ku rwego rw'Igihugu ikurikiranwa na Minisiteri. | The management of sport and games infrastructure and equipment at the national level is under the supervision of the Ministry. | La gestion d'infrastructures et d'équipement de sport et des jeux au niveau national est placée sous la supervision du Ministère. |
| Imicungire y'ibikorwaremezo n'ibikoresho bya siporo n'imikino ku rwego rw'Umujyi wa Kigali ikurikiranwa n'Umujyi wa Kigali. | The management of sport and games infrastructure and equipment at the level of the City of Kigali is under the supervision of the City of Kigali. | La gestion d'infrastructures et d'équipement de sport et des jeux au niveau de la Ville de Kigali est placée sous la supervision de la Ville de Kigali. |

| | | |
|---|---|---|
| Imicungire y'ibikorwaremezo n'ibikoresho bya siporo n'imikino mu Karere ikurikiranwa n'Akarere. | The management of sport and games infrastructure and equipment at the District level is under the supervision of the District. | La gestion d'infrastructures et d'équipement de sport et des jeux au niveau du District est placée sous la supervision du District. |
| Imicungire y'ibikorwaremezo n'ibikoresho bya siporo n'imikino by'abikorera ikurikiranwa na ba nyirabyo hakurikijwe imirongo ngenderwaho yagenwe na Minisiteri. | The management of sport and games infrastructure of the private sector is under the supervision of its owners in accordance with standards set out by the Ministry. | La gestion d'infrastructures de sport et des jeux du secteur privé est placée sous la supervision de leurs propriétaires conformément aux normes fixées par le Ministère. |
| **UMUTWE WA III: IBYONGERAMBARAGA BIBUJIJWE, UBURIGANYA N'IMIGENZO ITEMEWE MURI SIPORO** | **CHAPTER III: PROHIBITED DOPING SUBSTANCES, FRAUDULENT ACTS AND UNFAIR PRACTICES IN SPORT** | **CHAPITRE III: SUBSTANCES DOPANTES INTERDITES, MANŒUVRES FRAUDULEUSES ET PRATIQUES DELOYALES DANS LE SPORT** |
| **Icyiciro cya mbere: Ibyongerambaraga bibujijwe muri siporo** | **Section One: Prohibited doping substances in sport** | **Section première: Substances dopantes interdites dans le sport** |
| **Ingingo ya 21: Urutonde rw'ibyongerambaraga bibujijwe** | **Article 21: List of prohibited doping substances** | **Article 21: Liste des substances dopantes interdites** |
| Urutonde rw'ibyongerambaraga bibujijwe rukorwa kandi rukavugururwa n'Umuryango Mpuzamahanga urwanya ikoreshwa ry'ibyongerambaraga bitemewe muri siporo. | The list of prohibited doping substances is established and updated by the World Anti-Doping Agency. | La liste des substances dopantes interdites est établie et actualisée par l'Agence Mondiale Antidopage. |
| Urwo rutonde ruboneka ku rubuga rw'Umuryango Mpuzamahanga urwanya ikoreshwa ry'ibyongerambaraga bibujijwe muri siporo. | That list is available on the website of the World Anti-Doping Agency. | Cette liste est disponible sur le site internet de l'Agence Mondiale Antidopage. |
| Komite Olempiki y'u Rwanda, ingaga n'amashyirahamwe bya siporo n'izindi nzego zigira uruhare mu kurwanya ibyongerambaraga bitemewe muri siporo bageza ku bo bireba urwo rutonde, bakanabasobanurira ingaruka ziri mu | The National Olympic Committee of Rwanda, sport federations and associations and other anti-doping organisations transmit the list of prohibited doping substances to relevant parties, | Le Comité National Olympique du Rwanda, les fédérations et associations de sport et des jeux ainsi que d'autres organisations antidopages soumettent cette liste de substances dopantes interdites aux parties concernées, tout en donnant |

| | | |
|---|---|---|
| ikoreshwa ry'ibyongerambaraga bibujijwe muri siporo. | providing information related to the impact of using prohibited doping substances in sport. | des informations liées aux conséquences de l'utilisation des substances dopantes interdites dans le sport. |
| **Ingingo ya 22: Ibyongerambaraga bibujijwe muri siporo** | **Article 22: Prohibition of doping substances in sport** | **Article 22: Interdiction de substances dopantes dans le sport** |
| Birabujijwe gukoresha ibyongerambaraga bibujijwe muri siporo ku muntu wese uri mu irushanwa cyangwa witegura kurijyamo. | It is prohibited for a person participating or preparing to participate in a competition to use prohibited doping substances in sport. | Il est interdit à toute personne qui participe ou se prépare à participer à une compétition d'utiliser des substances dopantes interdites dans le sport. |
| Birabujijwe kandi gukora, gucuruza, gukwirakwiza no korohereza ikoreshwa ry'ibyongerambaraga bibujijwe muri siporo. | It is also prohibited to manufacture, market, distribute and facilitate the use of prohibited doping substances in sport. | Il est également interdit de fabriquer, commercialiser, distribuer et faciliter l'usage de substances dopantes interdites dans le sport. |
| **Ingingo ya 23: Igenzura ry'ikoreshwa ry'ibyongerambaraga bibujijwe muri siporo** | **Article 23: Anti-doping control in sport** | **Article 23: Contrôle antidopage dans le sport** |
| Umukinnyi ashobora gukorerwa isuzumwa mu gihe cyose yitegura kujya mu marushanwa, ari mu marushanwa cyangwa nyuma yayo. | A player may undergo a doping control at any time, before, during or after competitions. | Un joueur peut subir, à tout moment, un contrôle antidopage avant, pendant ou après les compétitions. |
| Birabujijwe kwanga gusuzumwa, kubangamira isuzuma, guhisha no guhindura ibimenyetso. | It is prohibited to refuse to undergo a control, disrupt a control, hide and alter evidences. | Il est interdit de refuser de subir un contrôle, entraver un contrôle, dissimuler et altérer les preuves. |
| **Icyiciro cya 2: Uburiganya, imigenzo itemewe muri siporo n'imikino** | **Section 2: Fraudulent acts, unfair practices in sport and games** | **Section 2: Manœuvres frauduleuses, pratiques déloyales dans le sport et les jeux** |
| **Ingingo ya 24: Uburiganya n'imigenzo itemewe bikoreshwa muri siporo n'imikino** | **Article 24: Prohibition of fraudulent acts and unfair practices in sport and games** | **Article 24: Interdiction de manœuvres frauduleuses et pratiques déloyales dans le sport et les jeux** |
| Birabujijwe gukoresha uburiganya n'imigenzo itemewe mbere no mu gihe cy'irushanwa. | It is prohibited to engage in any fraudulent acts and unfair practices before and during a competition. | Il est interdit de recourir à des manœuvres frauduleuses et à des pratiques déloyales avant and pendant la compétition. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 25</u>: Kugenzura uburyo indangagaciro za siporo n'imikino zibungwabungwa** | **<u>Article 25</u>: Monitoring the preservation of values of sport and games** | **<u>Article 25</u>: Contrôle de la préservation des valeurs du sport et des jeux** |
| Minisiteri igenzura uburyo indangagaciro za siporo n'imikino zibungwabungwa. | The Ministry controls the extent to which values of sport and games are preserved. | Le Ministère contrôle l'état de préservation des valeurs du sport et des jeux. |
| **<u>UMUTWE WA IV</u>: IBIHANO MURI SIPORO N'IMIKINO** | **<u>CHAPTER IV</u>: SANCTIONS IN SPORT AND GAMES** | **<u>CHAPITRE IV</u>: SANCTIONS DANS LE SPORT ET LES JEUX** |
| **<u>Ingingo ya 26</u>: Ibihano ku byaha byerekeranye n'ibyongerambaraga bibujijwe, uburiganya n'imigenzo itemewe** | **<u>Article 26</u>: Sanctions for offences relating to doping, fraudulent acts and unfair practices** | **<u>Article 26</u>: Sanctions pour les infractions en rapport avec le dopage, les manœuvres frauduleuses et les pratiques déloyales** |
| Umuntu wese uhamwe n'icyaha cyerekeranye n'ibyongerambaraga bibujijwe, uburiganya n'imigenzo itemewe ahanwa hakurikijwe amategeko mpuzamahanga agenga buri siporo. | Any person who is convicted for the offence relating to doping, fraudulent acts and unfair practices is punished in accordance with the international laws of each sport. | Toute personne qui est reconnue coupable de dopage, des manœuvres frauduleuses et des pratiques déloyales est punie conformément à la législation internationale de chaque sport. |
| **<u>Ingingo ya 27</u>: Ibihano muri siporo no mu mikino** | **<u>Article 27</u>: Sanctions in sport and games** | **<u>Article 27</u>: Sanctions dans le sport et les jeux** |
| Umukinnyi, ikipe cyangwa umuyobozi unyuranya n'amategeko ya buri siporo cyangwa ya buri mukino ahanwa hakurikijwe amategeko agenga iyo siporo cyangwa uwo mukino. | A player, club or official who contravenes rules of each sport or game is punished in accordance with rules of that sport or game. | Tout joueur, club ou officiel qui contrevient à la règlementation de chaque sport ou jeu est sanctionné conformément à la règlementation de ce sport ou jeu. |
| **<u>UMUTWE WA V</u>: IMITUNGANYIRIZE Y'IMYIDAGADURO** | **<u>CHAPTER V</u>: ORGANISATION OF LEISURE** | **<u>CHAPITRE V</u>: ORGANISATION DES LOISIRS** |
| **<u>Ingingo ya 28</u>: Ibyiciro by'imyidagaduro** | **<u>Article 28</u>: Categories of leisure** | **<u>Article 28</u>: Catégories de loisirs** |
| Imyidagaduro igizwe n'ibyiciro by'ingenzi bikurikira:<br>1° imyidagaduro ishamikiye kuri siporo; | Leisure comprises the following main categories:<br>1° sport-based leisure; | Les loisirs comprennent des catégories principales suivantes:<br>1° les loisirs liés au sport; |

| | | |
|---|---|---|
| 2° imyidagaduro ishamikiye ku muco;<br><br>3° imyidagaduro ishamikiye ku bukerarugendo;<br>4° imyidaguduro ishamikiye ku ikoranabuhanga. | 2° culture-based leisure;<br><br>3° tourism-based leisure;<br><br>4° technology-based leisure. | 2° les loisirs liés à la culture;<br><br>3° les loisirs liés au tourisme;<br><br>4° les loisirs liés à la technologie. |
| **Ingingo ya 29: Ahabera imyidagaduro** | **Article 29: Venue for leisure** | **Article 29: Lieu de loisirs** |
| Iteka rya Minisitiri rigena ibipimo ngenderwaho mu gushyiraho ahabera imyidagaduro. | An Order of the Minister sets the standards for determining the venue for leisure. | Un arrêté du Ministre fixe les normes déterminant le lieu de loisirs. |
| **Ingingo ya 30: Gukurikirana no kugenzura ibikorwa by'imyidagaduro** | **Article 30: Monitoring and control of leisure events** | **Article 30: Suivi et contrôle des événements de loisirs** |
| Minisiteri igenzura ikanakurikirana ibikorwa byose by'imyidagaduro. | The Ministry monitors and controls all leisure events. | Le Ministère assure le contrôle et le suivi de tous les événements de loisirs. |
| **UMUTWE WA VI: INGINGO ZISOZA** | **CHAPTER VI: FINAL PROVISIONS** | **CHAPITRE VI: DISPOSITIONS FINALES** |
| **Ingingo ya 31: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko** | **Article 31: Drafting, consideration and adoption of this Law** | **Article 31: Initiation, examen et adoption de la présente loi** |
| Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda. | This Law was drafted, considered and adopted in Kinyarwanda. | La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Kinyarwanda. |
| **Ingingo ya 32: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko** | **Article 32: Repealing provision** | **Article 32: Disposition abrogatoire** |
| Itegeko nº 05/1987 ryo ku wa 18 Gashyantare 1987 ritunganya siporo mu Rwanda n'izindi ngingo z'amategeko abanziriza iri tegeko kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho. | Law nº 05/1987 of 18 February 1987 governing sports and leisure in Rwanda and other prior legal provisions contrary to this Law are repealed. | La Loi nº 05/1987 du 18 février 1987 portant organisation des sports et loisirs au Rwanda ainsi que toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 33</u>: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa**<br><br>Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. | **<u>Article 33</u>: Commencement**<br><br>This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. | **<u>Article 33</u>: Entrée en vigueur**<br><br>La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. |
| Kigali, ku wa 03/08/2017<br><br>(sé)<br>**KAGAME Paul**<br>Perezida wa Repubulika | Kigali, on 03/08/2017<br><br>(sé)<br>**KAGAME Paul**<br>President of the Republic | Kigali, le 03/08/2017<br><br>(sé)<br>**KAGAME Paul**<br>Président de la République |
| (sé)<br>**MUREKEZI Anastase**<br>Minisitiri w'Intebe | (sé)<br>**MUREKEZI Anastase**<br>Prime Minister | (sé)<br>**MUREKEZI Anastase**<br>Premier Ministre |
| **Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**<br><br>(sé)<br>**BUSINGYE Johnston**<br>Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta | **Seen and sealed with the Seal of the Republic:**<br><br>(sé)<br>**BUSINGYE Johnston**<br>Minister of Justice/Attorney General | **Vu et scellé du Sceau de la République:**<br><br>(sé)<br>**BUSINGYE Johnston**<br>Ministre de la Justice/Garde des Sceaux |

| | | |
|---|---|---|
| **ITEGEKO N° 39/2017 RYO KU WA 16/08/2017 RISHYIRAHO IKIGEGA CY'IGIHUGU CY'IBIDUKIKIJE RIKANAGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BYACYO** | **LAW Nº 39/2017 OF 16/08/2017 ESTABLISHING THE NATIONAL FUND FOR ENVIRONMENT AND DETERMINING ITS MISSION, ORGANISATION AND FUNCTIONING** | **LOI Nº 39/2017 DU 16/08/2017 PORTANT CREATION DU FONDS NATIONAL DE L'ENVIRONNEMENT ET DETERMINANT SA MISSION, SON ORGANISATION ET SON FONCTIONNEMENT** |
| **ISHAKIRO** | **TABLE OF CONTENTS** | **TABLE DES MATIERES** |
| **UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE** | **CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS** | **CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES** |
| **Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije** | **Article One: Purpose of this Law** | **Article premier: Objet de la présente loi** |
| **Ingingo ya 2: Ishyirwaho rya FONERWA** | **Article 2: Establishment of FONERWA** | **Article 2: Création de FONERWA** |
| **Ingingo ya 3: Ubuzimagatozi n'ubwigenge** | **Article 3: Legal personality and autonomy** | **Article 3: Personnalité juridique et autonomie** |
| **Ingingo ya 4: Icyicaro cya FONERWA** | **Article 4: Head office of FONERWA** | **Article 4: Siège de FONERWA** |
| **Ingingo ya 5: Urwego rureberera FONERWA** | **Article 5: Supervising organ of FONERWA** | **Article 5: Organe de tutelle de FONERWA** |
| **UMUTWE WA II: INSHINGANO ZA FONERWA** | **CHAPTER II: MISSION OF FONERWA** | **CHAPITRE II: MISSION DE FONERWA** |
| **Ingingo ya 6: Inshingano za FONERWA** | **Article 6: Responsibilities of FONERWA** | **Article 6: Attributions de FONERWA** |
| **Ingingo ya 7: Urutonde rw'ibikorwa n'imishinga biterwa inkunga na FONERWA** | **Article 7: List of activities and projects financed by FONERWA** | **Article 7: Liste des activités et projets financés par FONERWA** |
| **UMUTWE WA III: IMITERERE N'IMIKORERE BYA FONERWA** | **CHAPTER III: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF FONERWA** | **CHAPITRE III: ORGANISATION ET FONCTIONEMENT DE FONERWA** |
| **Ingingo ya 8: Inzego z'ubuyobozi za FONERWA** | **Article 8: Management organs of FONERWA** | **Article 8: Organes de direction de FONERWA** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Icyiciro cya mbere</u>: Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Section One</u>: Board of Directors** | **<u>Section première</u>: Conseil d'Administration** |
| **<u>Ingingo ya 9</u>: Abagize Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 9</u>: Composition of the Board of Directors** | **<u>Article 9</u>: Composition du Conseil d'Administration** |
| **<u>Ingingo ya 10</u>: Ububasha bw'Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 10</u>: Powers of the Board of Directors** | **<u>Article 10</u>: Pouvoirs du Conseil d'Administration** |
| **<u>Ingingo ya 11</u>: Inshingano z'Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 11</u>: Responsibilities of the Board of Directors** | **<u>Article 11</u>: Attributions du Conseil d'Administration** |
| **<u>Ingingo ya 12</u>: Inshingano za Perezida w'Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 12</u>: Duties of the Chairperson of the Board of Directors** | **<u>Article 12</u>: Attributions du Président du Conseil d'Administration** |
| **<u>Ingingo ya 13</u>: Inshingano za Visi Perezida w'Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 13</u>: Duties of the Vice-Chairperson of the Board of Directors** | **<u>Article 13</u>: Attributions du Vice-Président du Conseil d'Administration** |
| **<u>Ingingo ya 14</u>: Ibitabangikanywa no kuba mu bagize Inama y'Ubuyobozi ya FONERWA** | **<u>Article 14</u>: Incompatibilities with membership of the Board of Directors of FONERWA** | **<u>Article 14</u>: Incompatibilités avec la qualité de membre du Conseil d'Administration de FONERWA** |
| **<u>Ingingo ya 15</u>: Impamvu zituma ugize Inama y'Ubuyobozi avanwa muri uwo mwanya n'uko asimburwa** | **<u>Article 15</u>: Reasons for loss of membership to the Board of Directors and modalities for replacement** | **<u>Article 15</u>: Causes de perte de la qualité de membre du Conseil d'Administration et modalités de remplacement** |
| **<u>Ingingo ya 16</u>: Itumizwa n'iterana ry'inama z'Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 16</u>: Convening and holding of meetings of the Board of Directors** | **<u>Article 16</u>: Convocation et tenue des réunions du Conseil d'Administration** |
| **<u>Ingingo ya 17</u>: Umubare wa ngombwa kugira ngo inama y'Inama y'Ubuyobozi iterane** | **<u>Article 17</u>: Quorum for holding a meeting of the Board of Directors** | **<u>Article 17</u>: Quorum pour la tenue de la réunion du Conseil d'Administration** |
| **<u>Ingingo ya 18</u>: Ifatwa ry'ibyemezo** | **<u>Article 18</u>: Decisions making** | **<u>Article 18</u>: Prise de décisions** |
| **<u>Ingingo ya 19</u>: Itumira mu nama z'Inama y'Ubuyobozi ry'umuntu ushobora kuyungura inama** | **<u>Article 19</u>: Invitation of a resource person to the meetings of the Board of Directors** | **<u>Article 19</u>: Invitation d'une personne ressource aux réunions du Conseil d'Administration** |
| **<u>Ingingo ya 20</u>: Iyemezwa ry'ibyemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi n'inyandikomvugo yayo** | **<u>Article 20</u>: Approval of resolutions and minutes of the meeting of the Board of Directors** | **<u>Article 20</u>: Approbation des résolutions et procès-verbal de la réunion du Conseil d'Administration** |
| **<u>Ingingo ya 21</u>: Umwanditsi w'inama y'Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 21</u>: Rapporteur of the meeting of the Board of Directors** | **<u>Article 21</u>: Rapporteur de la réunion du Conseil d'Administration** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 22: Inyungu bwite mu bibazo bisuzumwa** | **Article 22: Personal interest in issues on the agenda** | **Article 22: Intérêt personnel dans les points à l'ordre du jour** |
| **Ingingo ya 23: Ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama** | **Article 23: Sitting allowances for members of the Board of Directors** | **Article 23: Jetons de présence pour les membres du Conseil d'Administration** |
| **Icyiciro cya 2: Urwego Nshingwabikorwa** | **Section 2: Executive Organ** | **Section 2: Organe Exécutif** |
| **Ingingo ya 24: Inshingano z'Urwego Nshigwabikorwa** | **Article 24: Responsibilities of the Executive Organ** | **Article 24: Attributions de l'Organe Exécutif** |
| **Ingingo ya 25: Abagize Urwego Nshingwabikorwa rwa FONERWA** | **Article 25: Composition of the Executive Organ of FONERWA** | **Article 25: Composition de l'Organe Exécutif de FONERWA** |
| **Ingingo ya 26: Imikorere y'Urwego Nshingwabikorwa rwa FONERWA** | **Article 26: Functioning of the Executive Organ of FONERWA** | **Article 26: Fonctionnement de l'Organe Exécutif de FONERWA** |
| **Ingingo ya 27: Ububasha n'inshingano by'Umuyobozi Mukuru** | **Article 27: Powers and responsibilities of the Chief Executive Officer** | **Article 27: Pouvoirs et attributions du Directeur Général en Chef** |
| **Ingingo ya 28: Sitati igenga abakozi ba FONERWA** | **Article 28: Statutes governing the staff of FONERWA** | **Article 28: Statut régissant le personnel de FONERWA** |
| **Ingingo ya 29: Imishahara n'ibindi bigenerwa abagize Urwego Nshingwabikorwa rwa FONERWA** | **Article 29: Salaries and fringe benefits of the members of the Executive Organ of FONERWA** | **Article 29: Salaires et avantages accordés aux membres de l'Organe Exécutif de FONERWA** |
| **UMUTWE WA IV: UMUTUNGO N'IMARI BYA FONERWA** | **CHAPTER IV: PROPERTY AND FINANCE OF FONERWA** | **CHAPITRE IV: PATRIMOINE ET FINANCES DE FONERWA** |
| **Ingingo ya 30: Umutungo wa FONERWA n'inkomoko yawo** | **Article 30: Property of FONERWA and its sources** | **Article 30: Patrimoine de FONERWA et ses sources** |
| **Ingingo ya 31: Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo wa FONERWA** | **Article 31: Use, management and audit of the property of FONERWA** | **Article 31: Utilisation, gestion et audit du patrimoine de FONERWA** |
| **Ingingo ya 32: Raporo y'umwaka w'ibaruramari** | **Article 32: Annual financial report** | **Article 32: Rapport annuel des états financiers** |
| **UMUTWE WA V: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA** | **CHAPTER V: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS** | **CHAPITRE V: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 33</u>: Kwegurirwa umutungo** | **<u>Article 33</u>: Transfer of property** | **<u>Article 33</u>: Transfert du patrimoine** |
| **<u>Ingingo ya 34</u>: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko** | **<u>Article 34</u>: Drafting, consideration and adoption of this Law** | **<u>Article 34</u>: Initiation, examen et adoption de la présente loi** |
| **<u>Ingingo ya 35</u>: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko** | **<u>Article 35</u>: Repealing provision** | **<u>Article 35</u>: Disposition abrogatoire** |
| **<u>Ingingo ya 36</u>: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa** | **<u>Article 36</u>: Commencement** | **<u>Article 36</u>: Entrée en vigueur** |

| | | |
|---|---|---|
| **ITEGEKO N° 39/2017 RYO KU WA 16/08/2017 RISHYIRAHO IKIGEGA CY'IGIHUGU CY'IBIDUKIKIJE RIKANAGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BYACYO** | **LAW Nº 39/2017 OF 16/08/2017 ESTABLISHING THE NATIONAL FUND FOR ENVIRONMENT AND DETERMINING ITS MISSION, ORGANISATION AND FUNCTIONING** | **LOI Nº 39/2017 DU 16/08/2017 PORTANT CREATION DU FONDS NATIONAL DE L'ENVIRONNEMENT ET DETERMINANT SA MISSION, SON ORGANISATION ET SON FONCTIONNEMENT** |
| **Twebwe, KAGAME Paul,**<br>Perezida wa Repubulika; | **We, KAGAME Paul,**<br>President of the Republic; | **Nous, KAGAME Paul,**<br>Président de la République; |
| **INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA** | **THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA** | **LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA** |
| **INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:** | **THE PARLIAMENT:** | **LE PARLEMENT:** |
| Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 28 Kamena 2017; | The Chamber of Deputies, in its session of 28 June 2017; | La Chambre des Députés, en sa séance du 28 juin 2017; |
| Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 53, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 93, iya 106, iya 112, iya 120, iya 139, iya 165 n'iya 176; | Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 53, 64, 69, 70, 88, 90, 91, 93, 106, 112, 120, 139, 165 and 176; | Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 53, 64, 69, 70, 88, 90, 91, 93, 106, 112, 120, 139, 165 et 176; |
| Isubiye ku Itegeko n° 16/2012 ryo ku wa 22/05/2012 rigena imiterere, imikorere n'inshingano by'Ikigega cy'Igihugu cy'Ibidukikije (FONERWA); | Having reviewed Law nº 16/2012 of 22/05/2012 determining the organization, functioning and mission of the National Fund for Environment (FONERWA); | Revu la Loi nº 16/2012 du 22/05/2012 portant organisation, fonctionnement et mission du Fonds National de l'Environnement (FONERWA); |
| **YEMEJE:** | **ADOPTS:** | **ADOPTE:** |
| **<u>UMUTWE WA MBERE</u>: INGINGO RUSANGE** | **<u>CHAPTER ONE</u>: GENERAL PROVISIONS** | **<u>CHAPITRE PREMIER</u>: DISPOSITIONS GENERALES** |
| **<u>Ingingo ya mbere</u>: Icyo iri tegeko rigamije**<br>Iri tegeko rishyiraho Ikigega cy'Igihugu cy'Ibidukikije. Rigena | **<u>Article One</u>: Purpose of this Law**<br>This Law establishes the National Fund for Environment. It also | **<u>Article premier</u>: Objet de la présente loi**<br>La présente loi porte création d'un Fonds National de |

| | | |
|---|---|---|
| kandi inshingano, imiterere n'imikorere byacyo. | determines its mission, organisation and functioning. | l'Environnement. Elle détermine également sa mission, son organisation et son fonctionnement. |
| **Ingingo ya 2: Ishyirwaho rya FONERWA** | **Article 2: Establishment of FONERWA** | **Article 2: Création de FONERWA** |
| Hashyizweho Ikigega cy'Igihugu cy'Ibidukikije cyitwa "FONERWA" mu magambo ahinnye y'Igifaransa. | There is established a National Fund for Environment hereinafter referred to as "FONERWA" in French acronym. | Il est créé un Fonds National de l'Environnement, dénommé "FONERWA". |
| FONERWA ni urwego rwihariye. | FONERWA is a specialised organ. | FONERWA est un organe spécialisé. |
| **Ingingo ya 3: Ubuzimagatozi n'ubwigenge** | **Article 3: Legal personality and autonomy** | **Article 3: Personnalité juridique et autonomie** |
| FONERWA ifite ubuzimagatozi n'ubwigenge mu miyoborere no mu micungire y'umutungo n'abakozi byayo. | FONERWA has legal personality and enjoys administrative and financial autonomy. | FONERWA est doté de la personnalité juridique et de l'autonomie financière et administrative. |
| **Ingingo ya 4: Icyicaro cya FONERWA** | **Article 4: Head office of FONERWA** | **Article 4: Siège de FONERWA** |
| Icyicaro cya FONERWA kiri mu Mujyi wa Kigali, Umurwa Mukuru wa Repubulika y'u Rwanda. Gishobora kwimurirwa ahandi hose mu Rwanda igihe bibaye ngombwa. | The head office of FONERWA is located in the City of Kigali, the Capital of the Republic of Rwanda. It may be transferred elsewhere in Rwanda when considered necessary. | Le siège de FONERWA est établi dans la Ville de Kigali, Capitale de la République du Rwanda. Il peut, en cas de besoin, être transféré en tout autre lieu au Rwanda. |
| FONERWA ishobora kugira amashami ahandi hose mu Gihugu bibaye ngombwa, kugira ngo igere ku nshingano zayo, byemejwe n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe. | FONERWA may have branches elsewhere in the country where considered necessary, in order to fulfill its mission upon approval by a Prime Minister's Order. | FONERWA peut établir, après approbation par arrêté du Premier Ministre, des branches en tout autre lieu du pays en cas de besoin pour s'acquitter de sa mission. |
| **Ingingo ya 5: Urwego rureberera FONERWA** | **Article 5: Supervising organ of FONERWA** | **Article 5: Organe de tutelle de FONERWA** |
| Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena urwego rurebera FONERWA. | An Order of the Prime Minister determines the supervising organ of FONERWA. | Un arrêté du Premier Ministre détermine l'organe de tutelle de FONERWA. |
| **UMUTWE WA II: INSHINGANO ZA FONERWA** | **CHAPTER II: MISSION OF FONERWA** | **CHAPITRE II: MISSION DE FONERWA** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 6: Inshingano za FONERWA** | **Article 6: Responsibilities of FONERWA** | **Article 6: Attributions de FONERWA** |
| FONERWA ifite inshingano zikurikira: | FONERWA has the following responsibilities: | FONERWA a les attributions suivantes: |
| 1 º gushaka no gucunga umutungo ukoreshwa mu gutera inkunga ibikorwa bigamije kurengera no kubungabunga ibidukikije n'umutungo kamere; | 1 º to mobilise and manage resources used in financing activities aiming at protecting and preserving environment and natural resources; | 1 º mobiliser et gérer des fonds pour le financement des activités visant la protection et la préservation de l'environnement et des ressources naturelles; |
| 2 º gushaka no gucunga inkunga yo guhangana n'imihindagurikire y'ibihe n'ingaruka zayo; | 2 º to mobilise and manage funds to be used in the fight against climate change and its impact; | 2 º mobiliser des fonds à utiliser dans la lutte contre les changements climatiques et leurs effets; |
| 3 º gukusanya no gucunga inkunga zituruka mu nzego za Leta, iz'abigenga, mu bufatanye ku rwego rw'ibihugu bibiri cyangwa mu rwego mpuzamahanga hagamijwe kugera ku ntego z'igihugu zigamije guteza imbere ingamba z'ibanze z'Igihugu mu bijyanye n'ibidukikije n'imihindagurikire y'ibihe; | 3 º to collect and manage funds from public, private, through a bilateral and multi-lateral partnership to achieve the country's objectives to advance national priorities in the field of environment and climate change; | 3 º collecter et gérer les financements provenant des contributions publiques, privées, dans le cadre d'un partenariat bilatéral et multilatéral en vue d'atteindre les objectifs du pays visant à faire avancer les priorités nationales en matière d'environnement et des changements climatiques; |
| 4 º gutera inkunga inzego za Leta, amashyirahamwe n'abantu ku giti cyabo hagamijwe kurengera no kubungabunga ibidukikije, kubikoraho ubushakashatsi no guhangana n'imihindagurikire y'ibihe; | 4 º to support public organs, associations and individuals for environment protection and conservation, research as well as the fight against the climate change; | 4 º appuyer les organes publics, les associations et les individus dans le but de la protection et la conservation de l'environnement ainsi que la recherche et la lutte contre les changements climatiques; |
| 5 º guhuza ibikorwa no gukora ku buryo amasezerano | 5 º to coordinate and ensure that various finance | 5 º coordonner et veiller à ce que les différents accords de partenariat de |

| | | |
|---|---|---|
| y'ubufatanye atandukanye yerekeye inkunga zigamije gukumira ndetse no guhangana n'imihindagurikire y'ibihe ategurwa kandi agacungwa neza mu nzego zose zo mu Gihugu. | partnership agreements related to prevention as well as fighting against climate change are prepared and effectively managed across various national stakeholders. | financement en rapport avec la prévention et à la lutte contre les changements climatiques soient clairement préparés et gérés efficacement entre les différents acteurs nationaux. |
| 6 º gukorana n'izindi nzego zo mu Rwanda, mu karere u Rwanda ruherereyemo no mu mahanga bihuje inshingano. | 6 º to collaborate with other national regional and international institutions with the same mission. | 6 º collaborer avec d'autres institutions tant nationales, régionales qu'internationales ayant les mêmes objectifs. |
| **<u>Ingingo ya 7</u>: Urutonde rw'ibikorwa n'imishinga biterwa inkunga na FONERWA** | **<u>Article 7</u>: List of activities and projects financed by FONERWA** | **<u>Article 7</u>: Liste des activités et projets financés par FONERWA** |
| Iteka rya Minisitiri ufite ibidukikije mu nshingano ze rishyiraho urutonde rw'ibikorwa n'imishinga biterwa inkunga na FONERWA. | An Order of the Minister in charge of environment establishes the list of activities and projects to be financed by FONERWA. | Un arrêté du Ministre ayant l'environnement dans ses attributions établit la liste des activités et projets devant être financés par FONERWA. |
| **<u>UMUTWE WA III</u>: IMITERERE N'IMIKORERE BYA FONERWA** | **<u>CHAPTER III</u>: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF FONERWA** | **<u>CHAPITRE III</u>: ORGANISATION ET FONCTIONEMENT DE FONERWA** |
| **<u>Ingingo ya 8</u>: Inzego z'ubuyobozi za FONERWA** | **<u>Article 8</u>: Management organs of FONERWA** | **<u>Article 8</u>: Organes de direction de FONERWA** |
| FONERWA igizwe n'inzego z'ubuyobozi ebyiri (2) zikurikira: | FONERWA is comprised of the following two (2) management organs: | FONERWA est doté de deux (2) organes de direction suivants: |
| 1° Inama y'Ubuyobozi; | 1° the Board of Directors; | 1° le Conseil d'Administration; |
| 2° Urwego Nshingwabikorwa. | 2° the Executive Organ. | 2° l'Organe Exécutif. |
| **<u>Icyiciro cya mbere</u>: Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Section One</u>: Board of Directors** | **<u>Section première</u>: Conseil d'Administration** |
| **<u>Ingingo ya 9</u>: Abagize Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 9</u>: Composition of the Board of Directors** | **<u>Article 9</u>: Composition du Conseil d'Administration** |
| Inama y'Ubuyobozi ni rwo rwego rukuru rwa FONERWA. Igizwe n'abantu icyenda (9) bashyirwaho | The Board of Directors is the supreme organ of FONERWA. It is composed of nine (9) members | Le Conseil d'Administration est l'organe suprême de FONERWA. Il est composé de neuf (9) membres |

| | | |
|---|---|---|
| n'Iteka rya Perezida barimo Perezida na Visi-Perezida. | appointed by a Presidential Order including the Chairperson and the Vice-Chairperson. | nommés par arrêté présidentiel dont le Président et le Vice- Président. |
| Abagize Inama y'Ubuyobozi batoranywa mu Banyarwanda cyangwa abanyamahanga hakurikijwe ubushobozi n'ubuzobere bwabo mu bijyanye no kubungabunga ibidukikije cyangwa icungamari. | Members of the Board of Directors are selected from Rwandans or foreigners on the basis of their competence and expertise in matters related to environment conservation or finance. | Les membres du Conseil d'Administration sont choisis parmi les Rwandais ou les étrangers sur base de leur compétence et leur expertise dans le domaine de conservation de l'environnement ou des finances. |
| Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagize Inama y'Ubuyobozi ya FONERWA bagomba kuba ari abagore. | At least thirty percent (30%) of the members of the Board of Directors of FONERWA must be females. | Au moins trente pour cent (30%) des membres du Conseil d'Administration de FONERWA doivent être de sexe féminin. |
| Iteka rya Perezida rigena igihe abagize Inama y'Ubuyobozi bamara ku mirimo yabo n'uburyo basimburwa. | A Presidential Order determines the term of office of the members of the Board of Directors as well as the modalities of their replacement. | Un arrêté présidentiel détermine le mandat des membres du Conseil d'Administration ainsi que les modalités de leur remplacement. |
| **<u>Ingingo ya 10</u>: Ububasha bw'Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 10</u>: Powers of the Board of Directors** | **<u>Article 10</u>: Pouvoirs du Conseil d'Administration** |
| Inama y'Ubuyobozi ya FONERWA ifite ububasha busesuye bwo gufata ibyemezo mu byerekeye ubuyobozi, abakozi n'umutungo bya FONERWA kugira ngo ishobore kugera ku nshingano zayo. | The Board of Directors of FONERWA is vested with the most extensive power to make decisions regarding administration, human resources and property of FONERWA in order to fulfil its responsibilities. | Le Conseil d'Administration de FONERWA est investi des pouvoirs les plus étendus de décider de tout ce qui concerne l'administration, les ressources humaines et le patrimoine de FONERWA pour s'acquitter de ses attributions. |
| **<u>Ingingo ya 11</u>: Inshingano z'Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 11</u>: Responsibilities of the Board of Directors** | **<u>Article 11</u>: Attributions du Conseil d'Administration** |
| Inshingano z'ingenzi z'Inama y'Ubuyobozi ni izi zikurikira: | The main responsibilities of the Board of Directors are the following: | Les attributions principales du Conseil d'Administration sont les suivantes: |
| 1° gukurikirana imikorere y'Urwego Nshingwabikorwa rwa FONERWA no gutanga umurongo ngenderwaho ugomba gukurikizwa n'Urwego Nshingwabikorwa | 1 º to oversee the functioning of the Executive Organ of FONERWA and to provide strategic guidance to be followed by the Executive Organ in fulfillment of its mandate; | 1 º superviser le fonctionnement de l'Organe Exécutif de FONERWA et fournir une orientation stratégique devant être suivie par l'Organe Exécutif dans |

| | | |
|---|---|---|
| mu kuzuza inshingano zarwo; | | l'accomplissement de sa mission; |
| 2° kwemeza gahunda y'ibikorwa y'igihe kirekire n'iteganyabikorwa bya FONERWA hamwe na raporo zijyanye nabyo; | 2 º to approve the strategic plan and action plan of FONERWA and related reports; | 2 º approuver le plan stratégique et le plan d'action de FONERWA et les rapports y relatifs; |
| 3° kwemeza imishinga igomba guterwa inkunga; | 3 º to approve the projects to be financed; | 3 º approuver les projets à financer; |
| 4° gukurikirana uko imishinga iterwa inkunga na FONERWA ishyirwa mu bikorwa; | 4 º to monitor execution of the projects supported by FONERWA; | 4 º faire le suivi de l'exécution des projets financés par FONERWA; |
| 5° kwemeza amabwiriza ngengamikorere hamwe n'amategeko ngengamikorere bya FONERWA; | 5 º to approve the procedure manuals and internal rules and regulations of FONERWA; | 5 º approuver les manuels de procédure et le règlement d'ordre intérieur de FONERWA; |
| 6° kwemeza umushinga w'ingengo y'imari ya buri mwaka ya FONERWA no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa byayo; | 6 º to approve the annual draft budget of FONERWA and make follow up on budget execution; | 6 º approuver le projet du budget annuel de FONERWA et assurer le suivi de l'exécution du budget; |
| 7° kwemeza amategeko agenga abakozi, imishahara n'ibindi bibagenerwa; | 7 º to approve the staff statutes, their salary structure and fringe benefits; | 7 º adopter le statut, la structure salariale et les avantages du personnel; |
| 8° kwemeza ibindi bigenerwa abakozi ba FONERWA hashingiwe ku musaruro batanga; | 8 º to approve fringe benefits to be allocated to FONERWA staff based on their performance; | 8 º approuver les avantages à accorder aux membres du personnel de FONERWA sur base de leur performance; |
| 9° kwemeza ifoto y'umutungo y'umwaka urangiye; | 9 º to approve the annual financial statements of the previous financial year; | 9 º approuver les états financiers annuels de l'exercice précédent; |
| 10° kugena imbonerahamwe y'inzego z'imirimo za FONERWA, ibisabwa ku | 10 º to determine the organisational chart of FONERWA, job profiles, | 10 º déterminer le cadre organique de FONERWA, les profils d'emplois, les |

| | | |
|---|---|---|
| myanya y'imirimo, inshingano z'abakozi no gushyiraho imiterere y'umurimo imaze kugisha inama Minisiteri zifite mu nshingano zazo kurengera no kubungabunga ibidukikije, abakozi ba Leta n'imari; | duties and responsibilities of its employees and to set related terms and conditions of employment after consultation with the Ministries in charge of protection and preservation of environment, public service and finance; | devoirs et attributions des membres du personnel et fixer les conditions de l'emploi après consultation avec les Ministères ayant la protection et la préservation de l'environnement, la fonction publique et les finances dans leurs attributions; |
| 11° gushyiraho no gukuraho abakozi ba FONERWA, uretse Umuyobozi Mukuru n'Umuyobozi Mukuru Wungirije; | 11 º to appoint and dismiss the staff of FONERWA, except the Chief Executive Officer and his/her Deputy; | 11 º nommer et révoquer les membres du personnel de FONERWA, à l'exception du Directeur Général en Chef et son adjoint; |
| 12° gufata ibyemezo ku kindi kibazo cyose kirebana n'inshingano za FONERWA iri tegeko cyangwa irindi tegeko ritagenera urundi rwego rwa FONERWA. | 12 º to take decisions on any other issue under the mission of FONERWA that this Law or any other law has not entrusted with any other organ of FONERWA. | 12 º décider sur toute autre question en rapport avec la mission de FONERWA que la présente loi ou une autre loi n'a pas confié à un autre organe de FONERWA. |
| **<u>Ingingo ya 12</u>: Inshingano za Perezida w'Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 12</u>: Duties of the Chairperson of the Board of Directors** | **<u>Article 12</u>: Attributions du Président du Conseil d'Administration** |
| Perezida w'Inama y'Ubuyobozi afite inshingano zikurikira: | The Chairperson of the Board of Directors has the following duties: | Le Président du Conseil d'Administration a les attributions suivantes: |
| 1° gutumiza no kuyobora inama z'Inama y'Ubuyobozi; | 1 º to convene and preside over the meetings of the Board of Directors; | 1 º convoquer et présider les réunions du Conseil d'Administration; |
| 2° gushyikiriza ku gihe raporo za FONERWA inzego bireba; | 2 º to submit on time, reports of FONERWA to relevant organs; | 2 º soumettre les rapports de FONERWA à temps aux organes concernés; |
| 3° gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'Inama y'Ubuyobozi; | 3 º to make a follow up of the implementation of the decisions of the Board of Directors; | 3 º faire le suivi de la mise en œuvre des décisions du Conseil d'Administration; |

| | | |
|---|---|---|
| 4° gukora imirimo yose yasabwa n'Inama y'Ubuyobozi iri mu nshingano zayo. | 4 º to perform all duties falling within the mission of the Board of Directors as may be assigned to him/her by the Board of Directors. | 4 º accomplir toutes les tâches relevant de la mission du Conseil d'Administration que ce dernier peut lui confier. |
| **<u>Ingingo ya 13</u>: Inshingano za Visi Perezida w'Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 13</u>: Duties of the Vice-Chairperson of the Board of Directors** | **<u>Article 13</u>: Attributions du Vice-Président du Conseil d'Administration** |
| Visi Perezida w'Inama y'Ubuyobozi ya FONERWA afite inshingano zikurikira: | The Vice-Chairperson of the Board of Directors of FONERWA has the following duties: | Le Vice-Président du Conseil d'Administration de FONERWA a les attributions suivantes: |
| 1 º kunganira Perezida no kumusimbura igihe adahari; | 1 º to assist the Chairperson and deputize for him/her in case of absence; | 1 º assister le Président et le remplacer en cas d'absence; |
| 2 º gukora indi imirimo yose yasabwa n'Inama y'Ubuyobozi iri mu nshingano zayo. | 2 º to perform such other duties falling within the mission of the Board of Directors as may be assigned to him/her by the Board of Directors. | 2 º effectuer toute autre tâche relevant de la mission du Conseil d'Administration que ce dernier peut lui confier. |
| **<u>Ingingo ya 14</u>: Ibitabangikanywa no kuba mu bagize Inama y'Ubuyobozi ya FONERWA** | **<u>Article 14</u>: Incompatibilities with membership of the Board of Directors of FONERWA** | **<u>Article 14</u>: Incompatibilités avec la qualité de membre du Conseil d'Administration de FONERWA** |
| Abagize Inama y'Ubuyobozi ya FONERWA ntibemerewe gukora umurimo ugenerwa igihembo muri FONERWA. | Members of the Board of Directors of FONERWA are not allowed to perform any remunerated activity within FONERWA. | Les membres du Conseil d'Administration de FONERWA ne sont pas autorisés à exercer une activité rémunérée au sein de FONERWA. |
| Abagize Inama y'Ubuyobozi ntibemerewe kandi, haba ku giti cyabo cyangwa ibigo bafitemo imigabane, gupiganira amasoko atangwa na FONERWA. | Members of the Board of Directors are also not allowed, whether individually or through companies in which they hold shares, to bid for tenders of FONERWA. | Les membres du Conseil d'Administration ne sont non plus autorisés, ni individuellement ni par le biais des sociétés dont ils sont actionnaires, de soumissionner aux marchés de FONERWA. |
| **<u>Ingingo ya 15</u>: Impamvu zituma ugize Inama y'Ubuyobozi avanwa muri uwo mwanya n'uko asimburwa** | **<u>Article 15</u>: Reasons for loss of membership to the Board of Directors and modalities for replacement** | **<u>Article 15</u>: Causes de perte de la qualité de membre du Conseil d'Administration et modalités de remplacement** |
| Ugize Inama y'Ubuyobozi ava muri uwo mwanya iyo: | A member of the Board of Directors loses membership if: | Un membre du Conseil d'Administration cesse d'être membre lorsque: |

| | | |
|---|---|---|
| 1 º manda ye irangiye; | 1 º his/her term of office expires; | 1 º le mandat expire; |
| 2 º yeguye akoresheje inyandiko; | 2 º he/she resigns in writing; | 2 º il démissionne par écrit; |
| 3 º atagishoboye gukora imirimo ye kubera ubumuga bw'umubiri cyangwa uburwayi bwo mu mutwe, byemejwe n'akanama k'abaganga batatu (3) bemewe na Leta; | 3 º he/she is no longer able to perform his/her duties due to physical or mental disability certified by a committee of three (3) authorised medical doctors; | 3 º il n'est plus en mesure de remplir ses fonctions pour cause d'incapacité physique ou mentale constatée par une commission de trois (3) médecins agréés; |
| 4 º akatiwe burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6); | 4 º he/she is definitively sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six (6) months; | 4 º il est définitivement condamné à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six (6) mois; |
| 5 º ahamwe n'icyaha cya jenoside cyangwa icy'ingengabitekerezo ya jenoside; | 5 º he/she is convicted of the crime of genocide or genocide ideology; | 5 º il est condamné pour crime de génocide ou crime d'idéologie du génocide; |
| 6 º asibye inama inshuro eshatu (3) zikurikirana nta mpamvu zifite ishingiro; | 6 º he/she is absent in meetings for three (3) consecutive meetings without valid reasons; | 6 º il s'absente à trois (3) réunions consécutives sans raisons valables; |
| 7 º agaragaje imyitwarire itajyanye n'inshingano ze; | 7 º he/she demonstrates behavior incompatible with his/her duties; | 7 º il manifeste un comportement incompatible avec ses fonctions; |
| 8 º abangamira inyugu za FONERWA; | 8 º he/she jeopardizes the interests of FONERWA; | 8 º il compromet les intérêts de FONERWA; |
| 9 º apfuye. | 9 º he/she dies. | 9 º il décède. |
| Iyo umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi avuye mu mirimo ye nibura mu gihe cy'amezi atandatu (6) mbere y'uko manda ye irangira, urwego rubifitiye ububasha rushyiraho umusimbura akarangiza manda y'uwo asimbuye. | In case a member of the Board of Directors leaves his/her duties at least six (6) months before the expiration of his/her term of office, the competent organ appoints his/her substitute to completes the remaining term of his/her predecessor. | Lorsqu'un membre du Conseil d'Administration perd la qualité de membre six (6) mois au moins avant l'expiration de son mandat, l'organe compétent nomme son remplaçant qui termine le mandat de son prédécesseur. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 16</u>: Itumizwa n'iterana ry'inama z'Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 16</u>: Convening and holding of meetings of the Board of Directors** | **<u>Article 16</u>: Convocation et tenue des réunions du Conseil d'Administration** |
| Inama y'Inama y'Ubuyobozi ya FONERWA iterana rimwe mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa itumijwe mu nyandiko na Perezida wayo, cyangwa Visi Perezida igihe Perezida adahari, abyibwirije cyangwa bisabwe mu nyandiko nibura na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abayigize. | The meeting of the Board of Directors of FONERWA is held once a quarter and whenever necessary, upon a written invitation by its Chairperson or Vice-Chairperson in case of absence of its Chairperson, at his/her own initiative or upon request in writing by at least one third (1/3) of its members. | La réunion du Conseil d'Administration de FONERWA se tient une fois par trimestre et chaque fois que de besoin, sur invitation écrite de son Président ou de son Vice-Président en cas d'absence du Président, de sa propre initiative ou à la demande écrite d'au moins un tiers (1/3) de ses membres. |
| Ubutumire bukorwa mu nyandiko ishyikirizwa abagize Inama y'Ubuyobozi hasigaye nibura iminsi cumi n'itanu (15) ngo inama iterane. | The invitation is submitted in writing to members of the Board of Directors at least fifteen (15) days before the meeting is held. | L'invitation est adressée par écrit aux membres du Conseil d'Administration au moins quinze (15) jours avant la tenue de la réunion. |
| Icyakora, inama idasanzwe itumizwa mu nyandiko hasigaye nibura iminsi itatu (3) y'akazi kugira ngo iterane. | However, an extraordinary meeting is convened in writing at least three (3) working days before the meeting is held. | Toutefois, une réunion extraordinaire est convoquée par écrit au moins trois (3) jours ouvrables avant la tenue de la réunion. |
| Mu byigwa n'inama y'Inama y'Ubuyobozi mu gihembwe cya mbere cy'umwaka, harimo kwemeza raporo y'imari n'iy'ibikorwa by'umwaka urangiye. | Items to be examined by the meeting of the Board of Directors in the first quarter of the year include the approval of the financial and activity reports of the previous year. | Sur les points à examiner par le Conseil d'Administration au cours du premier trimestre, figure l'approbation du rapport financier et du rapport d'activités de l'année précédente. |
| Buri gihembwe Inama y'Ubuyobozi igomba gusuzuma raporo y'imari n'iy'ibikorwa byerekeranye n'igihembwe kirangiye, igashyikirizwa urwego rureberera FONERWA. | In every quarter, the Board of Directors must examine the financial and activity reports relating to the previous quarter to be submitted to the supervising organ of FONERWA. | Chaque trimestre, le Conseil d'Administration doit examiner le rapport financier et le rapport d'activités relatifs au trimestre précédent et les transmet à l'organe de tutelle de FONERWA. |
| **<u>Ingingo ya 17</u>: Umubare wa ngombwa kugira ngo inama y'Inama y'Ubuyobozi iterane** | **<u>Article 17</u>: Quorum for holding a meeting of the Board of Directors** | **<u>Article 17</u>: Quorum pour la tenue de la réunion du Conseil d'Administration** |
| Umubare wa ngombwa kugira ngo inama y'Inama y'Ubuyobozi iterane ni bibiri bya gatatu (2/3) by'abayigize. | The quorum for the meeting of the Board of Directors to take place is two thirds (2/3) of its members. | Le quorum pour la réunion du Conseil d'Administration est de deux tiers (2/3) de ses membres. |

| | | |
|---|---|---|
| Icyakora, iyo inama itumijwe ubwa kabiri iterana hatitawe ku mubare w'abayigize bahari. | However, when a meeting is convened for the second time, it takes place regardless of the number of its members present. | Toutefois, lorsque la réunion est convoquée pour la deuxième fois, elle se tient sans considération du nombre de ses membres présents. |
| Umuyobozi Mukuru yitabira inama z'Inama y'Ubuyobozi ariko igihe cyo gufata ibyemezo we ntatora. | The Chief Executive Officer attends the meetings of the Board of Directors but he/she has no right to vote in decision making. | Le Directeur Général en Chef participe aux réunions du Conseil d'Administration mais il n'a pas le droit de voter lors de la prise de décisions. |
| **<u>Ingingo ya 18</u>: Ifatwa ry'ibyemezo** | **<u>Article 18</u>: Decisions making** | **<u>Article 18</u>: Prise de décisions** |
| Uburyo Inama y'Ubuyobozi ifatamo ibyemezo buteganywa n'amategeko ngengamikorere ya FONERWA. | Modalities for decision-making by the Board of Directors are determined by internal rules and regulations of FONERWA. | Les modalités de prise de décisions par le Conseil d'Administration sont déterminées par le règlement d'ordre intérieur de FONERWA. |
| **<u>Ingingo ya 19</u>: Itumira mu nama z'Inama y'Ubuyobozi ry'umuntu ushobora kuyungura inama** | **<u>Article 19</u>: Invitation of a resource person to the meetings of the Board of Directors** | **<u>Article 19</u>: Invitation d'une personne ressource aux réunions du Conseil d'Administration** |
| Inama y'Ubuyobozi ishobora gutumira mu nama yayo umuntu wese ibona ko ashobora kuyungura inama ku ngingo runaka ifite ku murongo w'ibyigwa. | The Board of Directors may invite to its meeting any person from whom it may seek advice on a certain item on the agenda. | Le Conseil d'Administration peut inviter à sa réunion toute personne dont il peut obtenir des conseils sur un point à l'ordre du jour. |
| Uwatumiwe ntiyemerewe gutora no gukurikirana iyigwa ry'izindi ngingo ziri ku murongo w'ibyigwa. | The invited person is not allowed to vote or to follow debates on other items on the agenda. | La personne invitée n'est pas autorisée à voter ou à suivre les débats sur d'autres points à l'ordre du jour. |
| **<u>Ingingo ya 20</u>: Iyemezwa ry'ibyemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi n'inyandikomvugo yayo** | **<u>Article 20</u>: Approval of resolutions and minutes of the meeting of the Board of Directors** | **<u>Article 20</u>: Approbation des résolutions et procès-verbal de la réunion du Conseil d'Administration** |
| Inyandiko y'ibyemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi ishyirwaho umukono n'abayitabiriye inama ikirangira. | Resolutions of the meeting of the Board of Directors are signed by members who participated in the meeting immediately after its end. | Les résolutions de la réunion du Conseil d'Administration sont immédiatement signées par ses membres présents après la séance de la réunion. |
| Inyandikomvugo y'inama y'Inama y'Ubuyobozi ishyirwaho umukono na Perezida n'umwanditsi wayo, imaze kwemezwa mu nama ikurikira. | The minutes of the meeting of the Board of Directors are signed by the Chairperson and its rapporteur upon approval in the next meeting. | Le procès-verbal de la réunion du Conseil d'Administration est signé conjointement par le Président et son rapporteur après approbation dans la réunion qui suit. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 21</u>: Umwanditsi w'inama y'Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 21</u>: Rapporteur of the meeting of the Board of Directors** | **<u>Article 21</u>: Rapporteur de la réunion du Conseil d'Administration** |
| Umuyobozi Mukuru wa FONERWA niwe mwanditsi w'inama y'Inama y'Ubuyobozi. | The Chief Executive Officer of FONERWA is the rapporteur of the meeting of the Board of Directors. | Le Directeur Général en Chef de FONERWA est le rapporteur de la réunion du Conseil d'Administration. |
| Umuyobozi Mukuru wa FONERWA ntiyitabira inama zifata ibyemezo ku bibazo bimureba. Icyo gihe abagize Inama y'Ubuyobozi bitoramo umwanditsi. | The Chief Executive Officer of FONERWA does not participate in the meetings that take decisions on issues that concern him/her. In that case, members of the Board of Directors elect among themselves a rapporteur. | Le Directeur Général en Chef de FONERWA ne participe pas aux réunions qui prennent des décisions qui le concernent. Dans ce cas, les membres du Conseil d'Administration élisent parmi eux un rapporteur. |
| **<u>Ingingo ya 22</u>: Inyungu bwite mu bibazo bisuzumwa** | **<u>Article 22</u>: Personal interest in issues on the agenda** | **<u>Article 22</u>: Intérêt personnel dans les points à l'ordre du jour** |
| Iyo uri mu bagize Inama y'Ubuyobozi afite inyungu bwite itaziguye cyangwa iziguye mu bibazo bisuzumwa, agomba kumenyesha bidatinze Inama y'Ubuyobozi, aho inyungu ze zishingiye. Umenyesha inyungu afite ku kibazo cyigwa, ntiyitabira inama yiga kuri icyo kibazo. | When a member of the Board of Directors has a direct or indirect interest in the issue to be examined, he/she must immediately inform the Board of Directors about where his/her interest lies. The member informing of interests in the issue to be examined cannot attend the meeting deliberating on that issue. | Lorsqu'un membre du Conseil d'Administration a un intérêt direct ou indirect dans un point à examiner, il doit en informer immédiatement le Conseil d'Administration et montrer où ses intérêts reposent. Le membre qui informe de son intérêt dans un point à examiner ne participe pas à la réunion qui examine ce point. |
| Iyo bigaragaye ko benshi cyangwa bose mu bagize Inama y'Ubuyobozi bafite inyungu bwite itaziguye cyangwa iziguye mu bibazo bisuzumwa, ku buryo bidashoboka gufata ibyemezo kuri ibyo bibazo, ibyo bibazo bishyikirizwa urwego rureberera FONERWA rukabifataho icyemezo mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30). | When it is proved that many or all members of the Board of Directors have direct or indirect interest in the issue to be examined in such a way that it is impossible to take a decision on the issue, the issue is submitted to the supervising organ of FONERWA for a ruling thereon within thirty (30) days. | Lorsqu'il apparaît que beaucoup ou tous les membres du Conseil d'Administration ont un intérêt direct ou indirect dans un point à examiner de sorte que la prise de décision sur ces points devienne impossible, ces points sont soumis à l'organe de tutelle de FONERWA afin de décider sur l'affaire endéans trente (30) jours. |
| **<u>Ingingo ya 23</u>: Ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama** | **<u>Article 23</u>: Sitting allowances for members of the Board of Directors** | **<u>Article 23</u>: Jetons de présence pour les membres du Conseil d'Administration** |
| Ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama y'Inama y'Ubuyobozi bigenwa n'Iteka rya Perezida. | Sitting allowances entitled to members of the Board of Directors attending the meetings of the Board of Directors are determined by a Presidential Order. | Les jetons de présence alloués aux membres du Conseil d'Administration présents aux réunions du Conseil |

| | | |
|---|---|---|
| | | d'Administration sont déterminés par arrêté présidentiel. |
| **<u>Icyiciro cya 2</u>: Urwego Nshingwabikorwa** | **<u>Section 2:</u> Executive Organ** | **<u>Section 2</u>: Organe Exécutif** |
| **<u>Ingingo ya 24</u>: Inshingano z'Urwego Nshigwabikorwa** | **<u>Article 24</u>: Responsibilities of the Executive Organ** | **<u>Article 24</u>: Attributions de l'Organe Exécutif** |
| Urwego Nshingwabikorwa rwa FONERWA rufite inshingano zikurikira: | The Executive Organ of FONERWA has the following responsibilities: | L'Organe Exécutif de FONERWA a les attributions suivantes: |
| 1 º gukurikirana no guhuza imirimo n'ibikorwa bya buri munsi; | 1 º to monitor and coordinate daily functions and activities; | 1 º assurer le suivi et coordonner des fonctions et activités quotidiennes; |
| 2 º gukora indi mirimo iri mu nshingano za FONERWA rwahabwa n'Inama y'Ubuyobozi. | 2 º to perform such other duties falling within the mission of FONERWA as may be assigned by the Board of Directors. | 2 º effectuer toute autre tâche relevant de la mission de FONERWA que le Conseil d'Administration peut lui confier. |
| **<u>Ingingo ya 25</u>: Abagize Urwego Nshingwabikorwa rwa FONERWA** | **<u>Article 25</u>: Composition of the Executive Organ of FONERWA** | **<u>Article 25</u>: Composition de l'Organe Exécutif de FONERWA** |
| Urwego Nshingwabikorwa rwa FONERWA rugizwe n'Umuyobozi Mukuru ushyirwaho n'Iteka rya Perezida n'abandi bakozi bahabwa akazi hakurikijwe amategeko ngengamikorere ya FONERWA. | The Executive Organ of FONERWA is comprised of the Chief Executive Officer appointed by a Presidential Order and other staff members recruited in accordance with the rules and regulations of FONERWA. | L'Organe Exécutif de FONERWA est composé du Directeur Général en Chef nommé par un arrêté présidentiel et d'autres membres du personnel recruté conformément au règlement d'ordre intérieur de FONERWA. |
| Iteka rya Perezida rishobora kandi gushyiraho Umuyobozi Mukuru Wungirije, rikanagena ububasha n'inshingano bye. | A Presidential Order may also appoint the Deputy Chief Executive Officer and determine his/her powers and responsibilities. | Un arrêté présidentiel peut également nommer un Directeur Général en Chef Adjoint et déterminer ses pouvoirs et attributions. |
| **<u>Ingingo ya 26</u>: Imikorere y'Urwego Nshingwabikorwa rwa FONERWA** | **<u>Article 26</u>: Functioning of the Executive Organ of FONERWA** | **<u>Article 26</u>: Fonctionnement de l'Organe Exécutif de FONERWA** |
| Imikorere y'abagize Urwego Nshingwabikorwa rwa FONERWA igenwa n'amategeko ngengamikorere yayo. | The functioning of members of the Executive Organ of FONERWA is determined by its internal rules and regulations. | Le fonctionnement des membres de l'Organe Exécutif de FONERWA est déterminé par son règlement d'ordre intérieur. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 27</u>: Ububasha n'inshingano by'Umuyobozi Mukuru** | **<u>Article 27</u>: Powers and responsibilities of the Chief Executive Officer** | **<u>Article 27</u>: Pouvoirs et attributions du Directeur Général en Chef** |
| Umuyobozi Mukuru wa FONERWA ashinzwe imicungire ya buri munsi y'ibikorwa by'Urwego Nshingwabikorwa. | The Chief Executive Officer of FONERWA is entrusted with the daily management of activities of the Executive Organ. | Le Directeur Général en Chef de FONERWA est chargé de la gestion journalière des activités de l'Organe Exécutif. |
| Inshingano z'ingenzi z'Umuyobozi Mukuru wa FONERWA ni izi zikurikira: | The main responsibilities of the Chief Executive Officer of FONERWA are the following: | Les attributions principales du Directeur Général en Chef de FONERWA sont les suivantes: |
| 1º gutegura no guhuza ibikorwa bya FONERWA; | 1º to prepare and coordinate the activities of FONERWA; | 1º préparer et coordonner les activités de FONERWA; |
| 2º gukurikirana no gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inama y'Ubuyobozi ya FONERWA; | 2º to follow-up and implement resolutions of the Board of Directors of FONERWA; | 2º suivre et mettre en exécution les résolutions du Conseil d'Administration de FONERWA; |
| 3º guhagararira FONERWA imbere y'amategeko; | 3º to serve as a legal representative of FONERWA; | 3º représenter FONERWA devant la loi; |
| 4º gukurikirana imirimo ya buri munsi ya FONERWA; | 4º to monitor the daily management of FONERWA; | 4º suivre la gestion quotidienne de FONERWA; |
| 5º gutegura no kugeza ku Nama y'Ubuyobozi imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari y'umwaka kugira ngo iwemeze; | 5º to prepare and submit the draft annual budget proposal and submit it to the Board of Directors for approval; | 5º préparer et soumettre l'avant-projet du budget annuel au Conseil d'Administration pour adoption; |
| 6º kuba Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari; | 6º to be the General Chief Budget manager; | 6º être le Gestionnaire Principal du Budget; |
| 7º gukora raporo ya buri mwaka y'imirimo ya FONERWA; | 7º to make the annual activities report of FONERWA; | 7º faire le rapport annuel des activités de FONERWA; |
| 8º gukora indi mirimo iri mu nshingano za FONERWA yahabwa n'Inama y'Ubuyobozi. | 8º to perform such other duties falling within the mission of FONERWA as may be assigned to him/her by the Board of Directors. | 8º effectuer toute autre tâche lui assignée par le Conseil d'Administration et rentrant dans la mission de FONERWA. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 28</u>: Sitati igenga abakozi ba FONERWA** | **<u>Article 28</u>: Statutes governing the staff of FONERWA** | **<u>Article 28</u>: Statut régissant le personnel de FONERWA** |
| Abakozi ba FONERWA bagengwa na sitati yihariye ishyirwaho n'Inama y'Ubuyobozi. | The staff of FONERWA are governed by a special statute established by the Board of Directors. | Le personnel de FONERWA est régi par un statut particulier établi par le Conseil d'Administration. |
| **<u>Ingingo ya 29</u>: Imishahara n'ibindi bigenerwa abagize Urwego Nshingwabikorwa rwa FONERWA** | **<u>Article 29</u>: Salaries and fringe benefits of the members of the Executive Organ of FONERWA** | **<u>Article 29</u>: Salaires et avantages accordés aux membres de l'Organe Exécutif de FONERWA** |
| Iteka rya Perezida rigena umushahara n'ibindi bigenerwa Umuyobozi Mukuru n'Umuyobozi Mukuru Wungirije ba FONERWA. | A Presidential Order determines the salary and fringe benefits allocated to the Chief Executive Officer and a Deputy Chief Executive Officer of FONERWA. | Un arrêté présidentiel détermine le salaire et les avantages accordés au Directeur Général en Chef et au Directeur Général en Chef Adjoint de FONERWA. |
| Imbonerahamwe y'imishahara n'ibindi bigenerwa abandi bakozi ba FONERWA byemezwa n'Inama y'Ubuyobozi. | The salary grid and fringe benefits allocated to other staff of FONERWA are approved by the Board of Directors. | La grille salariale et les avantages accordés aux autres membres du personnel de FONERWA sont approuvés par le Conseil d'Administration. |
| **<u>UMUTWE WA IV</u>: UMUTUNGO N'IMARI BYA FONERWA** | **<u>CHAPTER IV</u>: PROPERTY AND FINANCE OF FONERWA** | **<u>CHAPITRE IV</u>: PATRIMOINE ET FINANCES DE FONERWA** |
| **<u>Ingingo ya 30</u>: Umutungo wa FONERWA n'inkomoko yawo** | **<u>Article 30</u>: Property of FONERWA and its sources** | **<u>Article 30</u>: Patrimoine de FONERWA et ses sources** |
| Umutungo wa FONERWA ugizwe n'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa. | The property of FONERWA is comprised of movable and immovable assets. | Le patrimoine de FONERWA est composé de biens meubles et immeubles. |
| Umutungo wa FONERWA ukomoka kuri ibi bikurikira: | The property of FONERWA derives from the following sources: | Le patrimoine de FONERWA provient des sources suivantes: |
| 1 º ingengo y'imari igenerwa na Leta; | 1 º State allocated budget; | 1 º les dotations budgétaires de l'Etat; |
| 2 º inkunga n'imfashanyo; | 2 º subsidies and grants; | 2 º les subventions et aides; |
| 3 º impano n'indagano; | 3 º donations and bequests; | 3 º les dons et legs; |
| 4 º zeru n'igice kimwe ku ijana (0.1%) y'ikiguzi cy'umushinga wakorewe isuzumangaruka ku | 4 º zero point one per cent (0.1%) of the project cost of which environmental impact assessment has been | 4 º zéro point un pour cent (0.1%) du coût total du projet dont l'évaluation d'impact sur |

| | | |
|---|---|---|
| bidukikije havanywemo igishoro; | carried out minus the working capital; | l'environnement a été faite, moins les fonds de roulement; |
| 5 º inguzanyo zahawe FONERWA zemewe na Minisitiri ufite imari mu nshingano ze; | 5 º loans granted to FONERWA approved by the Minister in charge of finance; | 5 º les crédits octroyés à FONERWA approuvés par le Ministre ayant les finances dans ses attributions; |
| 6 º amafaranga yo gucunga imishinga akurwa ku mishinga yatewe inkunga; | 6 º management fees imposed on funded projects; | 6 º les frais de gestion des projets perçus sur les projets financés; |
| 7 º inyungu zikomoka ku mafaranga FONERWA yatanzemo inguzanyo ku bufatanye n'amabanki; | 7 º interests from loan granted by FONERWA in collaboration with banks; | 7 º les intérêts perçus sur les crédits octroyés par FONERWA en collaboration avec les banques; |
| 8 º amafaranga agenwa n'amategeko. | 8 º fees determined by Law. | 8 º frais déterminés par la loi. |
| **<u>Ingingo ya 31</u>: Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo wa FONERWA** | **<u>Article 31</u>: Use, management and audit of the property of FONERWA** | **<u>Article 31</u>: Utilisation, gestion et audit du patrimoine de FONERWA** |
| Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo wa FONERWA bikorwa hakurikijwe amategeko abigenga. | The use, management and audit of the property of FONERWA are carried out in accordance with relevant laws. | L'utilisation, la gestion et l'audit du patrimoine de FONERWA sont effectués conformément à la législation en la matière. |
| Ishami rishinzwe igenzura bwite ry'imikoreshereze y'umutungo wa FONERWA riha, buri gihembwe, raporo Inama y'Ubuyobozi rikagenera kopi Umuyobozi Mukuru wa FONERWA. | FONERWA internal audit unit submits a report, every quarter, to the Board of Directors and provides a copy to the Chief Executive Officer of FONERWA. | Le service d'audit interne de FONERWA transmet, chaque trimestre, un rapport au Conseil d'Administration et en donne une copie au Directeur Général en Chef de FONERWA. |
| Iyo bibaye ngombwa, Inama y'Ubuyobozi ya FONERWA ishobora gushyiraho umugenzuzi w'imari uturutse hanze ngo agenzure ikoreshwa ry'umutungo n'imicungire y'abakozi. | When it is considered necessary, the Board of Directors of FONERWA may decide to engage the services of an external auditor for auditing of the use of property and human resource management. | S'il le juge nécessaire, le Conseil d'Administration de FONERWA peut décider d'engager les services d'un auditeur externe pour auditer l'utilisation du patrimoine et la gestion de ressources humaines. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 32</u>: Raporo y'umwaka w'ibaruramari** | **<u>Article 32</u>: Annual financial report** | **<u>Article 32</u>: Rapport annuel des états financiers** |
| Mu gihe kitarenze amezi atatu (3) akurikira impera z'umwaka w'ibaruramari, Umuyobozi Mukuru wa FONERWA ashyikiriza urwego ruyireberera raporo y'umwaka w'ibaruramari, imaze kwemezwa n'Inama y'Ubuyobozi hakurikijwe amategeko abigenga. | Within a period not exceeding three (3) months following the end of the financial year, the Chief Executive Officer of FONERWA submits the annual financial report to the supervising organ after its approval by the Board of Directors in accordance with relevant laws. | Dans un délai ne dépassant pas trois (3) mois qui suivent la fin de l'exercice financier, le Directeur Général en Chef de FONERWA soumet le rapport des états financiers à l'organe de tutelle, après son approbation par le Conseil d'Administration conformément à la législation en la matière. |
| **<u>UMUTWE WA V</u>: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA** | **<u>CHAPTER V</u>: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS** | **<u>CHAPITRE V</u>: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES** |
| **<u>Ingingo ya 33</u>: Kwegurirwa umutungo** | **<u>Article 33</u>: Transfer of property** | **<u>Article 33</u>: Transfert du patrimoine** |
| Umutungo wimukanwa, utimukanwa, imyenda n'amazina bya FONERWA byagengwaga n'Itegeko n° 16/2012 ryo ku wa 22/05/2012 rigena imiterere, imikorere n'inshingano bya FONERWA byeguriwe FONERWA ishyizweho n'iri tegeko. | The movable and unmovable assets, debts and name of FONERWA governed by Law nº 16/2012 of 22/05/2012 determining the organization, functioning and mission of FONERWA are transferred to FONERWA established by this Law. | Les biens meubles et immeubles, dettes et le nom de FONERWA régi par la Loi nº 16/2012 du 22/05/2012portant organisation, fonctionnement et mission de FONERWA sont transférés à FONERWA régi par la présente loi. |
| **<u>Ingingo ya 34</u>: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko** | **<u>Article 34</u>: Drafting, consideration and adoption of this Law** | **<u>Article 34</u>: Initiation, examen et adoption de la présente loi** |
| Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda. | This Law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda. | La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en kinyarwanda. |
| **<u>Ingingo ya 35</u>: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko** | **<u>Article 35</u>: Repealing provision** | **<u>Article 35</u>: Disposition abrogatoire** |
| Itegeko n° 16/2012 ryo ku wa 22/05/2012 rigena imiterere, imikorere n'inshingano by'Ikigega cy'Igihugu cy'Ibidukikije (FONERWA), n'ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho. | Law nº 16/2012 of 22/05/2012 determining the organization, functioning and mission of the National Fund for Environment (FONERWA) as well as all prior provisions contrary to this Law are repealed. | La Loi nº 16/2012 du 22/05/2012 portant organisation, fonctionnement et mission du Fonds National de l'Environnement (FONERWA) ainsi que toutes les dispositions antérieures contraires à la présente loi sont abrogées. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 36</u>: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa**<br><br>Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. | **<u>Article 36</u>: Commencement**<br><br>This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. | **<u>Article 36</u>: Entrée en vigueur**<br><br>La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. |
| Kigali, ku wa 03/08/2017<br><br>(sé)<br>**KAGAME Paul**<br>Perezida wa Repubulika | Kigali, on 03/08/2017<br><br>(sé)<br>**KAGAME Paul**<br>President of the Republic | Kigali, le 03/08/2017<br><br>(sé)<br>**KAGAME Paul**<br>Président de la République |
| (sé)<br>**MUREKEZI Anastase**<br>Minisitiri w'Intebe | (sé)<br>**MUREKEZI Anastase**<br>Prime Minister | (sé)<br>**MUREKEZI Anastase**<br>Premier Ministre |
| **Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**<br><br>(sé)<br>**BUSINGYE Johnston**<br>Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta | **Seen and sealed with the Seal of the Republic:**<br><br>(sé)<br>**BUSINGYE Johnston**<br>Minister of Justice/Attorney General | **Vu et scellé du Sceau de la République**<br><br>(sé)<br>**BUSINGYE Johnston**<br>Ministre de la Justice/Garde des Sceaux |

| | | |
|---|---|---|
| **ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 105/03 RYO KU WA 17/08/2017 RISEZERERA NTA MPAKA *DIRECTOR GENERAL*** | **PRIME MINISTER'S ORDER N° 105/03 OF 17/08/2017 ON AUTOMATICALLY REMOVING FROM OFFICE A DIRECTOR GENERAL** | **ARRETE DU PREMIER MINISTRE N° 105/03 DU 17/08/2017 PORTANT DEMISSION D'OFFICE D'UN DIRECTEUR GENERAL** |
| **ISHAKIRO** | **TABLE OF CONTENTS** | **TABLE DES MATIERES** |
| **Ingingo ya mbere: Isezererwa nta mpaka**<br>**Ingingo 2: Abashinzwe kugushyira mu bikorwa iri teka**<br>**Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**<br>**Ingingo ya 4: Igihe iri teka ritangira gukurikizwa** | **Article One: Automatic removal**<br>**Article 2: Authorities responsible for the implementation of this Order**<br>**Article 3: Repealing provision**<br>**Article 4: Commencement** | **Article Premier: Démission d'office**<br>**Article 2: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté**<br>**Article 3: Disposition abrogatoire**<br>**Article 4: Entrée en vigueur** |

| | | |
|---|---|---|
| **ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 105/03 RYO KU WA 17/08/2017 RISEZERERA NTA MPAKA *DIRECTOR GENERAL*** | **PRIME MINISTER'S ORDER N° 105/03 OF 17/08/2017 ON AUTOMATICALLY REMOVING FROM OFFICE A DIRECTOR GENERAL** | **ARRETE DU PREMIER MINISTRE N° 105/03 DU 17/08/2017 PORTANT DEMISSION D'OFFICE D'UN DIRECTEUR GENERAL** |
| **Minisitiri w'Intebe,** | **The Prime Minister,** | **Le Premier Ministre,** |
| Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 119, iya 120, iya 121 n'iya 176; | Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 119, 120, 121 and 176; | Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 119, 120, 121 et 176; |
| Ashingiye ku Itegeko n° 86/2013 ryo kuwa 11/09/2013 rishyiraho Sitati Rusange igenga abakozi ba Leta, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 40, iya 41, iya 44, iya 93 n'iya 95; | Pursuant to Law n° 86/2013 of 11/09/2013 establishing the general statutes for public service, especially in Articles 40, 41, 44, 93 and 95; | Vu la Loi n° 86/2013 du 11/09/2013 portant statut général de la fonction publique, spécialement en ses articles 40, 41, 44, 93 et 95; |
| Amaze kubona ibaruwa nº 1303/03.5 yo ku wa 14/12/2016 Ibiro bya Minisitiri w'Intebe byandikiye Madamu KABERUKA UWINEZA Chantal imuhagarika by'agateganyo ku mwanya wa *Director General of ICT* guhera ku wa 13/12/2013 kubera ibura ry'umurimo nyuma y'ivugururwa ry'inzego z'imirimo z'Ibiro bya Minisitiri w'Intebe; | Having considered the Letter nº 1303/03.5 of 14/12/2016 from the Office of the Prime Minister suspending Ms. KABERUKA UWINEZA Chantal from the post of Director General of ICT from 13/12/2016 as a result of job discontinuance after the Office of the Prime Minister restructuring; | Vu la lettre nº 1303/03.5 du 14/12/2016 que le Service du Premier Ministre a adressée à Madame KABERUKA UWINEZA Chantal portant sa suspension au poste de Directeur Général chargé de l'ICT à partir du 13/12/2016 suite au manque d'emploi après la restructuration des services de l'Office du Premier Ministre; |
| **ATEGETSE:** | **ORDERS:** | **ARRETE:** |
| **<u>Ingingo ya mbere</u>: Isezererwa nta mpaka** | **<u>Article One</u>: Automatic removal** | **<u>Article premier</u> : Démission d'office** |
| Madamu KABERUKA UWINEZA Chantal wari *Director General of ICT* muri Serivisi z'Ibiro bya Minisitiri w'Intebe asezerewe nta mpaka kuri uwo mwanya kubera ibura ry'umurimo. | Ms KABERUKA UWINEZA Chantal who was Director General of ICT in the Office of the Prime Minister is automatically removed from office due to job discontinuance. | Madame KABERUKA UWINEZA Chantal qui était Directrice Générale chargée de ICT au sein de l'Office du Premier Ministre est démise d'office de ses fonctions pour cause de manque d'emploi. |
| **<u>Ingingo ya 2</u>: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka** | **<u>Article 2</u>: Authorities responsible for implementation of this Order** | **<u>Article 2</u> : Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté** |
| Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo na Minisitiri w'Imari | The Minister of Public Service and Labor and the Minister of Finance and Economic Planning are | Le Ministre de la Fonction Publique et du Travail et le Ministre des Finances et de la Planification |

| | | |
|---|---|---|
| n'Igenamigambi, bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka | entrusted with the implementation of this Order. | Economique sont chargés de l'exécution du présent arrêté. |
| **<u>Ingingo ya 3</u>: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka** | **<u>Article 3</u>: Repealing provision** | **<u>Article 3</u>: Disposition abrogatoire** |
| Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranye na ryo zivanyweho. | All prior legal provisions contrary to this Order are repealed. | Toutes les dispositions antérieures et contraires au présent arrêté sont abrogées. |
| **<u>Ingingo ya 4</u>: Igihe iri teka ritangira gukurikizwa** | **<u>Article 4</u>: Commencement** | **<u>Article 4</u> : Entrée en vigueur** |
| Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi rishyiriweho umukono. Agaciro karyo gahera ku wa 14/06/2017. | This Order comes into force on the date of its signature. It takes effect as of 14/06/2017. | Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa signature. Il sort ses effets à partir du 14/06/2017. |
| Kigali, ku wa 17/08/2017<br><br>**(sé)**<br>**MUREKEZI Anastase**<br>Minisitiri w'Intebe | Kigali, on 17/08/2017<br><br>**(sé)**<br>**MUREKEZI Anastase**<br>Prime Minister | Kigali, le 17/08/2017<br><br>**(sé)**<br>**MUREKEZI Anastase**<br>Premier Ministre |
| **(sé)**<br>**UWIZEYE Judith**<br>Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo | **(sé)**<br>**UWIZEYE Judith**<br>Minister of Public Service and Labour | **(sé)**<br>**UWIZEYE Judith**<br>Ministre de la Fonction Publique et du Travail |
| **Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**<br><br>**(sé)**<br>**BUSINGYE Johnston**<br>Minisitiri w'Ubutabera / Intumwa Nkuru ya Leta | **Seen and sealed with the Seal of the Republic:**<br><br>**(sé)**<br>**BUSINGYE Johnston**<br>Minister of Justice / Attorney General | **Vu et scellé du Sceau de la République :**<br><br>**(sé)**<br>**BUSINGYE Johnston**<br>Ministre de la Justice / Garde des Sceaux |